

*"Nimwitegure guhabwa n'Imana ibintu bikomeye.
Nimugerageze gukorera Imana ibintu bikomeye"*

Byavuzwe na William Carey

Intambwe
ZIGEZA UMUNTU
KU BUBYUTSE

Xuzuzwa Mwuka Wera

Cyanditswe na

HELMUT HAUBEIL

Publisher:

TOP Life Wegweiser-Verlag GmbH, Wien
Austrian Publishing House
© TOP Life Wegweiser-Verlag GmbH, Wien
Verlagsarchivnummer: 040 415 ISBN:
978-3-903002-14-2

Igitabo cya mbere mu rurimi rw'Icyongereza cyasohotse muri Werurwe 2015
Igitabo cya kabiri mu rurimi rw'Icyongereza cyasohotse muri Mata 2016 – mu icapiro ryo muri
Koreya y'Epfo
Igitabo cya gatatu mu rurimi rw'Icyongereza cyasohotse muri Mata 2016 – muri Leta Zunze
ubumwe za Amerika (USA)
Igitabo cya kane mu rurimi rw'Icyongereza cyasohotse muri Mata 2016

Conception:

Simon Eitzenberger, www.desim.de

Producer:

Konrad Print & Medien, www.konrad-medien.de

Project management: Christian Stroeck

Photography: Henry Stober

Uburyo bw'itumanaho no gushaka gutumiza ibitabo mu zindi ndimi:

Helmut Haubeil, Rosenheimer Str. 49
D-83043 Bad Aibling / Oberbayern – Germany
E-Mail: helmut@haubeil.net
Phone +49 (0)8061 4900712

Igitabo cy'umwimerere kiri mu rurimi rw'Ikidaye. Cyabashije guhindurwa mu ndimi
zikurikira: Ikibulugariya, Igikorowasiya, Igiceke, Danishi, Icyongereza, Igifaransa,
Ighungariya, Ikirumaniya, Ikirusiya, Igiseribiya, na Urdu-Pakistan.

Twifuza ko cyahindurwa no mu zindi ndimi. Ndakwinginze niba ubyifuza, ubasha guhuzwa
na H. Haubeil kugira ngo harebwe niba hari uburyo wabifashwamo. Turi gutegura urubuga
nkoranyambaga. Ubasha kurukoresha ukagira ibyo ujoya cyangwa se ukoherereza inshuti
mu rurimi uhisemo. Urwo rubuga ni: www.steps-to-personalrevival.info

Ushaka andi makuru kuri ibi:

Niba ushaka ibirenze ibi, reba ku rupapuro rwa 2

Keretse umwanditsi abivuze mu bundi buryo, naho ubundi amasomo yakoreshejwe yakuwe muri Bibiliya Yera.
© 1993 Umuryango wa Bibiliya mu Rwanda.

Intambwe

ZIGEZA UMUNTU
Ku bubyutse

*Kuzuzwa Mwuka
Wera*

Cyanditswe na

HELMUTHAUBEIL
IBIRIMURIKIGITABO

10

IRIBURIRO

INTAMBWE ZIGEZA UMUNTU KU BUBYUTSE

Kuzuzwa Mwuka Wera

12

IGICE CYA 1

IMPANO YA YESU IHEBUJE IZINDI ZOSE

Ni iki Yesu yigishije ku byerekeye Mwuka Wera ?

Mbese uzi ubutumwa bwa Yesu bufite imbaraga kurusha ubundi bwose?

24

IGICE CYA 2

MBESE ISHINGIRO RY'IBIBAZO BYACU NI IRIHE ?

Mbese hariho impamvu y'ibibazo byacu mu bya Mwuka ?

Mbese impamvu ni uko Mwuka Wera yabuze ?

51

IGICE CYA 3

MBESE IBIBAZO BYACU BISHOBORA KUBONERWA UMUTI ? — MU BUHE BURYO ?

Ni mu buhe buryo dushobora gukura tukaba abakristo bakomeye kandi bishimye ?

Ni mu buhe buryo Mwuka Wera ashobora kuzura mu mibereho yacu ?

IBIRIMURIKIGITABO

67

IGICE CYA 4

MBESE NI IRIHE TANDUKANIRO TWAKWITEGA KUBONA ?

Mbese ni ayahe mahirwe dufite yo kugira imibereho yuzuwe na Mwuka Wera ?

Mbese ni iki duhomba igihe tudasengera guhabwa Mwuka Wera ?

94

IGICE CYA 5

URUFUNGUZO RW'IMIBEREHO ISHYIZWE MU BIKORWA

Ni mu buhe buryo nashyira mu bikorwa kandi nkiyumvamo igisubizo Imana

imfitiye ?

*Ni mu buhe buryo nkwiye gusenga kugira ngo niringire rwose kuzuzwa Mwuka
Wera ?*

110

IGICE CYA 6

MBESE NI IYIHE MIBEREHO IDUSHYIZWE IMBERE?

Imibereho y'umuntu ku giti cye, imibereho umuntu agirira mu itorero, imibereho umuntu agirira muri Konferansi ndetse no muri Yunyoni abarizwamo

123

UMUGEREKA

Ibyo umusomyi yakomeza gusoma kugira ngo yige birushijeho

Imfashanyigisho y'ibyigisho by'iminsi 40

Imibereho mishya izanwa no kubana na Mwuka Wera

UMWAMI WACU UBWE
YATANZE ITEGEKO

NIMUREKE UBWANYU
MWUZUZWE MWUKA
WEA BUNDI BUSHYA
INSHURO NYINSHI
KANDI MU BURYO
BUHORAHO! ¹

¹ Johannes Mager, Auf den Spuren des Heiligen Geistes (Lüneburg, 1999), Seite 01

IRIBURIRO

INTAMBWE ZIGEZA UMUNTU KU BUBYUTSE

Kuzuzwa Mwuka Wera

Ni gute byambayeho kujya kumva nkumva nshishikajwe n’ “imibereho yo Kuzuzwa Mwuka Wera”?

Ku itariki ya 14 Kanama, 2011, igihe nari ahitwa Kandergrund ho muri Bernese High-lands nasobanukiwe n’umushyikirano w’ingenzi uwo ari wo. Nasobanukiwe n’impamvu yo mu buryo bw’Umwuka ituma turi gutakaza bamwe mu rubyiruko rwacu. Numvise mbabaye. Natekereje ku bana n’abuzukuru banjye. Guhera ubwo nashishikariye cyane iyo nsanganyamatsiko.

Ubu nizera ko iyo mpamvu y’iby’umwuka ari yo yihishe inyuma y’ibibazo dufite mu bya mwuka; by’umwihariko ibibazo by’umuntu ku giti cye, mu matorero yacu no mu itorero mu buryo rusange ku isi yose. Ni ukubura kwa Mwuka Wera.

Niba iyi ari yo mpamvu, dukwiriye gushakira umuti iki kibazo mu buryo bwihuse. Niba iki kibazo gishobora gukemuka, cyangwa se kikagabanuka ku buryo bugaragara, ibindi bibazo byinshi bizahinduka ibidafite icyo bitwaye cyangwa se bikemurwe.

Icyo abandi bavuga kuri iri bura:

- ▶ **Emil BrunnEr**, *Umubwirizabutumwa w'iyobokamana rivuguruye, yanditse ko « Mwuka Wera yagiye aba intambwe y'ikubitiro y'iby'iyobokamana. »*¹

- ▶ **D. martin lloyd —JonEs** yaranditse ati, « Niba natanga igitekerezo cyanjye cyubashywe, nta nsanganyamatsiko y'ibyo kwizera kwa Bibiliya yirengagijwe mu gihe cyashije cyangwa muri iki gihe nk'insanganyamatsiko ya Mwuka Wera...mpamya ntashidikanya ko iyi ari yo mpamvu y'intege nkeya ziboneka mu kwizera ubutumwa bwiza. »²

- ▶ **IE roy E. Froom** yaravuze ati, « Nemera rwose ko ukubura kwa Mwuka Wera ari yo ngorane ikomeye kurusha izindi zose dufite. »³⁴

- ▶ **Dwight nElson** yaravuze ati, « Itorero ryacu risa n'aho ryageze ku iterambere rihagije ku by'imihango, igenamigambi ndetse na gahunda bishimishije; ariko ku iherezo nituramuka tutemeyeko dufite ubukene bw'ibya Mwuka [ari byo kubura kwa Mwuka Wera] bwigaruriye benshi muri twe abagabura ndetse n'abayobozi, ntabwo tuzashobora na rimwe kwivana mu bukristo

5

 bwacu bw'umuhango. »

- ▶ **garrie F. williams** yaravuze ati, « Bisa n'aho Mwuka Wera agira uruhare ruto cyane mu buryo bukomeye mu mibereho ya buri muni ya benshi mu Badiventisti no mu mibereho y'iby'idini. Nyamara kandi ni we rufatiro rw'imibereho yo muri Kristo inejeje, ibasha kureshya abandi ndetse ikera imbuto. »⁵

- ▶ **uwitwa a. w. toZEr** yaravuze ati, « Mwuka Wera aramutse akuwe mu itorero ryacu uyu muni, 95 z'ibyo dukora byakomeza kandi nta watahura ko hari itandukaniro ryabayeho ugereranije n'ibyari bisanzwe. Iyo Mwuka Wera aza kuva mu Itorero rya mbere, 95 z'ibyo bakoraga byari guhagarara kandi buri wese yari kubona ko habayeho itandukaniro. »⁶

Kugira ngo dutangire, turashaka gufata umwanya muto tukareba ku byo Umwami Yesu yavuze kuri Mwuka Wera.

¹ Johannes Mager, *Auf den Spuren des Heiligen Geistes*, (Lüneburg, 1999), Cover

² D. Martin Lloyd-Jones, *Vollmacht*, Telos-Taschenbuch Nr.385, Marburg 1984, p.72

³ E.G. White, *The Coming of the Comforter* (Hagerstown, 1949), p.94

⁴ Editor Helmut Haubeil, *Missionsbrief* Nr.34 (Bad Aibling, 2011), Seite 3

⁵ Garrie F. Williams, *How to be filled by the Holy Spirit and know it* (Lüneburg, 2007), Cover

⁶ Dr. S. Joseph Kidder, *Anleitung zum geistlichen Leben* (Andrews University), PPP slide 2

IMPANO YA YESU IHEBUJE IZINDI ZOSE

NI IKI YESU YIGISHIJE KU
BYEREKEYE MWUKA WERA ?

*Mbese uzi ubutumwa bwa Yesu
bufite imbaraga kurusha
ubundi bwose?*

Bumwe mu buhamya bw’abantu ku giti cyabo:

Tugaruke ku “rukundo rwacu rwa mbere”: Hari mushiki wacu wanyandikiye agira ati, ‘ubu jyewe n’inshuti yanjye turi kwiga igitabo cyitwa “Iminsi 40” ku nshuro ya gatatu, tukagenda tunyuzamo tukaniga agatabo kitwa “intambwe zigeza umuntu ku bubyutse”. Mbere yuko tuvumbura iki gitabo, imibereho yo kwizera n’amasengesho byacu ntabwo byari bimeze nk’uko bimeze ubu. **Twari dukumbuye kongera kugira urukundo rwacu rwa mbere.** Twararubonye rero! Turashimira Imana n’imitima yacu yose. Ni byiza cyane ko Imana yacu y’urukundo isubiza amasengesho kandi igahishura uburyo Mwuka Wera ari gukora umurimo-haba muri twe ndetse no mu bo dusengera. M.S

Yesu yinjiye mu mibereho yacu: Undi muntu yanditse kuri ibi bitabo agira ati, “... byahindutse umugisha ukomeye nari maze igihe ntegereje mu mibereho yanjye. Kimwe n’abandi benshi bagize itorero ndetse na mushiki wacu wo mu itorero ryacu twiyumvisemo icyo twari twarabuze mu mibereho yacu yo kwizera kandi ubu dufite amahirwe yo kumva

uburyo Yesu yinjiye mu mibereho yacu maze agatangira kudukhindura. Aracyadukorera umurimo na n’ubu kandi intambwe ku ntambwe, agenda atwiyegereza.” S.K

Mbese abigishwa ba Yesu baba baribajije bati, “Ni mu buhe buryo Yesu ashobora gukorera mu bugingo bwacu bene aka kageni? Mbese byari bifite aho bihuriye n’imibereho ye yo gusenga? Iyo ni yo mpamvu yabateye gusaba bati, “*Databuja, twigishe gusenga.*” Yesu yashubije icyifuzo cyabo.

Icyigisho cye kivuga iby’isengesho kiboneka muri Luka 11:1-13 gifite ibice bitatu bikurikira: Isengesho ry’Umwami, umugani w’inshuti yagendereye umuntu nijoro n’ikindi gice kigaragaza umugabane ukomeye w’icyigisho ari cyo kivuga ibyo gusenga ubudacogora usaba Mwuka Wera.

Muri uwo mugani (umurongo wa 5 kugeza ku wa 8) abashyitsi bagera mu rugo rw’umuntu bwije kandi uwo muntu **nta kintu afite** cyo kubagaburira. Bitewe n’ibyo akeneye, ahita ajya ku muturanyi we. Amusobanurira ko “**nta kintu afite**” nuko akamusaba umugati. Akomeza gusaba kugeza ubwo abonye umugati. Noneho rero ubu afite umugati umugati w’ubugingo-uwe ubwe ndetse n’uwo guha inshuti ze. Afite umugati wo kwigaburira ndetse ahagaze mu mwanya mwiza wo kubasha gusangira n’abandi.

Noneho Yesu agira uko afata uyu mugani (ikibazo: Nta kintu mfite) akawuhuza no gusaba Mwuka Wera avuga ati, “**Ni cyo gituma mbabwira nti, ‘musabe muzahabwa.’**” (Luka 11:9) no gukomeza:

Yesu atanga irarika ridasanzwe avuga ati, “Ku bw’ibyo, musabe Mwuka Wera

Hari imirongo yihariye muri Bibiliya, aho Yesu ashimangira itegeko rivuga ko dukwiriye gusenga dusaba Mwuka Wera. Nta yindi mirongo nzi ya Bibiliya idushishikariza mu buryo bumwe n’ubwo kuzirikana ku mutima ikintu runaka. Iyo mirongo iboneka mu cyigisho cye ku isengesho kiboneka muri Luka igice cya 11. Muri icyo gice ni ho yashimangiye inshuro cumi ko dukwiriye gusenga dusaba Mwuka Wera. Muri Luka 11:9-13 (muri Bibiliya yitiriwe umwami Yakobo), havuga hatya:

“Ni cyo gituma mbabwira nti, **musabe** muzahabwa; **mushake** muzabona; **mukomange** muzakingurirwa. **Kuko usabye** wese ahabwa, **n’ushatse** wese abona kandi n’ukomanze wese arakingurirwa. Nihagira umwana w’umwe muri mwe **usaba** se umugati, mbese azamuha ibuye? Cyangwa se **akamusaba** ifi, mbese azamuha inzoka mu cyimbo cy’ifi? Cyangwa se **namusaba** igi, mbese azamuha sikorupiyo? None se niba mubasha guha

abana banyu ibyiza kandi muri babi, So wo mu ijuru ntazarushaho guha Mwuka Wera abamumusaba?”

Muri iyi mirongo mike, Yesu yakoresheje ijambo “musabe” inshuro esheshatu; noneho kugira ngo ashimangire iryo jambo “musabe”, arisimbuzi “mushake” maze na ryo arikoresha inshuro ebyiri-kandi ryerekana igikorwa-maze akoresha izindi nshuro ebyiri na none irindi jambo “mukomange”-iryo jambo na ryo ryerekana igikorwa.

Mbese agaragaza mu buryo bweruye ko hari ikintu dukwiriye gukora ngo twuzuzwe Mwuka Wera? Mu rurimi rw’ikigiriki, iri jambo “musabe” riheruka, rikoreshejwe mu buryo bukomeza. Ibyo bisobanuye ko tutagomba gusaba rimwe ngo turekere aho, ahubwo dukwiriye guhozaho. Hano Yesu ntatubwira gusaba nk’ikintu cyihutirwa gusa, ahubwo yiteze ko dusaba mu buryo buhozaho. Nta gushidikanya kandi, ashaka kudukanguramo icyifuzo cyo kugira Mwuka Wera akoresheje irarika nk’iri. Irarika ryihutirwa nk’iri, ritwereka ko Yesu azi neza ko twaba tubura ikintu cy’ingenzi, turamutse tudakomeje gusaba gusukirwa Mwuka Wera. Yarimo adukangurira mu buryo bweruye ko dukeneye Mwuka Wera mu buryo budasubirwaho. Muri ubu buryo, ashaka ko dukomeza kwakira imigisha ikomeye ituruka kuri Mwuka Wera.

Mu gitabo cyitwa *Imigani ya Kristo*, haravugaga hati, “Imana ntivugaga iti, ‘musabe inshuro imwe gusa, muzahabwa’. Itubwira gusaba. Mushikame mu isengesho ubutarambirwa. Gusaba ubutarambirwa bitera usaba kugira umuco wo gushikama kandi bigakuzi icyifuzo cyo guhabwa ibyo asaba.”⁷

Noneho Yesu akurikizaho ingero eshatu zigaragaza imikorere irenze ubwenge, yemwe no ku babyeyi b’abanyabyaha. Yashakaga kutwereka ko na none birenze ubwenge bwa muntu kuba Data wo mu ijuru atashobora kuduha Mwuka Wera igihe tumumusabye. Yesu ashaka ko twizera tudashidikanya ko tuzahabwa Mwuka Wera nitumusaba mu buryo bukwiriye. Duherereye kuri iri sezerano ndetse no ku yandi masezerano, dushobora gusaba twizeye kandi tuzi neza ko twarangije guhabwa ibyo twasabye. (1 Yohana 5:14-15; ibindi wabisanga mu gice cya 5)

Dushingiye ku byo Yesu avugaga, iri ririka ridasanzwe ritwereka ko haba habura ikintu cy’ingenzi igihe tudasaba Mwuka Wera tubishishikariye. Adukangurira kubona ko dukeneye Mwuka Wera mu buryo budasubirwaho. Ashaka ko tugerwaho n’imigisha iva kuri Mwuka Wera mu buryo buhoraho.

Uyu mugabane w’icyigisho yigishije ku isengesho, ni inzira imwe rukumbi. Mwuka Wera ni impano y’Imana ikomeye kurusha izindi impano

⁷ E.G White, *Christ’s Object Lessons (Imigani ya Kristo)*, 1900, p.145.3

ituma tubona n'izindi mpano zose. Ni yo mpano Yesu yaherukirijeho guha abigishwa be ikaba n'igihama cy'urukundo rwe. Ntekereza ko dushobora gusobanukirwa ko impano y'agaciro nk'iyi itapfa gusunikirwa umuntu gutyo gusa. Mwuka Wera ahabwa abagaragaza icyifuzo cy'uko bakeneye iyo mpano kandi babasha kuyiha agaciro. Azahabwa abeguriye Yesu imibereho yabo; azahabwa ababaho imibereho yo kwitanga ubudasiba (Yohana 15:4-5). Kwitanga bisobanura:

- ▶ Kumva ukeneye Imana (*"ufite inyota"* Yohana 7:37)
- ▶ Kwiringira Imana (*"unyizera, nk'uko lbyanditswe Byera bivuga"* Yohana 7:38)
- ▶ Kwitanga wese nk'ingaruka yo kwiringira Imana (*"Gushyira ubuzima bwawe bwose mu biganza by'Imana"* Abaroma 12:1)
- ▶ Gukurikira Imana muri buri kintu cyose (*"abamwumvira"* Ibyakozwe 5:32)
- ▶ Kureka inzira zabo bwite, gukurikira inzira y'Imana no gukora byose ukurikije ubushake bwayo (*"mwihane, mubatizwe"* Ibyakozwe 2:38)
- ▶ Kutagambirira ikibi (*"Iyaba naribwiraga ibyo gukiranirwa mu mutima wanjye, Uwiteka ntaba anyumviye"* Zaburi 66:18)
- ▶ Gukomeza gusaba Mwuka Wera (Luka 11:9-13)

Mbese ntimushobora kubona rwose ukuntu iyi mpano ari iy'agaciro mu by'Imana idutegerejeho?

Igihe uzatekereza kuri ibi byangombwa by'ikubitiro, ahari uzabona ko hari ubukene ufite muri wowe. Byarangije guhinduka umuco wanjye gusengera buri munsu kugira icyifuzo cya Mwuka Wera mbihuje n'amagambo ari muri Yohana 7:37 ngo *"Umuntu nagira inyota, aze aho ndi anywe."*⁸

⁸ Biba byiza gusenga dukurikije amasezerano. Niba ushaka kumenya ibiruseho, ndakwinginze soma igice cya 4 cy'igitabo cyitwa *Intambwe zigeza umuntu ku bubyutse*.



Dushobora gusenga tuti, “Mwami Yesu, mbivuze mu buryo bwimazeyo ko nemeye ibi bya ngombwa by’ikubitiro bikenewe ngo mpabwe Mwuka Wera. Ndasaba mbikomoye ku mutima ngo –uyu muni-ubisohoreze muri jyewe”. Imana yacu itangaje irahari kugira ngo idusohoreze ibi bya ngombwa nkenerwa.

Mwuka Wera ni we soko y’ubugingo bwujujwe

Dukurikije uko Yesu abivuga, yaba yarazanywe n’iki muri iyi si? Yaravuze ati, “*Nazanywe no kugira ngo zibone ubugingo, ndetse ngo zibone bwinsi.*”(Yohana 10:10)

Yesu ashaka ko tugira iyi mibereho y’ubugingo bushya none kandi tukazayikomezamo mu buryo bwuzuye nyuma yo kugaruka kwe mu bugingo bw’iteka mu bwami bw’Imana.

Na none kandi atwereka isoko y’ubugingo bwujujwe Mwuka Wera agira ati, “*Umuntu nagira inyota, aze aho ndi anywe. Unyizera, imigezi y’amazi y’ubugingo izatembera iva mu nda ye nk’uko ibyanditswe bivuga. Ibyo yabivuze yerekeje ku Mwuka Wera.*”(Yohana 7:37-39)

“*Imigezi y’amazi y’ubugingo*”-mbese iki si ikigereranyo cyiza cy’ubugingo bwujujwe?

Mbese Yesu mu mibereho ye ya hano ku isi yaba yarigeze atanga urugero ruhura n’ibi ngibi?

Tuzi yuko Mariya yasamyeye Yesu binyuze muri Mwuka Wera (Mat.1:18). Tuzi yuko nyuma yo kubatizwa, yasenze maze “*Mwuka Wera aramumanukira afite ishusho y’umubiri usa n’inuma...*”(Luka 3:22) Mbese mu bihe bisa n’ibyo, byari ingenzi kandi bikwiriye ko ahabwa Mwuka Wera buri muni? Amagambo akurikira akomoka mu gitabo cyanditswe na E.G. White:

“Buri gitondo, Yesu yaganiraga na Data wo mu ijuru buri muni agahabwa na we umubatizo wa Mwuka Wera”⁹

Hari interuro iboneka mu gitabo cy’ibyakoze n’Intumwa igira iti, “Hari ihumure ry’agahozo ku mukozi witanze byimazeyo mu kumenya ko na Kristo mu mibereho ye ya hano ku isi yashakaga Se buri muni kugira

⁹ E.G. White, Signs of the Times, November 21, 1895, par. 3.

ngo amuhe ubuntu bushya akeneye...”¹⁰

Mu kuri, Yesu yatubereye urugero muri ibi. Tugomba kwibaza tuti, “Niba buri muni Yesu yarakeneraga guhemburwa guturutse kuri Mwuka Wera, mbese wowe na njye ntubikeneye kurushaho?

Intumwa Paulo yumvaga neza intego ya Yesu. Mu ibaruwa yandikiye itorero ryo muri Efeso, mu gice cya 1:13, Pawulo ahamya ko bashyizweho ikimenyetso na Mwuka Wera igihe bizeraga. Mu gice cya 3:16-17, abashishikariza gukomerera mu Mwuka Wera, noneho mu gice cya 5:18

Pawulo nk’intumwa ibifitiye uburenganzira, ararika Abefeso ndetse natwe agira ati, *“Mwuzure Mwuka Wera” kimwe no kuvuga ati, “Mukomeze kuzura Mwuka Wera kandi bibe inshuro nyinshi.”*¹¹

Nubwo twakiriye Mwuka Wera igihe twavukaga ubwa kabiri, turabona ko dukeneye muri rusange ihemburwa rya buri muni. Kuzuzwa Mwuka Wera ni ingenzi cyane mu mibereho y’iby’umwuka ndetse no mu mikurire y’umukristo.

Ibyigisho byacu by’ishuri ryo ku isabato biyobora abakuze, bigira icyo bivuga ku Abefeso 5:18 mu magambo akurikira, “Mbese ‘kubatzwa na Mwuka Wera’ bisobanuye iki? Rero, Yesu ubwe yakoresheje impuzanyito igihe yasobanuraga. Umuntu abatizwa na Mwuka Wera (Ibyakozwe

1:5) iyo Mwuka Wera amumanukiyeho (umurongo wa 8). Kubatzwa bisobanuye kwibizwa wese mu kintu runaka-akenshi icyo kintu kiba ari amazi. Ibi bisobanuye ko umuntu uko yakabaye ajyamo. Kubatzwa na Mwuka Wera rero, bisobanuye kuba muni y’ubutware bwa Mwuka Wera mu buryo bwuzuye-ukuzuzwa na we mu buryo buheranije. Iki si ikintu kiba inshuro imwe, ahubwo ni ikintu kigomba guhora kiba nk’uko Pawulo abivuga mu Abefeso 5:18b yifashishije igihe cyakoreshejwe mu nshiga y’Ikigiriki.¹³

Amagambo yo gusezera kwa Yesu na Mwuka Wera

Mu magambo yo gusezera Yesu yavuze, yatanze umunezero n’ibyiringiro igihe yababwiraga ko Mwuka Wera azaza agasigara mu mwanya we.

Muri Yohana 16:7, Yesu abwira abigishwa be ikintu gitangaje. Aravuga ati, *“Ndababwira ukuri yuko ikizagira icyo kibamarira ari uko ngenda; kuko*

¹⁰ E.G.White, The Acts of Apostles (Ibyakozwe n’Intumwa), (1911) p.56.1.

¹¹ Johannes Mager, Auf den Spuren des Heiligen Geistes, (Lüneburg, 1999), Seite 101 13 Sabbath School Study Guide July 17, 2014.

nintagenda, umufasha atazaza aho muri, ariko ningenda, nzamubohereza.”

Igisubizo gishya cy’ingirakamaro

Yesu yabwiye abigishwa be ikintu gitangaje agira ati, “Ikizagira icyo kibamarira ni uko ngenda.” Ibi bisobanuye ko igisubizo gishya ari uko kubana natwe binyuze muri Mwuka Wera, ari byo bifite akamaro cyane kuruta kubana natwe kwe ari mu mubiri. Muri ubu buryo, nta mbibi yaba afite; ibiri amambu, ashobora kuba iruhande rwa buri wese, hatitawe ku hantu uwo muntu aherereye.

Ubuhamya bw’umwarimu hamwe n’ubw’umwe mu banyeshuri be

Igihe agatabo kitwa “Intambwe zigeza umuntu ku bubyutse” kanditswe na H. Haubeil kageraga ku itorero nsengeramo mu mwaka ushize, nakanyujijemo amaso nihuse. Mu gihe nagasomaga, nahise niyumvamo ko hari icyo nungutse mu isano yanjye ngirana n’Imana kurusha mbere hose. Ibi byaranshimishije kandi bintera umwete.

Mu mugereka w’ako gatabo, nabonyemo inama zikurikira: “Ubushakashatsi mu byo kwigisha bwerekanye ko ari ngombwa gusoma cyangwa gutega amatwi insanganyamatsiko nziza kugeza igihe umuntu ayisobanukiwe neza.” Aya magambo yo gutera umwete avuga ngo “Gerageza nibura inshuro imwe. Ingaruka yabyo izabikwemeza”.

Nashatse kwiyumvamo ibyo kandi koko ku nshuro ya gatatu yo gusoma, nabyiyumvisemo kandi numva nkunze Umucunguzi wanjye, ibyo nari narifuye mu mibereho yanjye yose. Mu gihe cy’amezi abiri, nari maze gusoma ako gatabo inshuro esheshatu kandi byagize ingaruka ikomeye.

Byasaga n’aho nari nshoboye gusobanukirwa uko umuntu aba ameze igihe Yesu atwegereye nuko tukabasha kureba mu maso he haboneye kandi huje ubugwaneza. Guhera icyo gihe, sinashatse kubaho ntafite uwo munezero ubonerwa mu Mukiza wacu.

Iyo nabaga nkangutse mu gitondo, nabaga natangiye kwifuza igihe cyanjye cyo kuramya Imana kugira ngo mbashe gushyikira umushyikirano ngirana n’Imana kandi no mu gihe cyo ku manywa, nakomezaga gusenga mu ituze nsaba Mwuka Wera ngo amfashe mu ntekerezo zanjye igihe nganira, kuba icyitegererezo igihe nigisha no mu gihe nshyikirana n’abandi.

Igihe habagaho umwana uhugukiye ibyo kandi agakora akurikije urwo rugero, Imana nayo, yampaga imbaraga n'ubwenge ngo menye uko mbyitwaramo.

Guhera ubwo, iminsi yanjye y'imirimo yuzuwemo kugendererwa n'Umuremyi. Amfasha umurongo ku murongo mu mibereho yanjye ya buri muni. Guhera icyo gihe, nsenga mu gitondo no ku manywa nsaba gusukwa kwa Mwuka Wera. Biba bisa no kwegerezwa ijuru cyane, ugasa n'usogongera k' uko bizaba bimeze igihe tuzaba turiyo.

Igihe nasomaga ako gatabo, igitekerezo cy'uko abanyeshuri banjye ku ishuri bakwiriye gusangira nanjye ibyo byiza cyanjemo. Nigisha abana bafite imyaka y'ubukuru kuva ku 10 ukageza kuri 15 mu ishuri ryacu ryitwa "Adventist School Elijah" riri ahitwa i Vorarlberg ho muri Austria. Nuko nsenga nsaba Imana ngo impe uburyo. Nyuma yaho bidatinze, namenye bumwe mu buryo bukomeye bwigeze bubaho mu buzima bwanjye bw'ukuntu Mwuka Wera ashobora gukorera mu mitima y'urubyiruko rwacu.

Ruffian, umwana w'imyaka 13 y'ubukuru na Mwuka Wera

Imibereho nk'iyi yari yaratangiye umwaka umwe mbere y'uko nsoma agatabo kavuga ibya Mwuka Wera. Umunyeshuri mushya yaje ku ishuri ryacu kandi mu minsi mike yakurikiyeho, igiti [twari dufite mu busitani] cyahindutse nk'icyumba cyo gutonganiramo. Uwo muhungu yari afite imyaka 13 y'ubukuru niwe wari munini -kurusha abandi bana bose twari dufite ku ishuri kandi abarusha n'imbaraga. Byinshi mu bintu byari byarizwe muri uwo mwaka w'amashuri kandi byaragize umusaruro mwiza bisa n'aho byahise byibagirana mu mwanya muto.

Reka muhe umwanya abyivugire. "Igihe nageraga ku ishuri nigaho muri iki gihe, nta gitekerezo nari mfite cy'ibyari bintegereje. Ku muni wa kabiri nyuma y'uko mpagera, naremeye baranshotora, bankubita inkonji ndetse umwe mu banyeshuri twigana atangira kundwanya. Naramukubise nubwo byagaragaraga rwose ko murusha imbaraga, maze mubwira nabi cyane kandi sinongera kwifuzza kumubona mu maso yanjye ukundi.

Nyuma yaho naje kubona ikosa nakoze maze ndisabira imbabazi nk'uko nari menyereye kugenza na mbere hose. Nyuma yaho naje kugirana ikiganiro n'umuyobozi mukuru w'ishuri. Mu mezi yakurikiyeho, numvise hari urugendo rwatangiye muri jyewe. Biratangaje kumva icyo gihe ari bwo nari ntangiye urwo rugendo kandi ndi umwana wa Pasiteri! Natangiye kujya marana igihe na Yesu."

Natekereje ko uyu mwana w’umusore yashoboraga gukenera igihe cyo kwitabwaho by’umwihariko. Yari azi neza aho agira intege nke; byaramubabazaga maze akongera kugerageza bundi bushya, nyamara ntiyakundaga kumara igihe kirekire ari mu nsinzi mu mbaraga ze yakoresheye. Bigitangira, byaragoraga kumara umunsi wose atagize uwo arwana na we, nyamara uko iminsi yahitaga, hagendaga habaho impinduka nziza.

Nyuma y’amezi atandatu, yavuze ko atekereza ko ari amasengesho yamuzanye hafi y’Imana. Hagati aho, yari yaratangiye gusenga mu gitondo asaba imbaraga. Guterana ibipfunsi igihe arakaye no kurwana kwe byari byaragiye bigabanuka.

Noneho ubu amezi 12 yari ashize ari ku ishuri ryacu kandi twashoboraga kubona ko hari impinduka nziza zarushijeho kuboneka muri we. Nyamara uburakari, kurahira, gutomboka no guterana ibipfunsi ntiyashoboraga kubitegeka mu buryo burambye.

Byari kamere ye, yageragezaga kurwana akoresheje imbaraga ze n’uburyo abyumvamo, ibyo byashoboraga kumufasha mu mwanya umwe cyangwa se mu wundi, ariko ntabwo ari buri gihe. *Amasengesho yacu hari bimwe yagiye ageraho, ariko ibitekerezo bye byari bitarajya ku murongo rwose kandi imbaraga ya Mwuka ihindura umuntu mushya yari ikibura.*

Mbese bimaze iki igihe umuntu abonye amakosa ye, akagerageza gutegeka uburakari bwe nyamara mu mwanya ukurikiyeho akibona yongeye gutsindwa? Igihe nabonaga ko imbaraga zanjye zirangiye, nahawe ka gatabo navuze mbere. Kaje mu gihe gikwiriye. Noneho mbona neza icyo twaburaga. Ni imbaraga ya Mwuka Wera. Nta nubwo twigeze tumusaba ngo adufashe!

Guhera igihe nakorwaga ku mutima n’ubutumwa buri mu gatabo kitwa *Intambwe zigeza umuntu ku bubyutse*, nagize umwete wo kubaza wa mwana w’umuhungu niba yarigeze gusenga asaba Mwuka Wera. Yashubije ko atigeze abikora. Noneho nagerageje kumushishikariza gukunda ako gatabo. Nyamara ntabwo nigeze nkamuha. Mu by’ukuri, yashoboraga kukifuzza. Kandi koko bidatinze, yarakansabye.

Na none, aya ni amwe mu magambo ye: “Mu Ugushyingo 2012, mwarimu wanjye yampaye agatabo kitwa “Intambwe zigeza umuntu ku bubyutse”. Nihatiye gutangira kugasoma. Icyo gihe, ntabwo nari nzi byinshi ku murimo wa Mwuka Wera.”

Umunsi wa mbere yari arangije gusoma ibice bibiri by’ako gatabo maze ambaza inshuro nasomye ako gatabo. Yahise yongera gutangira gusoma ibyo bice yari yasomye mbere kandi yashakaga gukurikiza inama ako gatabo

kagiraga umusomyi ari yo kugasoma inshuro esheshatu kugeza ku nshuro cumi.

Guhera icyo gihe byinshi byarahindutse. Kuva mu Ukuboza 2012 no gukomeza, ntihari hakiriho intonganya no kurwana-nanjye sinashoboraga kwizera ko habaho ibintu nk'ibyo! Abana b'abahungu yakundaga gukubita buri muni, ni bo bari inshuti ze kandi bakuzuzanya.

Yari yarahindutse rwose-afite ikinyabupfura, yemwe ndetse ubushake bwo gufasha abandi n'ubugwaneza bisimbura amahane yagiraga. Bagenzi be bigana bashobora guhamya ko Imana yariho ikorera umurimo muri we. Ushobora kubona imbuto buri muni. Mu cyubahiro cy'Imana, ndashaka kubabwira ko uwo mwana yafashe icyemezo cyo kubatizwa muri Kamena 2013. Iyo bitaba ku bwa Mwuka Wera....

Nahoraga ntekereza ko nshobora kuyobora umwana kandi nkamutera gutekereza mu buryo bukwiriye. Kwihangana, guhuguka no kuganira kenshi byashoboraga umuntu kubigeraho, nyamara ntabwo biramba. Imana yagombye gutabara maze inyigisha ko ari Mwuka wayo ufata ibidashoboka akabihindura ibishoboka.

Umunsi umwe, igihe uyu mwana w'umuhungu azaba ari mu ijuru, nzamenya rwose ko Imana ari yo yabikoze. Igihe nari ngeze aho ubwenge bwange bugarukira maze nkasobanukirwa ko ntashoboraga kumwigisha, ni bwo Imana yatangiye umurimo muri we. Bintera umwete wo kubona ko nta hantu umuntu yagera kure ku buryo Imana itamukiza. C.P.

Isengesho: Data uri mu ijuru, tugushimiye irarika rya Yesu ritubwira ko byihutirwa gusaba Mwuka Wera. Ndicuza ku bw'ibihombo nagize biturutse ku kutagira Mwuka Wera. Nkeneye ubufasha buturutse ku Mana kugira ngo Yesu ashobore kwerezwamuri jye. Nkeneye ubufasha bwe muri buri mugabane w'imibereho yanjye. Ndagushimira ko Mwuka Wera ashobora guhindura kamere yanjye kandi akabasha kuyitunganiriza gusa n'ubwami bw'Imana. Ndakwihaye burundu, jyewe ubwanjye n'ibyo mfite byose. Ndagushimira ko unyakiriye kandi ukaba umpaye imigisha. Mfasha kugira ngo nkurire mu kumenya Mwuka Wera. Amina.

MBESE ISHINGIRO RY'IBIBAZO BYACU NI IRIHE ?

***Mbese hariho impamvu y'ibibazo
byacu mu bya Mwuka ?
Mbese impamvu ni uko Mwuka
Wera yabuze ?***

IMPAMVU ZITERA KUGIRA INTEGE NKE

Igisubizo cya Bibiliya ni iki ngo, «*Nyamara ntimuhabwa kuko mudasaba. Murasaba ntimuhabwe kuko musaba nabi* (mukurikiza umutima wa kamere, Abaroma 8:5-7), mushaka kubyayisha irari ryanyu ribi. » (Yakobo 4 :2-3)

Umwami wacu Yesu aturarikana urukundo kandi aduhendahenda ngo dusabe Mwuka Wera (Luka 11 :9-13) Dusobanukiwe yuko dukwiriye kubikora ubudasiba. Tuzongera tubigarukeho twitonze mu gice cya gatatu.

« *Bavuga ku bya Kristo ndetse no kuri Mwuka Wera, ariko nta nyungu babikuramo. Ntabwo begurira imitima yabo kuyoborwa no kugengwa n'imbaraga z'Imana.* »¹²

¹² Ellen G. White, The Desire of Ages, (1898), p.672.

Twasegeye guhabwa ububyutse mu gihe runaka. Iki ni ikintu cy'agaciro. E.G. White yaravuze ati, «Ni uyu mubatizo wa Mwuka Wera amatorero akeneye muri iki gihe.»¹³ « Ni ukubera iki tudasonzera iyi mpano ya Mwuka kandi ngo tuyigirire inyota mu gihe ari bwo buryo rukumbi tubasha kuboneramo imbaraga ? »¹⁴

Ni byiza ko dusenga dusaba ububyutse, ariko ntitwagombye kubusengera gusa-ibiri amambu, nk'uko Mark Finley abivuga-ni «Ukubikora turushaho gushyira mu bikorwa ingingo zigize ububyutse zigishwa na Bibiliya.»¹⁵ Ese mwanyemerera nkabararikira gutera intambwe ziganisha umuntu ku bubyutse ? Kuri benshi, ibi bizabageza ku mibereho yuzuyemo imbaraga kandi yujijwe.

Mu gutangira, mureke tuve imuzi ikibazo dufite. Dushaka kubikora mu buryo bunoze ;bitabaye ibyo twagira ingorane yo gutekereza ku mpinduka itari ingenzi cyangwa ngo ibe ikenewe. Nyuma yaho, turashaka kureba igisubizo cy'Imana kiduha imigisha itarondoreka kandi ku iherezo tukareba uburyo dushobora gushyira ibi mu bikorwa no kubaho imibereho ijyanye na byo.

Kubura Mwuka Wera kwacu ntibisobanuye ko buri kintu cyose cyakozwe ndetse n'icyo turimo gukora ari imfabusa. Habayeho imigambi myiza ndetse na gahunda nziza kandi na n'ubu biracyakomeje. Nta gushidikanya Umwami Imana yahiriye umuhati wa kimuntu twagiye dukoresha. Ariko se hari gucura iki iyo imibereho yacu mu by'ukuri iza kuba yegerejwe Mwuka Wera kurushaho?-Imana gusa ni yo ibizi.

Byari kuba kandi byaba byerekeje muri iki cyerekezo nk'uko Henry T. Blackaby abivuga muri aya magambo:

“Mu mezi atandatu, Imana ishobora gukorera abantu bayiyeguriye ibyo bo ubwabo bakora mu myaka itandatu batari kumwe nayo.”¹⁶

Iki ni ikibazo cyo guhita unyura mu nzira nziza uri muni y'ubuyobozi bw'Imana bityo ukarushaho kuba ingirakamaro mu byo ukora. Ibyo biba igihe twujijwe Mwuka Wera.

Dufate urugero: Umuntu umwe atambukije ikibwirizwa. We yavuze gusa- wenda umuntu umwe, bake cyangwa se bese bemeye ubwo butumwa, cyangwa nta n'umwe wabwemeye. Iyo benshi cyangwa se bese

¹³ E.G. White, Manuscript Releases vol.7 p.267.

¹⁴ E.G. White, Testimonies for the Church Vol. 8 (www.egw writings.org), p.22

¹⁵ Mark A. Finley, Revive us again, p. 25

¹⁶ Henry T. Blackaby, Den Willen Gottes erkennen und tun (Experiencing God: Knowing and Doing the Will of God), (Kassel, 2002), p. 31.

bemeye ubutumwa, bivugwa ko yageze ku ntego. Iki ni ikintu gitangwa na Mwuka Wera.

AMATSINDA ATATU Y'ABANTU N'ISANO BURI WESE AGIRANA N'IMANA

Ijambo ry'Imana ritandukanya amatsinda atatu y'abantu hashingiwe ku isano buri wese agirana n'Imana. Muri buri tsinda muri aya, hagiye harimo ibicucu bitewe n'uburyo ababyeyi ba buri wese bagiye bamurera, kamere ya buri muntu cyangwa se ibyo yimenyereje, imyaka ye, umuco w'igihugu cye, uburere n'ibindi. Nyamara nubwo hariho ayo matandukaniro, **bafite uburyo butatu gusa bw'ibanze bw'inyifato bagira imbere y'Imana:**

- ▶ Hari abadashyikirana n'Imana-uyu Bibiliya imwita **umuntu usanzwe**.
- ▶ Hari abafitanye n'Imana isano ihamye kandi yuzuye-uyu Bibiliya imwita **umuntu w'Umwuka**.
- ▶ Hari abafitanye n'Imana isano y'igice cyangwa se bishushanya- uyu Bibiliya imwita **umuntu w'umubiri** cyangwa se **umuntu wa kamere**.

Ijambo ry'Imana ntirikoresha aya magambo ngo “ usanzwe”, “w'umwuka” n'ijambo “ wa kamere” rishaka kubaha amanota y'uburyo barutana mu bwiza, ahubwo riyakoreha gusa mu kugaragaza isano buri wese agirana n'Imana.

Aya matsinda atatu asobanurwa neza mu 1 Abakorinto 2: 14-16 no mu 1 Abakorinto 3: 1-4. Uyu mwanya tugiye guhita tureba mu buryo bworoheje ku nsanganyamatsiko y'**umuntu usanzwe**. Uyu aba mu isi. Kureba twihuse ku matsinda abiri abarizwa mu rusengero biradufasha kubona aho ikibazo cyihishe.

Ikintu cy'ingenzi kurusha ibindi, ni ugutahura itsinda ubarizwamo. Noneho isuzuma ryacu rikadufasha kwishyira ku munzani tukimenya. Turashaka kureba ku mibereho yacu bwite, ntabwo ari ku mibereho y'abandi.

Mbese ni ibihe bintu ngenderwaho bituma umuntu abarizwa mu itsinda rimwe cyangwa se irindi? Turaza kwemeza yuko muri ayo matsinda yose uko ari atatu, kubarizwa muri rimwe cyangwa se irindi bituruka ku isano umuntu ku giti cye afitanye na Mwuka Wera.

Umuntu usanzwe

Ariko umuntu usanzwe (wa kamere) ntiyemera iby'Umwuka w'Imana kuko ari ubupfu kuri we, akaba atabasha kubimenya kuko bisobanurwa mu buryo bw'Umwuka (1 Abakorinto 2:14).

Umuntu usanzwe nta mushyikirano na mba agirana na Mwuka Wera. Yibera mu isi gusa kandi nta n'ibyo ajya ashaka kumenya ku Mana cyangwa se akabikora gake gashoboka.

Umuntu w'Umwuka n'umuntu wa kamere bombi bari mu itorerwa

Aya matsinda uko ari abiri avugwa by'umwihariko mu 1Abakorinto igice cya 2 n'icya 3 ndetse no mu gitabo cy'Abaroma 8:1-17 no mu Abagalatiya igice cya 4 n'icya 6. Dukwiriye kuzirikana ko igitandukanya aya matsinda ari urwego rw'umushyikirano bagirana na Mwuka Wera. Ni uko bimeze kuko Imana yagennye ko Mwuka Wera ari we wenyine ubasha kuduha n'ijuru [Uwifuzwa ibihe byose], p.322; Mat.12:32. "Umutima ugomba gukingurirwa imbaraga ya Mwuka; nibitagenda bityo, ntabwo imigisha y'Imana izabasha kwakirwa"¹⁷

Umunyetorerwa w'Umwuka

Mureke dusome mu 1Abakorinto 2:15-16:

*"Ariko **umuntu w'Umwuka** arondora byose, nyamara ubwe nta we umurondora. Mbese ni nde wigeze kumenya iby'Uwiteka atekereza ngo amwigishe? (Yesaya 40:13) **Nyamara twebwwe dufite gutekereza kwa Kristo.***

*"**Umuntu w'Umwuka** arondora ibintu byose, nyamara uwo muntu ntabwo arondorwa n'ubwenge bwa muntu. Mbese hari uwigeze kumenya iby'Uwiteka atekereza ngo amwigishe? **Nyamara twebweho dufite gutekereza kwa Kristo.**"(Bibiliya yitiriwe umwami Yakobo)*

Umuntu w'Umwuka ni we mukristo nyakuri. Yitwa "uw'Umwuka" kuko yujwe Mwuka Wera. Na hano naho, umushyikirano umuntu agirana na Mwuka Wera ni wo ngingo ngenderwaho kugira ngo yitwe umuntu w'Umwuka. Afatanye umushyikirano mwiza na Mwuka Wera kandi uwo mushyikirano urakura. Yesu ni we *"pfundo ry'imibereho ye"*; rimwe na rimwe tubyita ko Yesu yicaye ku ntebe y'ubwami mu mitima yacu. Umuntu w'Umwuka yiyeguriye Yesu bidasubirwaho kandi akomerera mu itegeko rusange ryo kwiyegurira Yesu buri gitondo, akamwiyegurira we ubwe ndetse n'ibyo afite byose. Mu butumwa bwahawe Itorerwa rya Lawodokiya, uyu yitwa "ushyushye (ubize)"; mu mugani w'abakobwa cumi, uyu yitwa "umunyabwenge". Mu rwandiko rwandikiwe Abaroma

¹⁷ E.G. White, Leuchtende Spuren (Steps to Christ) (Hamburg, 1959), p. 69

8:1-17 no mu Abagalatiya 5 havuga byinshi kuri uyu muntu. Agira ubugingo “bwinshi”(Yohana 10:10) cyangwa nk’uko Pawulo abivuga agira ati, *“Kugira ngo mwuzuzwe kugeza ku kuzura kw’Imana”* (Abefeso 3:1; Abakolosayi 2:9)



Umunyetorero wa kamere

Umuntu ashobora kuba umunyetorero mu gihe gito cyangwa se akamaramo imyaka myishi ariko agakomeza kuba umuntu wa kamere. Niba utunguwe no kwisanga uri umukristo wa kamere uyu mwanya, ntibiguhagarike umutima cyane, ahubwo wishime kubera ko ugifite uburyo bwo kubihindura ndetse uyu mwanya. Uzagira umunezero mwinshi uturutse mu kubana na Mwuka Wera. Nemera ndashidikanya ko abakristo benshi ari abantu ba kamere nyamara bakaba batabyiyiziho kandi bakaba bifuza kugira imibereho yo kwizera irushijeho kuba myiza. Kutabimenya kwabo akenshi si ifuti ryabo. Mureke twite kuri ibi gusa: uzagira umunezero mwinshi binyuze mu kubana na Kristo mu mutima wawe ubiheshejwe na Mwuka Wera. Muri Yohana 15:11, Yesu aravuga ati, *“kugira ngo umunezero wanyu ube wuzuye”* Binyuze muri uku guhinduka, uzagira ubugingo bwinshi uko uzajya utera intambwe ku ntambwe. (Muri Yohana 10:10, Yesu aravuga ati, *“—kandi ngo zibone bwinshi”*), kandi uzagira ibyiringiro bihamye byo kubona ubugingo buhoraho.

***Isengesho:** Data uri mu ijuru, ndakwinginze mpa kugira ubushake bwo kwibaza iki kibazo. Niba ndi umukristo wa kamere, maze umpe kubisobanukirwa mu buryo bukwiye. Mpa kwifuza kugira ubushake bwo gukora buri kintu cyose ushaka. Ndakwinginze nyobora mu buzima bwa gikristo bunejeje-mu bugingo bwinshi bwazegeranijwe ndetse no mu bugingo bw’iteka. Ndakwinginze hindura umutima wanjye ube mushya. Ndagushimira ko ushubije isengesho ryanjye. Amen*

Mureke dusome ibyo Pawulo yavuze ku banyetorero bafite umutima wa kamere mu 1Abakorinto 3:1-4. *“Bene Data, **sinabashije kuvugana namwe nk’uvugana n’ab’Umwuka**, ahubwo navuganye namwe nk’uvugana n’aba kamere, cyangwa abana b’impinja bo muri Kristo. Nabaramije amata, sinabagaburiye ibyokurya bikomeye, kuko mwari mutarabibasha. Kandi na none ntiburabibasha kuko mukiri aba kamere. Ubwo muri mwe harimo ishyari n’amahane, mbese ntimubaye aba kamere koko ntimugenza nk’abantu? Ubwo umuntu umwe avuga ati “Jyeweho ndi uwa Pawulo”, undi akavuga ati “Jyeweho ndi uwa Apolo”, ntibigaragaza ko muri aba kamere?*

Mbese aha mushobora kubona neza ko ingingo ngenderwaho ituma umuntu aba muri iri itsinda ari isano afitenye na Mwuka Wera? Muri iyi

mirongo mikeya, intumwa Pawulo avuga inshuro enye zose ko bari abantu ba kamere. Mbese “uwa kamere” bisobanuye iki? Bisobanuye ko uyu muntu abaho imibereho itegukwa n’umubiri, bisobanuye imbaraga zisanze n’ubushobozi umuntu yifitemo. Na none kandi bisobanura ko atujwe Mwuka Wera cyangwa se akaba atujwe Mwuka Wera mu buryo buhagije.

Abantu bamwe batekereza ko iri tsinda rigizwe n’abantu bibera mu cyaha bakumva nta n’icyo bibabwiye. Nyamara icyo ni kimwe mu bicucu biranga abari muri iryo tsinda. Ndashaka na none gushimangira ko hariho amatandukaniro menshi mu bagize buri tsinda muri aya yose.

Pawulo avugana n’aba bantu ba kamere abita “*bene data bakundwa*”. Ibi bigaragaza ko abo yavugana nabo ari abanyetorero. Pawulo ntiyashoboraga kuvugana na bo nk’uvugana “*n’abantu b’Umwuka*”. Ibyo bisobanuye ko **batari bujwe Mwuka Wera cyangwa se batari bujwe Mwuka Wera ku rugero ruhagije**. Yagombye kuvugana na bo nk’uvugana “n’abana b’impinza bo muri Kristo”. Ibi bivuze ko bari batarakura mu kwizera nk’uko byakagombye kumera. Umuntu ashobora kugira ubumenyi bwinshi mu bya Bibiliya nyamara akaba adakuye mu bya Mwuka. Ugukura kwacu mu bya Mwuka gufite icyo guhuriyeho no kwiyegeza Yesu kwacu mu buryo bwuzuye no kubana na Mwuka Wera mu buryo butagira kirogoya.

Abakristo ba kamere benshi biyumvamo ukutanyurwa, ugutenguhwa, ukutagira intego cyangwa se bagahora bakoresha umwete udatuza mu mibereho yabo y’iby’Umwuka.

Abandi banyedini ba kamere barangije kumenyera iyi mibereho cyangwa se barangije kunyurwa nayo. Bashobora kuvuga bati, “Gusa turi abanyabyaha! Ntacyo tubasha kubikoraho!”

Na none abandi banyetorero ba kamere bashobora kugira umuhati. Bashimishwa nuko bazi ukuri kwa Bibiliya. Abanyetorero ba kamere bashobora kuba abantu bakora imirimo myinshi bakaba no mu myanya ikomeye mu matorero babarizwamo cyangwa wenda no mu buyobozi bw’itorero. Bashobora no gukorera Imana imirimo myinshi.

Matayo 7: 22-23: *Benshi bazambaza kuri uwo muni bati, “Mwami, Mwami, nitwahanuraga mu izina ryawe, nitwirukanaga abadayimoni mu izina ryawe, nitwakoraga ibitangaza byinshi mu izina ryawe? Ni bwo nzaburira nti, Sinigeze kubamenya, nimumve imbere mwa nkozi z’ibibi mwe.”*

Mbese ikibazo cyari hehe? Yesu yavuze ko atigeze kubamenya. Ntibigeze bagirana umushyikirano uhamye na Kristo, ahubwo bagaragazaga umushyikirano wo kwishushanya. Birashoboka ko bagize kwitanga kudashyitse cyangwa se ntibashikame mu kwitanga kwabo. Yesu ntiyatujwe

mu mitima yabo binyuze muri Mwuka Wera. Ku bw’ibyo rero, nta mushyikirano bagiranye na Kristo. “Bityo rero, hashobora kubaho ikintu cyagaragaza nk’isano umuntu agirana na Kristo kandi ntayihari...”¹⁸ Ni ryari Kristo aba atari muri twe? Nasomye amagambo akomeye yerekeye kuri ibi. Mbere yuko nyavuga, ndashaka kwerekana ko dushobora kubaturwa kuri ibi bintu bikurikira nituramuka tubayeho imibereho ituwemo na Mwuka Wera:

“Umwuka unyuranye n’uwa Kristo burya uramwihakana, mu murimo wose umuntu yaba akora. Abantu bashobora kwihakana Kristo bavuga amagambo mabi, bavuga amagambo y’ubupfapfa, amagambo y’ibinyoma ndetse n’amagambo akarishye. Bashobora kwihakana Kristo bihunza ibirushya byo mu buzima, bikurikirira ibinezeza by’ibyaha. **Bashobora kwihakana Kristo bishushanya n’ab’isi, bagira ingeso z’ubuhemu, bemera intekerezo zabo gusa, bishyira aheza, bagahorana gushidikanya, bagashakisha intonganya, kandi bagahora mu mwijima. Iyo bakora ibyo byose baba bagaragaza ko Kristo atari muri bo.**”²¹

Ibi bishobora guhindurwa mu kanya gato n’ubuntu bw’Imana. Tuzabigarukaho mu mugabane wa gatatu n’uwa gatanu y’iki gitabo.

Mbese ni ukubera iki ari ingenzi ko twegurira Imana imibereho yacu kandi tukagira no kwitanga kumaramaje?

Ijambo ry’Imana rivugaga riti, *“Nuko bene Data, ndabingira ku bw’imbabazi z’Imana ngo mutange imibiri yanyu, ibe ibitambo bizima bishimwa n’Imana, ari ko kuyikorera kwanyu gukwiriye.”* Abaroma 12:1

“Imana yo ishaka kudukiza no kutubohora. [ikadukura mu butware bw’inarijye n’ububata bw’icyaha]. Ariko kamere yacu igomba guhinduka ukundi rwose no kugirwa nshya dukwiriye kuyiyegurira rwose.”²²

“Inarijye yacu ntibyishimira, ishyari rikababara, rigasharirirwa, n’ibindi. Imana ishaka kutubatura kuri izi nyifato zose.

“Imana iturarikira kuyiyegurira kugira ngo isohoreze ubushake bwayo muri twe. Ni twebye bisigariye guhitamo niba tuzabaturwa tukava mu

¹⁸ E.G. White, *The Desire of Ages*, (1898),p.,S.676

²¹ Ellen G. White, *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.266. ²²

Ellen G. White, *Kugana Yesu*, p.25.

bubata bw'icyaha no gusangira n'abana b'Imana umudendezo wuzuye ubwiza.”¹⁹

“*Nuko bene Data, ndabingira ku bw'imbabazi z'Imana ngo mutange imibiri yanyu, ibe ibitambo bizima bishimwa n'Imana, ari ko kuyikorera kwanyu gukwiriye*”

Igisubizo Imana itanga kuri uku kwitanga kwacu kw'ibanze, ni ukubyarwa bundi bushya (Yohana 3:1-21). Nyuma y'ibyo, ni ngombwa ko umuntu akomeza kuguma muri ubwo buryo bwo kuba yiyeguriye Imana (Yohana 15:1-17). Ibi tuzongera kubivugaho neza mu mugabane wa gatatu w'iki gitabo.

Morris Vanden hari icyo avuga ku kwegurira Imana imibereho yacu:

“Kwitanga igice ntabwo bibaho. Ntibishoboka ko umuntu yitanga igice nk'uko bidashoboka ko umugore atwita igice. Uba witanze cyangwa se ukaba utitanze rwose. Hagati na hagati ntihabaho.”²⁰

Ku bijyanye no kwitanga kwa buri muni, Ellen White yaravuze ati,

“Abazafatanya umurimo na Kristo gusa, abazavuga bati: “Mwami, jyewe ubwanjye ndi uwawe n'ibyo ntunze byose ni ibyawwe,” abo bonyine nibo bazitwa abahungu n'abakobwa b'Imana.”²⁵

Ku bw'ibyo rero, umuntu ashobora kuba mu itorero nyamara agakomeza kuba inzimizi. Mbega ukuntu biteye ubwoba! (Umugani w'abakobwa cumi n'ubutumwa bwahawe itorero rya Lawodokiya na byo bigaragaza iyi ngingo.)

Mbese ni ukubera iki bikomeye gutahura ubukristo bufite umutima wa kamere?

Kubera ko ubuzima bw'umuntu wa kamere bwuzuyemo “imibereho y'idini”, akenshi ntabasha kubona ko abura ikintu cy'ingenzi cyane ari cyo

¹⁹ Ellen G. White, Kugana Yesu, p.25

²⁰ Morris Vanden, 95 Theses on Righteousness by Faith (Pacific Press, 1987), p.63 25
E.G. White, Uwifuzwa Ibihe Byose, p.288

mushyikirano ushyitse kandi wimbitse umuntu agirana n’Imana. Niba Kristo atemererwa kugenga imibereho yacu yose, ubwo aracyahagaze ku rugi akomanga (Ibyahishuwe 3:20). Kandi aravuga ati, “Niba ibi bidahindutse, ngiye kukuruka.”

Hari ikindi kintu kibigiramo uruhare. Binyuze mu gushinga imizi mu byo twizera, kandi na byo bikaba bishingiye kuri Bibiliya, twizera tudashidikanya. (Tuba tugishaka kugira imitima ikingukiye kwakira ubumenyi bushyashya.). Tumenya tudashidikanya yuko ibyo twizera ari ukuri bikadutera kwishima. Tugira ubumenyi bwinshi kandi bwiza. Tuvuga ibikwiriye. Iki ni cyo gituma bigorana gutahura ikibazo cy’umutima wa kamere. Mbese niba narigeze mbana by’ukuri na Mwuka Wera, nta ruhare bigira? Nshobora kubona itandukanirwo se niba atari ko bimeze?

Umupasitoro umwe yaranditse ati, “Nitabye telefoni ya mushiki wacu twari dufatanyije ibihe by’amasengesho y’iminsi 40. (Ibindi byihariye kuri ibyo bihe cy’amasengesho y’iminsi 40 wabibona mu gice cya 5 cy’iki gitabo); yavuze ko byahinduye imibereho ye. **Yari yaribajije mu buzima bwe icyaburaga mu mibereho ye y’iby’umwuka**, noneho yari amaze kumenya ko ari Mwuka Wera. Nifuza ko wakumva ubuhamya bwe. Yavuze ko yari abonye ku nshuro ya mbere mu mibereho ye ko agiranye umushyikirano n’Imana. ...Abandi nabo bari barangije kubona ko hari impinduka yabaye mu buzima bwe”²¹ Dushobora kubona ko umuntu ashobora gutahura ko hari icyo abura nyamara ntamenye icyo ari cyo. Benshi bumva bifuza ikirenze icyo bafite ariko ntibamenye icyo ari cyo n’uburyo bakigeraho.

Nshimishwa cyane n’uko mu 1Abakorinto 3:1-4 hakoresha ijambo “*mukiri*” inshuro eshatu. *Kubera ko mukiri aba kamere*. Ibi bitwereka ko umuntu wa kamere ashobora guhinduka umuntu w’umwuka. Nta n’umwe ugomba gukomeza kuba uwa kamere. Kubera ko akiri mu itorero, afite amahirwe yo kubibona kandi akabihindura. Tuzavuga uburyo ushobora guhinduka umuntu w’umwuka [mu bice bikurikira].

Ikindi kintu dukwiriye kuzirikana ni irari no guhangana cyangwa se nk’uko ingeri imwe ya Bibiliya ibivuga, “*Hari ishyari n’itunganya muri mwe*.” Iyi myitwarire yerekaga Pawulo ko abanyetorero bafite umutima wa kamere batabayeho imibereho irimo Mwuka w’Imana, ahubwo ko babaho bakurikiza kamere-kimwe n’abandi bose. Bashobora gukora nk’uko abantu basanzwe (b’umubiri) bakora; bona n’ubwo bo ari abanyedini. Mbese ibi bisobanuye ko guhangana kuboneka mu itorero guterwa by’umwihariko n’abizera bayoborwa n’umutima wa kamere? (Reba muri Yuda 9). Mbese

²¹ Email an H. Haubeil- received on February 15,2012

mu gihe cya Yesu, Abafarisayo n'Abasadukayo ntibaziranaga? Ibi bishatse kuvuga ko na mbere y'icyo gihe hari hariho guhangana hagati y'abadashaka ko ibintu bihinduka n'abashaka impinduka. Itsinda rimwe ry'abantu ryashakaga ko ibintu bigumana umwimerere, irindi rikabifata nk'ibishobora guhinduka. Nyamara buri tsinda muri ayo yombi, ryumvaga ko ari ryo rifite ubusobanuro bw'ukuri bwa Bibiliya n'inyifato ikwiriye. Nyamara Yesu yatweretse ko ayo matsinda yombi yari ayobowe n'umutima wa kamere, bisobanuye ko batari buzuye Mwuka Wera. Ibyo birashoboka no muri iki gihe. Abakristo badashaka impinduka bashobora kuba abakristo bayobowe n'umutima wa kamere. Ku bw'amahirwe make, muri iki gihe, abantu akenshi barebera mu ndorerwamo z'amaso z'abashaka impinduka cyangwa iz'abadashaka ko habaho impinduka.

Amahirwe abirimo ni uko umwitegereza aza neza aturutse kure. Nyamara kandi, dukurikije uburyo Bibiliya ishyira mu myanya abantu ba kamere n'abantu b'umwuka, tugira ingorane yo gufata urutonde rw'umwuka. Dukwiriye kubikora mu nyungu zacu. Mutyo twite ku byo Imana itubwira mu rwandiko rwandikiwe Abagalatiya 6:7-8:

“...kuko ibyo umuntu abiba ari byo azasarura. Ubibira umubiri we muri uwo mubiri azasaruramo kubora, ariko ububira Umwuka muri uwo Mwuka azasaruramo ubugingo buhoraho. »

Umuntu wa kamere ashaka gukurikira Yesu no gukora ibimushimisha, ariko ntiyigeze yegurira Yesu ubugingo bwe bwose cyangwa se niba yarabikoze, yasubiye inyuma mu buryo runaka. (Abagalatiya 3:3; Ibyahishuwe 2:4-5) Ibyo bisobanuye ko, ahari mu buryo adatekerezaho, ashaka kubaho akurikije ubushake bw'Imana n'ubushake bw'ibyifuzo bye icyarimwe. Nyamara ibyo ntibishoboka. Rwose aba atwaye ubugingo bwe mu biganza bye. Nk'uko umugani umwe ubivuga, hari “imitima ibiri iterera mu ibere rimwe.” Mbese Imana ishobora kohereza Mwuka Wera igihe ibintu bimeze bityo? Yakobo 4:3 atanga igisubizo gikurikira: *“Murasaba ntimuhabwe kuko musaba nabi.”* Nageze ku mwanzuro uvuga ko ibyo bisobanuye gusabana inyifato y'umutima wa kamere. Mbese igisubizo cy'isengesho nk'iryo nticyaba icyo gushyira hejuru inarirye? Ingaruka y'ibyo ni uko umunyedini nk'uwo abaho binyuze mu mbaraga n'ubushobozi bya kimuntu bisanzwe. Mu Ibyahishuwe 3:16 hita umuntu nk'uyu “akazuyaze”, maze muri Matayo 25 hakamwita “umupfu”.

Mbese ni ukubera iki Yesu yita umunyedini wa kamere akazuyaze?

Ni ukubera iki abakristo benshi cyane babuze imibereho yo kubana na Mwuka Wera. Kugira ngo dusubize iki kibazo, turabanza turebe ku kibazo cya Lawodokiya. Kuki Yesu yise abizera bo mu itorero rya Lawodokoya akazuyaze? Aduha ikibyerekana gisobanutse: *“Dore mpagaze ku rugi ndakomanga.”* (Ibyah.3:20) Yesu ntabwo yari ipfundo (umutima) ry’ubuzima bw’abizera, ahubwo yari hanze. Yari ahagaze hanze, imbere y’urugi. Mbese ni ukubera iki atinjiye? Ni ukubera ko atari yatumiwe. Ntabwo yinjira ku mbaraga kuko yubaha uburenganzira bwacu bwo gufata icyemezo.

Mbese ni ukubera iki abizera barekera Yesu hanze imbere y’urugi? Hariho impamvu zitandukanye zibitera. Bamwe bagenda bayobowe gusa n’ubwenge n’ibyo bigiye mu mashuri mu rugendo rwabo rw’iby’umwuka, kimwe n’umwanditsi Nikodemu, maze ntibasobanukirwe rwose icyo imibereho ya gikristo ari cyo. (Gereranya n’ibivugwa muri Yohana 3: 1-10) Ku bandi, ikiguzi cyo kuba umwigishwa bakibona nk’igihanitse cyane, kibasaba kureka byinshi, nk’uko byagendekeye “umusore w’umutunzi.” (Gereranya n’ibiri muri Matayo 19:16-24). Gukurikira Yesu bimusaba kwiyinga n’ubushake bwo guhindura imibereho (Gereranya na Matayo 16:24-25) kandi akitanga wese akiyegurira Imana (Abaroma 12:1). Kurekera Yesu hanze bishobora guterwa no kutagira icyo witaho gusa- igihe kidahagiye cyo gushyikirana na Yesu.

Reka mbisubiremo: impamvu y’akazuyaze ni iboneka mu Ibyahishuwe 3:20 ahagira hati, *“Dore mpagaze ku rugi ndakomanga”* Yesu ntabwo ari ipfundo (umutima) ry’imibereho yabo, ahubwo ari hanze cyangwa se ku nkengero. Bityo rero, akazuyaze kerekaza ku isano umuntu agirana na Kristo. Ubundi, umuntu ugambiriwe ntabwo akwiriye kuba akazuyaze rwose.

Urugero: Umugabo ashobora gukoresha igihe cye cyose mu mirimo ye maze muri icyo gihe akirengagiza umugore we. Aba yiyeguriye gukora akazi ke nyamara akaba ari akazuyaze mu bijyanye n’isano y’umubano w’abashakanye. Umuntu ashobora kuba umunyedini witanga, umuyobozi w’itorero ukora neza imirimo ye, Pastoro cyangwa se Perezida nyamara akaba ari akazuyaze mu isano agirana na Kristo. Uwo muntu yitangiye gusohozza inshingano nyinshi ku buryo yirengagiza isano agirana na Kristo. **Aka ni ko kazuyaze Yesu ashaka ko kavanwaho.** Biteye ubwoba kubona umuntu ashobora kuba ahugijwe n’umurimo w’Imana (mu itorero no mu murimo w’ibwirizabutumwa) bikageza ubwo yirengagiza Umwami w’uwo murimo.

UMUGANI W'ABAKOBWA CUMI

Ni iki umugani wa Yesu uvuga iby'abakobwa cumi utwereka ku bijyanye n'abanyetorero b'umwuka n'abagengwa n'umutima wa kamere?

- ▶ Bose uko ari icumi bari amasugi
- ▶ Bose bari bafite ukwizera kwa Bibiliya kutavangiwe
- ▶ Bose bari bafite amatabaza
- ▶ Bose bari bafite Bibiliya
- ▶ Bose bagiye gusanganira umukwe
- ▶ Bose bari bategereje ko agaruka
- ▶ Bose bagiye kuryama
- ▶ Bose bumvise urusaku rubahamagara barakanguka
- ▶ Bose baboneje amatabaza yabo
- ▶ Amatabaza yose yaratse
- ▶ Kimwe cya kabiri cyabo cyabonye ko amatabaza yabo ari kuzima

Bose baboneje amatabaza yabo kandi **amatabaza yabo yose yarakaga; nyamara amatabaza yaka akenera amavuta. Amavuta yarakoreshejwe.** Nyuma y'umwanya muto, batanu muri bo **babonye ko amatara yabo ari kuzima.** Amatabaza y'abakobwa b'abapfu yabashije kwaka umwanya muto, bitwereka ko hari ikintu cya Mwuka Wera bari bafite. Nyamara nticyari gihagije. Hari hari amavuta akabije kuba make. Iryo ni ryo tandukaniro ryonyine ryari rihari.

Ubwo abo batanu bazaga bagasaba ko babakingurira, Yesu yarashubije ati, **“Ntabwo mbazi”**. Bari bakererewe bikabije gushaka amavuta, ari yo Mwuka Wera. Urugi rwakomeje gukingwa.

Iyi nteruro Yesu yavuze itwereka yuko umushyikirano tugirana na we ufite icyo uhuriyeho na Mwuka Wera. Umuntu wese utemera kuyoborwa na Mwuka Wera, ntabwo azemerwa na Yesu. Mu Abaroma 8:8-9 havuga hatya, *“Erega burya abari mu butware bwa kamere ntibashobora kunezea Imana!...Ariko umuntu wese utagira Mwuka wa Kristo, ntaba ari uwe.”*

Mu by'ukuri, tugirana isano na Kristo gusa binyuze muri Mwuka Wera. Mu 1Yohana 3:24 haravugaga hati, **“Kandi ikitumenyesha ko iguma [Yesu] muri twe, ni Umwuka yaduhaye.** Ibi bisobanuye ko, igihamya cy'uko nujujwe Mwuka Wera, ari cyo gihamya na none mfite cyerekana yuko nguma muri Yesu na we akaguma muri jye.

Iki ni cyo kintu cyari cyabaye kuri mushiki wacu wari ufatanyije na twe ibihe by'iminsi 40 y'amasengesho. Binyuze mu kuba kwa Mwuka Wera mu

bugingo bwe, yumvise agiranye umushyikirano n’Imana mu buryo butanduka nye n’uko asanzwe kandi n’abandi babona ko hari impinduka yabaye mu buzima bwe. Undi mushiki wacu wo mu Budage bw’amajyepfo yanditse amagambo akurikira nyuma yo kwiga aka gatabo, “Utu dutabo twombi: akitwa Iminsi 40 yo gusenga no kwiye gurira Imana dutegura kugaruka kwe kanditswe na Dennis Smith hamwe n’aka gatabo kandi, byaduhindukiye umugisha ukomeye twari dutegereje igihe kirekire mu bugingo bwacu. Kimwe n’abandi bizera benshi, bo na mushiki wacu wo mu itorero nsengeramo, twabonye ikintu twari tumaze igihe kirekire twarabuze mu mibereho yacu yo kwizera, kandi ubu dufite amahirwe yo kumenya uburyo Yesu yinjije mu bugingo bwacu maze agatangira kuduhindura. Aracyakorera umurimo muri twe, kandi intambwe ku ntambwe agenda arushaho kutwiyegereza.”²²

Mwene Data umwe yanditse aya magambo, “Agatabo kitwa *“Intambwe zigeza umuntu ku bubyutse”* kankoze ku mutima mu buryo butangaje. Igice kivuga ku bakobwa cumi kandi by’umwihariko isomo ryo mu Abaroma 8:9b ahavugaga hati, “Ariko umuntu wese udafite Mwuka wa Kristo ntaba ari uwe” byankoze ku mutima cyane. Bidatinze, niyumvisemo ko ntasobanukiwe neza niba mfite Mwuka Wera cyangwa niba akorera muri jye kuko mu buryo buteye agahinda mbura imbuto zimukomokaho mu bugingo bwanjye. Iyi sabato nyuma ya saa sita, narangije gusoma aka gatabo numva agahinda kanshenguye umutima. Nuko nsoma isengesho riri ku rupapuro rw’115 nuko icyifuzo gikomeye cyo kwakira Mwuka Wera kivuka muri jye, n’icy’uko umutima wanjye wahinduka kandi Imana Data ikampindurira gukurikiza ubushake bwayo....Mwarakozwe ku bw’aka gatabo n’amagambo akarimo, ayabashije kunkora ku mutima” A.P.

Ibyago bikomeye by’umukristo uyoborwa na kamere ni uko atazabona ubugingo buhoraho niba uko ameze uko kudahindutse. Mu Abaroma 8:9b haravugaga hati, “Ariko umuntu wese utagira Mwuka wa Kristo ntaba ari uwe”.

Noneho reka tubivuge mu nshamake: itandukanirwo rikomeye riri hagati y’umwizera uri mu butware bwa kamere n’umwizera uyoborwa na Mwuka rifite aho rihuriye na Mwuka Wera. Umukristo w’Umwuka yuzuye Mwuka Wera. Umukristo wa kamere ntiyuzuye Mwuka cyangwa se ntamufite mu buryo buhagije.

Ntibikurakaze nuramuka wisanze uri umukristo wa kamere. Imana iriho kuguha umuti ari wo Mwuka Wera.

²² Email from March 31,2013.

Ahantu hamwe na hamwe, Mwuka Wera yakomeje gushimangirwa; ahandi na ho ku rundi ruhande, Mwuka Wera yagiye yirengagizwa. Uwiteka atuyobore mu nzira ituma Bibiliya igira aho iduhuriza.

IKIGERERANYO: ITORERO RYA MBERE N'ITORERO RYO MU BIHE BIHERUKA

Iyo tugereranyije itorero rya mbere n'itorero ryo muri iki gihe, tubona ko itorero rya mbere ryari ryiganjemo abantu buzuye Mwuka. Igitabo cy'Ibyakozwe n'intumwa cyerekana ko iyi ari yo mpamvu bagize iterambere ryiza kandi riyihuse. Nta bundi bufasha bari bafite. Nyamara bari bafite Mwuka Wera. Dufite ubufasha bwinshi kandi butangaje. Nyamara dufite ubukene bwa Mwuka Wera.

Mwibuke ibyo A.W. Tozer yavuze agira ati, “Mwuka Wera aramutse akuwe mu matorero yacu muri iki gihe, 95% by'ibyo dukora byakomeza bigakorwa kandi ntawatahura ko hari itandukaniro n'ibyari bisanzwe. Nyamara iyaba Mwuka Wera yari yakuwe mu itorero rya mbere, 95% (ibi bisobanuye hafi ya buri kintu cyose) by'ibyo bari barimo gukora byari guhagarara kandi buri wese yari guhita abona ko byahindutse.”²³

Mbese kugeza ubu twari twiga icyo kugendana na Mwuka Wera ari cyo? Mbese itorero ryo muri kino gihe ryiganjemo abakristo bagengwa na kamere?

Mbese nk'ingaruka y'ibi, tugaragara kenshi nk'abanyanteye nkeya kandi ku rwego rukomeye ntidutsinde mu rugamba turwana? Mbese inyifato ya kamere ifite aho ihuriye no kudakura kw'itorero kwigaragaza mu mpande nyinshi? Mbese inyinshi mu ngorane zikomeye dufite zituruka ku myifatire iterwa na kamere? Tuzabona biruseho ko ikibazo nyamukuru twihariye cyangwa se duhuriyeho n'abandi ari ukubura kwa Mwuka Wera. Buri wese ku giti cye afashijwe n'Imana, ashobora guhindura uko ibintu bimeze ubu kandi vuba.

Amagambo akurikira yandikiwe abagabura, mu buryo rusange nyamara arengurira kuri buri wese.

Johannes Mager aravuga ati, “Pawulo ashyira itandukaniro hagati y'abakristo b'umutima wa kamere n'abakristo bayoborwa na Mwuka, hagati

²³ Dr.S.Joseph Kidder, Anleitung zum geistlichen Leben (Andrews University), ppp Folie 2.

y’abuzuye Mwuka Wera n’abadafitiye Mwuka Wera umwanya mu bugingo bwabo: ababatijwe na Mwuka Wera nyamara ntibuzure Mwuka Wera.

Ku mubwirizabutumwa, ibi bisobanuye bitya: nshobora kuba narize iyobokamana rizima, nkiga imirongo ya Bibiliya mu ndimi yanditswemo, ngasobanura mu buryo bwiza imirongo ya Bibiliya; nshobora kuba narigishijwe ukuri kwa Bibiliya mu mashuri kandi nkamenya imirongo uko yagiye isobanurwa mu bisekuruza byagiye bikurikirana; nshobora kumenya neza imyifatire y’ababwiriza nkanigisha ibyigisho byiza kandi byumvikana-nyamara ubwenge bwange n’impano zange bikaba bituzuye Mwuka Wera. Ibitabo, amashuri, ibikoresho byiza ndetse n’impano yo kwemeza abandi byasimbuye imibereho yuzuye Mwuka Wera.

Kubwiriza, gusenga mu ruhame, gutunganya gahunda z’itorero, gutegura gahunda z’imirimo y’ibwirizabutumwa, gutanga inama ku bagabura-ibi umuntu ashobora kubyiga ndetse akabishyira mu bikorwa kandi nta Mwuka Wera afite. Ellen G. White yasobanuye iyi ngorane mu magambo akurikira, “Impamvu hariho kwigaragaza kwa Mwuka W’Imana ku rwego rotoya cyane ni uko abagabura biga gukora batayobowe na we” (E.G. White, Testimonies for the Church [Ibihamya by’Itorero], Vol. 1, (1868),p.383.1). Johannes Mager yabaye umugabura, umubwirizabutumwa n’umwarimu w’iyobokamana mu mashuri y’ubugabura abikora imyaka myinshi. Nyuma yaje gukora nk’umunyamabanga mu cyiciro cy’abagabura cyo muri Divisiyo

yahuranyije Uburayi na Afrika (ubu ikaba yitwa Inter- European Division) ahitwa i Bern ho muri Switzerland. Ubu ari mu kiruhuko cy’izabukuru, akaba atuye i Friedensau ho mu Budage.²⁹

Mu magambo make: Kuba umuntu wa kamere bisobanuye kubeshwaho n’imbaraga n’ubushobozi bya kimuntu nta Mwuka Wera ufite cyangwa se udafite Mwuka Wera ku rugero rukwiriye.

29 Johannes Mager, Auf den Spuren des Heiligen Geistes (Following the steps of the Holy Gho), (Lüneberg, 1999), pages 102-103.

INZITIZI IKOMEYE IRI MU BUKRISTO BUFITE UMUTIMA WA KAMERE

Amategeko akomeye agenga Bibiliya ni-Ugukunda umwanzi wawe, kubabarira abantu muri byose, kunesha icyaha, n’ibindi-kandi ibi bibasha kugerwaho gusa n’imbaraga ya Mwuka Wera, nta bwo umwete wa kimuntu wabishobora. Ibi bitwereka yuko ikibazo nyamukuru mu bukristo bw’umutima wa kamere ni uko ari ubuzima bushingiye ku mbaraga za

kimuntu gusa. Ntidushobora gukora ibyo Imana ishaka mu mbaraga zacu. Mutyo dusome imirongo mike ya Bibiliya ivuga kuri iyi ngingo:

Yesaya 64:6: *“Ibyo twakiranutse byose bimeze nk’ubushwambagara bufite ibizinga.”*

Yeremiya 13:23: *“Mbese umunyetiyopiya yabasha guhindura ibara ry’umubiri we, cyangwa ingwe ubugondo bwayo? Namwe ni uko ntimwabasha gukora ibyiza kandi mwaramenyereye gukora ibibi.”*

Ezekiyeli 36:26-27; *“Nzabaha n’umutima mushya, mbashyiremo umwuka mushya,... nzabashyiramo Umwuka wanyje, ntume mugendera mu mateka yanyje mugakomeza n’amategeko yanyje mukayasohoze.”*

Abaroma 8:7: *“Kuko umutima wa kamere ari umwanzi w’Imana, kuko utumvira amategeko y’Imana, ndetse ntushobara kuyumvira”* Indi ngeri ya Bibiliya ibivuga itya, *“Umutima ugengwa na kamere urwanya Imana; ntiwitondera amategeko y’Imana, mu by’ukuri, nta n’ubwo ubishoboye.”*

Ellen White yavuze mu buryo bweruye kandi bwumvikana agira ati, *“Umuntu ugerageza kugera mu ijuru abiheshejwe n’imirimo ye cyangwa gukomeza amategeko, agerageza ibidashoboka. Umuntu ntashobora gukizwa atumvira, **nyamara imirimo ye ntituruka muri we ubwe; Kristo ni we ukwiriye kumutera gushaka no gukora ibyo yishimira.**”*²⁴

Ntekereza ko iyi mirongo yerekana mu buryo buhagije ko tudashobora gukora ibyo Imana ishaka tudafashijwe na Mwuka Wera. Ikitureba gusa ni ugufata ibyemezo buri muni byo gukora ibyo Imana ishaka maze Imana ikaduha imbaraga zo kubisohoze. Uku gusobanukirwa kw’inyigisho yo gukiranuka ku bwo kwizera ni ukw’agaciro gakomeye kandi gutanga umudendeko. Nyamara dushobora kubiganira tubivuye imuzi.

MBESE BYAGENDA BITE, IGIHE UMUNTU AGERAGEJE GUKORA IKINTU KIRENZE IMBARAGA ZE?

Iyo mbyitegereje, akenshi mbona bigenda bitya: Birananira! Na none ndongera ngatsindwa! Ntekereza ko imbaraga zacu zidutenguha ku rwego runaka. Ntekereza ko iki kibazo gikunda kwigaragaza cyane ku bakiri bato kurenza abantu bakuze. Abantu bakuze baba bamaze kumenyera kugira inshingano zikomeye, kubahwa mu muryango, amashuri n’imirimo izana inyungu. Nuko rero, ntibapfa guhangayikishwa cyane n’uko batsinzwe nk’uko abakiri bato bibagendekera. Nyamara icyo kibazo kiboneka hose mu basore kimwe no mu bakuze. Ukuri muto cyane gusa ni we ubibona mu buryo

²⁴ E.G. White, Review and Herald, (Urwibutso n’Integuza), July 1, 1890

bugaragara. Baba babizi cyangwa se batabizi, ikibazo gikomeye cy’abakristo batwarwa na kamere, ni ukugenda mu nzira yo kwizera bakoresheje imbaraga zabo bwite.

Ni mubuhe buryo tugerageza gukemura ikibazo nk’iki? Umuntu umwe ashobora gusenga cyane asaba Imana ngo imufashe maze akongera kugerageza kurusha mbere. Undi na we ashobora gutekereza ko tudakwiriye kugira imitekerereze migufi. Noneho agatangira gufata ibintu mu buryo busanzwe, akiyumvamo ko yorohewe n’umutwaro kuruta mbere.

Undi na we akajugunya kwizera kwe rwose, kandi ashobora kumva aguwe neza. Ikibazo kimwe gusa ni uko ibi bisa n’aho ari ibisubizo, ari ibisubizo bipfuye kuko ingaruka zabyo zizigaragaza bidatinze cyangwa se bitinzeho gato. Inzira ikwiriye ni ugufata amategeko y’Imana utajenjetse kubera ko yatanganywe urukundo kandi ni ayo kutuzanira ibyiza. Nyamara nubwo bimeze bityo, dukeneye imbaraga z’Imana kugira ngo tubishobore. Inzira nyakuri ni ukubaho mu mbaraga za Mwuka Wera bitera umunezero mwinshi, umwete, imbaraga, kwera imbuto no kunesha.

IKIBAZO NYAMUKURU

Ntekereza ko twarangije kubona neza ko ikibazo gikomeye gifitanye isano n’ubukristo buyobowe n’umutima wa kamere. Mbese impamvu Yesu yanga ko abantu b’akazuyaze bamukurikira ntirushaho kugaragara? Ntabwo bafite ubugingo bwishyamba nk’ubwo Imana ishaka kuduha kandi batanga urugero rubi nubwo benshi muri bo batabyiyizihye. Ikibazo kirushijeho gukomera kurenza uko tubitekereza. “Abakristo bitanze by’igice barusha abapagani kuba babi; kubera ko amagambo yabo y’ubuhendanyi no kutiyegurira Imana kwabo biyobya benshi.”²⁵

Mu gitabo cyitwa Christ our Righteousness (Kristo Gukiranuka Kwacu) cyanditswe na Arthur G. Daniells, dusoma mu ibi bikurikira: “Iyobokamana ry’umuhango ni ikintu kiyobya kandi kimbura ku buryo bukomeye. Ni agacuri kihisha kandi umuntu atiteze guhura na ko, ako itorero ryagerageje kujanjagura kenshi mu binyejana byinshi bishize. Pawulo yatuburiye iby’aka kaga avuga ko iyi “shusho yo kwera” idafite imbaraga z’Imana [ituzuye Mwuka Wera] izaba imwe mu ngorane zizabaho mu minsi y’imperuka, maze

²⁵ E.G. White Letter 44, 1903, quoted in Adv.Bible Commentary, Vol.7,p.963 on Rev.3:15-16 32
Arthur G. Daniells, Christ our Righteousness, p.20.

adushishikariza kudafatirwa muri uwo mutego w’inyifato yo kumva tuguwe neza no kwishuka.”³²

Impamvu zimwe zituma habaho ubukristo burangwa n’umutima wa kamere

Izi mpamvu zikurikira ni zo zituma habaho ubukristo burangwa n’umutima wa kamere:

1. **Ubujiji**—ntabwo twitanze bihagije ngo twite kuri iyi nsanganyamatsiko y’Imibereho yuzuye Mwuka Wera” cyangwa se ntitwari twabona urufunguzo rwo kuyishyira mu bikorwa.
2. **Kutizera cyangwa kwizera guke**—Kuzuzwa Mwuka Wera bibanzirizwa no kwitanga rwose ugaha Yesu Kristo imibereho yawe. Ibi na byo bishobora kubaho biturutse ku kutamenya (ubujiji), cyangwa ahari bigaterwa n’uko dutinya ko Uwiteka yatuyobora mu buryo butandukanye n’ubwo dushaka. Ibyo bivuze yuko tutiringira urukundo rw’Imana n’ubwenge bwayo.
3. **Ubuyobe**—Umuntu ashobora gutekereza ko yuzuye Mwuka Wera nubwo byaba atari byo mu kuri cyangwa akaba adafite Mwuka Uhagije. Iki gisa n’aho ari cyo kibazo gikunze kugaragara.
4. **Guhugirana cyane**—Abantu bafite imitwaro ibaremereye cyane ku buryo batekereza ko badafite igihe cyangwa se bafite igihe kidahagije cyo gukomeza gushyikirana na Kristo. Ubundi se bagafata igihe ariko ntibakuze amajyambere mu gukomeza gushyikirana n’Imana.
5. **Ibyaha byahishwe**, ahari bitigeze byicuzwa -ibi bimeze nk’urutsinga rw’itumanaho rugufi, bisobanuye ko badahuzwa (batagira aho baturira) n’Imana.
6. **Gukora akenshi na kenshi bayobowe n’ibyo biyumvamo**. Ijambo ry’Imana rivugaga riti, “ *Umukiranutsi abeshwaho no kwizera*.” Mbese mfata ibyememo nkoresheje ukwizera Imana kwanjye cyangwa mbifata nkurikije uko mbyiyumvamo? Aya magambo yavuzwe na Roger Morneau yankoze ku mutima: “*Imyuka ishobora gukangurira abantu kumvira ibiyumviro byabo aho kumvira ijambo rya Kristo n’abahanuzi*

be. Nta bundi buryo buruta ubu imyuka yakwigarurira ubuzima bw'abantu idakoresheje abantu kugira ngo bakore ibiriho biba.”²⁶

Mbese ni mpamvu ki nkwiye gusaba Mwuka Wera? Nubwo naba narujijwe Mwuka Wera?

Mu ruhande rumwe twahawe Mwuka Wera kugira ngo agumane natwe. Mu rundi ruhande, dukwiye gukomeza gusaba Mwuka Wera ku bwo kwizera. Mbese ni mu buhe buryo dukemura iki kintu gisa no kwivugurura?

Mu ruhande rumwe:

Muri Yohana 14:17 Yesu yaravuze ati, “Mwuka Wera abana namwe kandi azaba muri mwe.” Mu Ibyakozwe n’Intumwa 2:38 haravugaga hati, *“Nimwihane, umuntu wese muri mwe abatizwe... kandi namwe muzahabwe iyi mpano y’Umwuka Wera.”*

Mu rundi ruhande:

Igihe Yesu yigishaga [abigishwa be] gusenga nk’uko biboneka muri Luka 11:9-13, yaravuze ati, *“...musabe, muzahabwa;...So wo mu ijuru ntazarushaho guha Umwuka Wera abamumusabye?”* Mu Abefeso 5:18 hakavugaga hati, *“Mwuzure Umwuka”* Muri ubu buryo bwombi, mu rurimi rw’umwimerere rw’ikigiriki, uko gusaba kuri mu buryo bukomeza.

E. G. White aravugaga ati, *“Imikorere ya Mwuka Wera, buri gihe iba ihuje n’ijambo ry’Imana twandikiwe. Nk’uko bigenda mu byaremwe, ni nako bigenda mu isi y’iby’Umwuka. Ubuzima bwacu busanzwe bubeshwaho buri munota n’imbaraga y’Imana; nyamara ntibukomezwa n’ibitangaza, ahubwo binyura mu migisha iri ahatwegereye. Muri ubwo buryo na none, ubuzima bw’iby’Umwuka bukomezwa no gukoresha uburyo ukugiraneza mvajuru kwateganyije. Niba umuyoboze wa Kristo akwiye gukura akagera ku rugero rushyitse rw’igihagararo cya Kristo (Abefeso 4:13), agomba kurya ku mutsima w’ubugingo, akanywa no ku mazi y’agakiza. Agomba kuba maso, agasenga kandi agakora, kandi muri byose akaba agomba kumvira amabwiriza ahabwa n’Imana binyuze mu ijambo ryayo.”²⁷*

Duhabwa ubugingo igihe tuvutse. Kugira ngo dukomeze kubaho tugomba kurya, tukanywa, tukakora imyitozo ngororangingo n’ibindi. Ni

²⁶ Roger Morneau, A Trip into the Supernatural, Review and Herald 1982, p. 43

²⁷ E.G. White, The Acts of Apostles [Ibyakozwe n’Intumwa], (1911), p.284.2. 35

E. G. White, Uwifuzwa ibihe byose], (1898), p.510.

kimwe rero no mu mibereho yacu y'iby'Umwuka. Tugira Mwuka Wera binyuze mu mubatizo wacu w'amazi na Mwuka Wera (tuvutse bundi bushya) bityo ubu buzima bw'iby'Umwuka buguma muri twe mu mibereho yacu yose. Kugira ngo ubu buzima bw'iby'Umwuka bukomeze kubaho, ni ngombwa ko dukoresha uburyo bwa Mwuka Imana yaduteganiye ari bwo ubungubu: Mwuka Wera, ijambo ry'Imana, isengesho, ubuhamya bwacu n'ibindi.

Muri Yohana 15:4 Yesu yaravuze ati, *"Mugume muri jye, nanjye ngume muri mwe."* Kuri ibi, Ellen White aravuga ati, *"Kuguma muri Kristo bisobanuye guhabwa kuri Mwuka we ku buryo buhoraho, kandi ukagira imibereho ihora yitangira umurimo wa Kristo."*³⁵

Iyi ni yo mpamvu dukeneye gusaba Mwuka Wera buri muni ku bwo kwizera kandi tukiyegurira Uwitaka buri gitondo twebwe ubwacu n'ibyo dutunze byose.

MBESE MPAGAZE MU RUHE RUHANDE?

Ikintu cy'ingenzi kurusha ibindi, ni ukumenya itsinda ndimo. Mpagaze mu ruhe ruhande ?

Igihe mama wanjye nkunda yari afite imyaka 20 y'ubukuru, yashubije ikibazo cy'umuntu umwe amubwira ko adashishikajwe n'ibyo kwizera. Uwo muntu nawe amubwirisha ikibazo agira ati, « None se uramutse upfuye muri iri joro ? » Aya magambo yamumennye umutima. Nyamara yazanye ingaruka nziza. Yamuyoboye ku gufata icyemezo cyo kwiye gurira Yesu n'itorero rye. Wenda iki kibazo nawe cyagufasha :



Reka tuvuge ko uyu munsu upfuye... ! (wishwe n’umutima cyangwa impanuka). Mbese ufite ibyiringiro ko wazabana na Yesu mu bugingo buhoraho ? Ntugume mu gihirahiro

Ikintu giteye ubwoba

Nahagaritse umutima guhera igihe ntangiriyeye gusobanukirwa ugukomera kw’iki kibazo. Naratekereje kandi ndasenga nibaza niba iki gika nkwiye kucyongeraho. Ndi gukoresha aya mahirwe kubera ko iki kibazo kijyanye n’ibyishimo by’ubugingo muri iki gihe ndetse n’ubugingo bw’iteka kandi na none mu buryo bwihariye kikaba gifite imbaraga ku buzima bw’abashakanye, ku muryango ndetse no ku itorero no ku kazi. Nta n’ubwo nzi uwo bitunga agatoki. Ariko ndashaka gufasha uwo bireba kubera ko nanjye nafashijwe n’abandi. Ni ingenzi cyane ko umuntu wese utwarwa na kamere amenya ibi; bitabaye ibyo, ntiyahinduka abifashijwemo n’Imana. Imana mu rukundo rwayo ishaka kudukundagazaho imigisha yayo binyuze mu mushyikirano wimbitse tugiranye na Yesu Kristo ku bwa Mwuka Wera. Nk’ingaruka y’ibi, igihombo gikomeye gishobora kwirindwa, kandi hakakirwa imigisha itagira ingano. Kandi ikintu gitangaje ni uko dushobora kubonera iki kibazo igisubizo mu buryo bwihuse dufashijwe n’Imana. (Ibindi kuri ibi biri mu gice cya 3 n’icya 5)

Ikibazo cy’ubukristo butwarwa n’umutima wa kamere gisobanurwa na Bibiliya mu buryo butandukanye. Amatsinda yihariye n’abantu bayarimo bashobora kugira ibyo bahangamiyemo bitandukanye nyamara ikibazo nyamukuru kikaba ari kimwe. Uburyo butandukanye basobanurwamo ni ubu bukurikira:

- ▶ **“mu mubiri cyangwa muri kamere”**- Abaroma 8:1-17; 1Abakorinto 3:1-4, Abagalatiya 5:16-21 n’ayandi masomo
- ▶ **“umupfu”**-umugani w’abakobwa cumi Matayo 25:1-13 “Imimerere y’itorero ishushanywa n’abakobwa b’abapfu, ivugwa na none nk’imimerere y’itorero rya Lawodokiya”²⁸
- ▶ **“akazuyaze”**-ubutumwa bwandikiwe Lawodokiya Ibyahishuwe 3:14-21 “*Iyaba wari ukonje cyangwa wari ubize*” (Ibyahishuwe 3:15) Mbese ntibitangaje? Yesu ahitamo ubukonje kuburutisha akazuyaze. Mbese impamvu z’ibyo ni izihe? “Abakristo bitanze by’igice barusha abapagani kuba babi; kubera ko amagambo yabo y’ubuhendanyi no kutiyegurira Imana kwabo biyobya benshi. Abapagani bo berekana uko bari. Umukristo w’akazuyaze we ayobya impande zombi. Ntabwo aba uw’isi

²⁸ E.G. White, Review and Herald, August, 19, 1890

ngo yerure kandi nta n’ubwo aba umukristo mwiza. Satani aramukoresha kugira ngo asohoze umurimo utasohozwa n’undi muntu uwo ari we wese.”²⁹

► **“Ntibabyawe ubwa kabiri”** cyangwa se ntibagumye muri uko kubyarwa ubwa kabiri-Yohana 3:1-21 “Kuvuka bundi bushya ni imibereho itagikunze kuboneka mu isi y’iki gihe. Iyi ni yo mpamvu hariho gucanganyukirwa mu matorero. Benshi, ndetse benshi cyane biyitirira izina rya Kristo ntabwo bejejwe ndetse baranduye. Barabatijwe, ariko bahambwe ari bazima. Inariye yabo ntiyapfuye, ku bw’ibyo ntibazukiye mu bugingo bushya muri Kristo.”³⁰

► **“Ishusho yo kubaha Imana”-“Bafite ishusho yo kwera ariko bahakana imbaraga zako.”** (2 Timoteyo 3:5) Kuri ibi, uwitwa Arthur G. Daniells yanditse ibi bikurikira:

“Iyobokamana ry’umuhango ni ikintu kiyobya kandi kirimbura ku buryo bukomeye. Ni agacuri kihishe kandi umuntu atiteze guhura na ko, ako itorero ryagerageje kujanjagura kenshi mu n’ibinyejana byinshi bishize. Pawulo yatuburiye iby’aka kaga avuga ko iyi “shusho yo kwera” idafite imbaraga z’Imana [ituzuye Mwuka Wera] izaba imwe mu ngorane zizabaho mu minsi y’imperuka, maze adushishikariza kudafatirwa muri uwo mutego w’inyifato yo kumva tuguwe neza no kwishuka.”³¹

Na none hari andi magambo ateye ubwoba ari mu nyandiko za Ellen White:

► **Ni bake, bake cyane**

“Mu nzozi zanjye, umurinzi yahagaze ku muryango w’inyubako ikomeye nuko akajya abaza buri wese ushaka kwinjira muri iyo nyubako ati, ‘Mbese wakiriye Mwuka Wera? Yari afite umunzani mu nkoki ze, kandi bake, bake cyane nibo babashije kwemererwa kwinjira.”³²

► **Mu bantu 20 nta n’umwe witeguye**

“Ni amagambo mbwira amatorero mu buryo bweruye yuko mu bantu 20 bafite amazina mu bitabo by’itorero, nta n’umwe witeguye kurenga umupaka w’amateka ye yo muri iyi si kandi rwose bariho nta Mana bafite

²⁹ E.G. White Letter 44, 1903, quoted in Seventh Day Adventist . Bible Commentary, Vol.7, p.963 on Rev.3:15-16

³⁰ E.G. White, MS 148, 1897, quoted in the Seventh Day Adventist Bible Commentary Vol. 6, p.1075 Many buried alive

³¹ A.G. Daniells, Christ our Righteousness, p.20

³² E.G. White, Selected Messages, Vol. 1 (1958), p. 109.2

nta n'ibyiringiro bafite muri iyi si nk'uko bimeze ku bandi banyabyaha muri rusange”³³

► **Kubera iki dusinziriye cyane?**

“Kuki ingabo za Kristo zisinziriye, nta cyo zitayeho? Nta sano nyakuri bafitanye na Kristo kandi ntibakiyoborwa n’Umwuka Muziranenge.”³⁴

► **Akaga kakomeye**

“Sinshaka gutinda ku kuntu ubuzima bwacu ari bugufi n’ukuntu atari ubwo kutiringirwa; nyamara hariho akaga gakomeye-akaga katigeze gasobanukira abantu neza-ari ko ko gutinda kumvira ijwi ryinginga rya Mwuka Wera w’Imana, guhitamo kwibera mu cyaha; kuko uku gutinda ari aha gushingiye mu by’ukuri.”³⁵

Ni iki kiri mu mutima w’icyaha? «*Kuko batanyizeye*» (Yohana 16:9) Kwiye gurira Yesu burundu kwacu ni cyo kimenyetso kizerekana ko tumwizeye kandi tumwiringira. Ibi bifitanye isano no kwitanga wese kwacu ; ubushake bwacu bwo kumukurikira muri buri kintu cyose.

Ndashaka kubisubiramo: Ndi gukoresha aya mahirwe yo kongeraho iki gika kubera ko iki ikibazo kijyanye n’ibyishimo byacu by’ubugingo muri iki gihe ndetse n’ubugingo bw’iteka kandi na none mu buryo bwihariye kikaba gifite imbaraga ku buzima bw’abashakanye, ku muryango ndetse no ku itorero.

Ibibazo n’ibindi bibazo

Ikibazo cy’ingenzi ni ukwibaza niba wuzuye Mwuka Wera cyangwa ntawe ufite. Ariko se ubundi, ni ryari umuntu aba yuzuye Mwuka Wera? Mbese ibintu bya ngombwa bibanziriza icyo gikorwa ni ibihe ? Mbese ingaruka nziza zizanwa no kubana na Mwuka Wera ni izihe ? Mbese bigenda bite iyo wihenze ugatekereza ko wuzuye Mwuka Wera wishuka ?

Shimira Imana ku bw’ibimenyetso

Mushimire Imana kubera ko turi kwitangira insanganyamatsiko ivuga iby’ububutse. Ntekereza ko Imana yacu ikomeye kandi itangaje ifite

³³ E.G. White, Christian Service (1925), p. 41.1

³⁴ Ellen G. White, Intambara ikomeye (1911), p. 361

³⁵ Ellen G. White, Selected Messages (ubutumwa Bwatoranijwe) Vol.1, (1958), p. 109.2.

impamvu nyinshi ziyitera kudushyiramo ubushake binyuze muri Mwuka Wera ngo tugire ububyutse. Mbese izi zaba ari zo mpamvu?

- Irashaka kudukura mu ntege nke no kudukiza kumera nka Lawodokiya kwacu.
- Irashaka ko tuba twiteguye kugaruka kwa Yesu kwegereje no kudutegura ku bw'igihe kidasanze kizakubanziriza
- Irashaka kuzana mu isi ububyutse bukomeye buheruka (Ibyahishuwe 18:1-2) ikoresheje «*abakomeza amategeko y'Imana bakagira guhamya nk'ukwa Yesu*» (Ibyah. 12:17) kandi «*bafite kwizera kwa Yesu*». (Ibyah. 12:17)

Mureke na none dushimire Imana ko umukristo ugengwa na kamere ashobora guhinduka umukristo ugengwa na Mwuka mu buryo bwihuse. Kandi yuko umuntu wese uba muri Mwuka Wera ashobora gukura akagera ku kuzura kwa Kristo. Uyu ni wo murimo wacu ukurikiraho. Ni yo mibereho ikenewe iboneka na none ku musozo w'iki gice cyo muri kino gitabo.

Ubushake bushya n'ibyishimo byo mu mutima

“Hari mushiki wacu umwe wampaye agatabo kitwa “Intambwe zigeza umuntu ku bubyutse”. Nahagaritswe umutima n'ibikubiye muri ako gatabo. Nari maze igihe nshakisha ikintu nk'iki, ameherezo noneho nari nkibonye. Natangiye gutegura imibereho yanjye y'iby'Umwuka kandi icyo gihe ni bwo noneho nabonye ko ngomba kugira icyo nkora: niyeguriye Yesu burundu. Guhera icyo gihe, Umwami yarankanguraga kare kare akampa igihe cyo kuganira nawe mu ijamba rye no gusenga. Buri muni nigaga igice kimwe cyo mu gatabo kitwa “Iminsi 40”. Natangiye kubona neza ko isano yanjye na Yesu igenda irushaho gukomera. Yagiye irushaho kwimbika no kuba nk'iy'inshuti magara. Mwuka Wera yarimo ankoreramo umurimo. Ubwo nari ndangije kwiga ako gatabo k'“Iminsi 40”, nafashe numero yako ya kabiri na yo ndayiga. Guhera ubwo niyemeje kwiga buri kamwe muri utwo dutabo inshuro enye. Nta kindi nakora keretse gusaba kugendana n'Imana umunsi ku muni. Ingaruka yabyo iranejeje kubera ko ubushake bushya n'ibyishimo byo mu mutima bidashobora kwihishira. Muri icyo gihe, nagize amahirwe yo kungukira byinshi mu mibanire yanjye n'Imana. Nashakaga kandi n'ibihe byo kuganira n'abandi iby'iyi mibereho yanjye. Gushyikirana na Yesu byimbitse bituma ibintu byinshi bita agaciro n'ibindi umuntu yitagaho bitari ngombwa bigakemuka. Niringiye ko n'abandi bantu benshi bazagira amahirwe nk'ayo nagize, kandi ndabisengera.” H.S

MBESE IBIBAZO BYACU BISHOBORA KUBONERWA UMUTI? MU BUHE BURYO?

***Ni mu buhe buryo dushobora
gukura tukaba abakristo bakomeye
kandi bishimye?
Ni mu buhe buryo Mwuka Wera
ashobora
kuzura mu mibereho yacu?***

Kuguma muri Kristo bisobanuye guhabwa kuri Mwuka we kumuryo buhoraho, kandi no kugira imibereho ihora yitangira umurimuna Kristo. »⁴⁴

Iki gisubizo cy'Imana gifite imigabane ibiri yo gukemura ikibazo cyacu nyamukuru, ni nacyo nzira yo kugira imibereho ya gikristo yuzuye ibyishimo. Yesu yavuze kuri aya magambo mu buryo bukurikira, « *Ibyo mbibabwiriye kugira ngo umunezero wanjye ube muri mwe, kandi n'umunezero wanyu ube wuzuye.* » (Yohana 15:11) Binyuze muri izi ntambwe ebyiri (gukomeza kwakira Mwuka Wera no kwitanga burundu), Kristo aba muri twe kandi iyo ni yo nzira itugeza ku munezero utagira kirogoya. Mu Abakolosayi 1:17

havuga iby'ubwiza butangaje: Kristo muri mwe. Mbese ntibigaragara neza yuko Yesu yakoresheje uyu mugani

44 E. G. White, Uwifuzwa ibihe byose (1898),p.510

w'umuzabibu agira ngo ashimangire isezerano ryo guhabwa Mwuka Wera riboneka muri Yohana 14 n'umurimo wa Mwuka Wera uvugwa muri Yohana 16?

Ikintu cy'ingenzi ni uko twiyegurira Imana buri muni (nk'ibwirizwa shingiro), twebwe ubwacu n'ibyo dutunze byose, ikigeretse kuri ibyo, tugasaba kandi tukakira kubwo kwizera ugusukwa kwa Mwuka Wera.

NI UKUBERA IKI ARI NGOMBWA KWIYEGURIRA YESU BURI MUNSI?

Muri Luka 9:23 Yesu yaravuze ati, *“Umuntu nashaka kunkurikira niyiyange, yikorere umusaraba we iminsi yose ankurikire.”*

Yesu yavuze ko kuba umwigishwa we ari ikintu kigomba gukorwa buri muni. Kwiyanga bisobanuye kureka Yesu akaba umugenga w'ubuzima bwawe. Kwikorera umusaraba ntibisobanura ko tuzahorana ingorane buri muni. Aha bisobanura: kwanga inariye yacu buri muni maze tukumvira Yesu twishimye kandi tubikunze-mbese nk'uko Pawulo yabyivuzeho agira ati, *“Mfa buri muni.”* Mu gihe cya Yesu iyo umuntu yabaga yikoreye umusaraba, yabaga yakatiwe urwo gupfa, bityo akaba yerekeje aho aribwiciye. Ku bw'ibyo rero, bifite aho bihuriye no kwemera ibirushya bijyana no gukurikira Yesu.

Twakiriye ubuzima bw'ibigaragara igihe twari tuvutse. Ubusanzwe turya buri muni kugira ngo dukomeze kubaho, tugire imbaraga ndetse n'ubuzima. Twakiriye ubuzima mu by'Umwuka igihe twari tuvutse ubwa kabiri. Kugira ngo ubuzima bwacu bw'iby'Umwuka bukomeze kubaho kandi bukomere, ni ngombwa ko twita ku muntu w'imbere uko bukeye n'uko bwuje. Ibi nibiramuka bitabayeho mu buryo bw'umubiri ndetse no mu buryo bw'Umwuka, tuzahinduka abanyanteye nke, turware yemwe tunapfe. Ntibishoboka ko mu bya Mwuka Wera turya amafunguro yari agenewe iminsi iri imbere, nta n'ubwo twakwizigamira Mwuka Mwinshi ngo tumubike.

Mu gitabo cy'Ibyakozwe n'intumwa, hari inama y'ingenzi ku byerekeranye n'ibi: *“Ubuzima bwacu busanzwe bubeshwaho buri munota n'imbaraga y'Imana; nyamara ntibukomezwa n'ibitangaza, ahubwo binyura mu migisha iri ahatwegereye. Muri ubwo buryo na none, ubuzima bw'iby'Umwuka bukomezwa no gukoresha uburyo ukugiraneza mvajuru kwateganyije.”*³⁶

³⁶ E.G. White, The Acts of Apostles (Ibyakozwe n'intumwa), (1911), p.284.2

Aya magambo ari mu gitabo cy'Uwifuzwa ibihe byose yarantangaje cyane. Haravuga ngo, "Tugomba gukurikira Yesu umunsi ku munsi. Ntabwo Imana itanga ubufasha burebana n'ibyeje."³⁷

Ellen White yaravuze ati,

"Gukurikira Yesu bisaba guhinduka k'umutima wose mu ntangiriro no guhora uhinduka **uko bukeye n'uko bwije.**"³⁸ Nubwo kwitanga kwacu kwaba kwari kuzuye rwose igihe twahindukaga, nta cyo kuzatugezaho

³⁹ "Mujuje mwiye gurira **Imana** niba kudakomeje kuvugururwa buri munsi"

uko bukeye; abe ari byo mugira nyambere mu gitondo, mutarakora ibindi byose. Mujuje musenga muti: «Nyagasani nyakira ungire uwawe rwose, inama zanjye zose nzirambitse mu birenge byawe, unkoresha mbe uwawe uyu munsi, tubane Nyagasani, kandi imirimo yanjye yose nyikorane nawe.» Uko ni ko mukwiriye kugenza uko bukeye. Mu gitondo cyose mujuje mwiye gurira Imana kubw'uwo munsi. Inama zanyu zose muzishyire imbere yayo ngo abe ari yo izisohaza cyangwa se ngo yenda izireke. Muri ubwo buryo ni bwo mubasha gushyira ukubaho kwanyu mu maboko y'Imana iminsi yose, kandi nibwo ukubaho kwanyu kuzajya kurushaho gukurikiza ukwa Kristo."⁴⁰

Uwitwa Morris Venden yaravuze ati,

"Niba utarabona neza akamaro ko guhinduka buri munsi, bishobora kuba icyuho gikomeye mu bugingo bwawe. Mu gitabo cyitwa Ibitekerezo byo ku musozi w'imigisha ku rupapuro rwa 101 hatanga aya masezerano:

« Nushaka Umwami wawe kandi ugahinduka buri munsi... ukwivovota kwawe kose kuzaturishwa, ingorane zawe zose zizakurwaho, ibibazo byo gushidikanya byose uhura na byo bizakemuka. »⁴¹

Kugumana na Yesu binyuze mu kuvugurura ukwitanga kwacu kwa buri munsi ni ingenzi nk'uko byari ingenzi igihe twazaga kuri we bwa mbere.

³⁷ Ellen G. White, Uwifuzwa ibihe byose (1898), p.231

³⁸ Editor Francis D Nichol, Adventist Bible Commentary Vol. 1 (Review and Herald, 1976), p. 1113

³⁹ E.G. White, Review and Herald, Jan. 6, 1885

⁴⁰ E.G. White, Kugana Yesu (1892), pp. 39,40

⁴¹ Morris Venden, 95 Theses on Righteousness by Faith (Pacific Press, 1987), p.96

Morris Venden yongeraho ibi bikurikira : « Gukomeza gushyikirana n’Imana umunsi ku munsi bigeza umuntu ku kwitanga buri buri no kwishingikiriza kuri we umwanya ku wundi »⁴²

Dushobora kumenya tudashidikanya ko igihe twiyeguriye Yesu biturutse ku mutima, icyo gihe tuzaba dukora ibyo yifuza ko dukora kuko ari we wavuze ati, « Nimuze munsange... » (Mat.11 :28) kandi arongerera ati, « *Uza aho ndi, sinzamwirukana* » (Yohana 6 :37)

« Imana ishaka kudukorera ibintu bikomeye. Umubare munini wacu si wo uzaduhesha gutsinda, ahubwo tuzabiheshwa no kwegurira Yesu imitima yacu burundu. Tugomba kujya mbere mu mbaraga ze twiringiye imbaraga z’Imana ya Isirayeli...”⁴³

Imbaraga ikomeye Imana ishobora gukoresha muri twe igihe tuyiyeguriye burundu igaragazwa na John Wesley mu magambo akurikira’ “Imana ishobora gukora ibintu byinshi ikoresheje umuntu umwe wayiyeguriye ijana ku ijana kurenza ibyo yakoresha urugerero rwose rw’ingabo z’abantu biyeguriye Imana gusa ku rugero rwa 99%.”⁴⁴

Ellen White yaranditse ati,

Abazafatanya umurimo na Kristo gusa, abazavuga bati: “Mwami, jyewe ubwanjye ndi uwawe n’ibyo ntunze byose ni ibyawe, “abo bonyine nibo bazitwa abahungu n’abakobwa b’Imana.”⁴⁵

“Abatanga umutima, umubiri n’umwuka byabo bakabyegurira Imana, bazahora iteka bongerwa imbaraga z’umubiri n’ubwenge. ... Mwuka

Wera ashishikarira cyane gukorera mu mutima no mu ntekerezo. Ubuntu bw’Imana bwagura, bukanongera ubushobozi bwabo, kandi imbaraga y’ubutungane bwose bukomoka ku Mana buza kubafasha mu murimo wo gukiza imitima..., kandi mu ntege nke zabo za kimuntu bashobozwa gukora ibikorwa by’ishoborabyose.”⁴⁶

Reka tugarukire aha ku by’iyi nsanganyamatsiko ivuga ibyo “kwitanga” cyangwa “kwiye gurira” cyangwa “kwegurira imibereho yawe” cyangwa “guhinduka”.

**Ni ukubera iki umuntu akwiriye gusaba buri muni umubatizo
mushya wa Mwuka Wera?**

⁴² Morris Venden, 95 Theses on Righteousness by Faith (Pacific Press, 1987), p.233.

⁴³ E.G. White, Sons and Daughters of God, p. 279

⁴⁴ Dr. S. Joseph Kidder, Anleitung zum geistlichen Leben (Andrews University), PPP slide 14.

⁴⁵ E.G. White, Uwifuzwa Ibihe Byose, p.389.

⁴⁶ E.G. White, Uwifuzwa Ibihe Byose, p. 623.

Gusaba kuzuzwa Mwuka Wera ni ugusaba Yesu kugumana nanjye. Kubera ko aba muri jye binyuze muri Mwuka Wera. Ariko se ni ukubera iki bigomba kuba buri muni?

Mu gitabo cy'Ibyakozwe n'intumwa, E.G. White aravuga ati, "Kuri buri mukozi wese wiyeguriye Imana hari ihumire ry'agahozo mu kumenya yuko na Kristo mu mibereho ye ya hano ku isi yashakaga guhemburwa n'ubuntu bwa **Se buri muni**...urugero rwe ni igihamba cy'uko gusabana Imana umwete no kwihangana ufite kwizera-ukwizera gutera kwishingikiriza ku Mana umaramaje, no kwiyegurira gukora umurimo rwose – ari byo bizahesha abantu ubufasha bwa Mwuka Wera mu ntambara barwana n'icyaha."⁴⁷

Niba ibi byari ngombwa ko Yesu abikora buri muni, mbese ntibirushaho kuba iby'agaciro kuri twe?

Mu 2 Abakorinto 4:16 hari amagambo y'ingenzi akurikira, "...umuntu wacu w'imbere ahora **ahinduka mushya uko bukeye**."

Umuntu wacu w'imbere akeneye kwitabwaho buri muni. Mbese uko kugirwa mushya buri muni kubaho gute? Dukurikije uko mu Abefeso 3:16-17,19, havuga, ibyo bibaho binyuze muri Mwuka Wera. Haravuga hati, "...ngo abahe nk'uko ubutunzi bw'ubwiza bwe buri **gukomezwa cyane mu mitima yanyu** kubw'Umwuka we, kandi ngo Kristo ahore mu mitima yanyu, kugira ngo ubwo mumaze gushorera imizi mu rukundo,... mwuzuzwe kugeza ku kuzura kw'Imana."

Ibyo bizagira ingaruka zikurikira:

- ▶ Gusenga buri muni usaba kugirwa mushya na Mwuka wera biba ngombwa, mbese nk'aho ari itegeko.
- ▶ Ibyo bituma Kristo atura muri twe.
- ▶ Aduha imbaraga akurikije ubutunzi bw'ubwiza bwe kubw'umuntu wacu w'imbere. Imbaraga z'Imana ni imbaraga ndengakamere.
- ▶ Nuko urukundo rw'Imana rukaba mu mitima yacu.
- ▶ Kandi iyo ni yo nzira igera ku bugingo "ifite kuzura kose kw'ubumana". (Reba muri Yohana 10:10; Abakolosayi 2:10).

Andi magambo y'ingenzi aboneka mu Abefeso 5:18 aravuga ati, "...mwuzure Umwuka". Mwite kuri iki, ibi ntabwo ari inama. Ni itegeko ry'Imana. Imana itwitezeho ko twifuza kubana na Mwuka Wera. Abahanga

⁴⁷ E.G.White, Acts of Apostles (Ibyakozwe n'intumwa), (1911), p.56.1.

b'Abagiriki bavuga ko aya magambo asobanutse kandi arasa ku ntego- kandi ndi gusubira mu magambo ya Johannes Mager: *"Mwuzure Mwuka Wera bundi bushya, mu buryo budahinduka kandi buhamye."*⁴⁸

Ibyigisho byacu biyobora abakuze biravuga bita, "Kubatzwa na Mwuka Wera bisobanuye kuba muni y'ubutware bwa Mwuka Wera mu buryo bwuzuye-kuzuzwa Mwuka Wera rwose. Ibi ntabwo biba inshuro imwe gusa, ahubwo ni ikintu kigomba guhora cyisubiramo ubudatuza nk'uko Pawulo abivuga mu Befeso 5:18 akoresheje igihe cy'inshinga yo mu kigiriki ivuga "kuzuzwa"⁴⁹

Ibi Pawulo yabyandikiye Abefeso mu gice cya 5 nubwo na none yari yabyanditse mu gice cya 1:13 aho agira ati, "...mumaze kwizera ni we wabashyizeho ikimenyetso ari cyo Mwuka Wera mwasezeranijwe." Biragaragara ko Abefeso bari baramaze guhabwa Mwuka Wera. Nyamara byari ngombwa ko bakomezwa binyuze muri Mwuka we, no kuzuzwa Mwuka Wera kandi bakuzuzwa bundi bushya Mwuka Wera mu buryo buhoraho kandi buhamye. Mu gice cya 4:30 atuburira atubwira ko tudakwiriye gutera agahinda Mwuka Wera cyangwa ngo tumutuke.

Ellen White yaravuze ati,

"Buri mukozi wese akwiriye gutura Imana isengesho rye asaba kubatzwa **buri muni** na Mwuka Wera"⁵⁰

"Kugira ngo tugire gukiranuka kwa Kristo, dukeneye buri muni guhindurwa n'imbaraga ya Mwuka no kuba abafatanyije n'Imana kamere yayo. Ni umurimo wa Mwuka Wera kudutera kuryohereza n'iby'Imana cyane, kweza umutima no guhindura umuntu uw'agaciro"⁵¹

Ahandi hantu na ho Uwiteka yongeye kumuvugiramo amagambo akurikira, "Abakozwe ku mutima n'ibyanditswe byera nk'ijwi ry'Imana, bakifuza gukurikiza ibyo byigisha, bigomba kuba ibyigisho byabo bya **buri muni**, bakakira kugirirwa neza n'imbaraga bya Mwuka Wera **buri muni**, kuko ari byo byateganirijwe buri mwizera **binyuze mu mpano ya Mwuka Wera**"⁵²

Kuri ibyo yongeyeho ko, "Tugomba gukurikira Yesu umunsi ku muni. Ntabwo Imana itanga ubufasha burebana n'iby'ejo."⁵³

⁴⁸ Editor Werner E. Lange, Unser größtes Bedürfnis (Lüneburg, 2011), p. 42.

⁴⁹ Sabbath School Study Guide July 17, 2014.

⁵⁰ E.G. white, Acts of Apostles (Ibyakozwe n'intumwa) (1911), p.50.2.

⁵¹ E.G. White, Selected Messages (Ubutumwa Bwatoranijwe)1, (1958), p.374.1

⁵² E.G. White, The Signs of the Times March 8,1910,par.1

⁵³ E.G. White, Uwifuzwa ibihe byose (1898), p.231

Hari ahandi yavuze amagambo akurikira, “Gushyikirana n’imbaraga y’Imana buri mwanya ni ingenzi cyane kugira ngo tubashe gutera imbere. Dushobora kuba twaragize urugero runaka rwa Mwuka Wera, ariko binyuze mu gusenga no kwizera, **dukwiriye gushaka Mwuka mu buryo buruseho kandi buhoraho.**”⁵⁴

Aya magambo na none nabonye aratangaje, **“Mukeneye umubatizo wa buri muni w’urukundo**, uwashoboje abigishwa guhuza ibitekerezo mu gihe cyabo.”⁵⁵

Mu Abaroma 5:5 hatwareka ko urukundo rw’Imana rushyirwa mu mitima yacu binyuze muri Mwuka Wera. Icyo kintu na none tugisanga mu Abefeso 3:17. Umubatizo wa Mwuka Wera wa buri muni (ari byo kuzura Mwuka Wera) utuma hanabaho kubatizwa n’urukundo buri muni (kuzuzwa urukundo rw’Imana “Agape”[urukundo rudategereje inyungu]). Kuri ibyo, mu Abagalatiya 5:16 havuga ko ingaruka zabyo ari uko imbaraga z’icyaha zimenagurika.

UMUMARO WO KURAMYA BURI WESE KU GITI CYE

Niba ari ingenzi cyane ko niyegurira Yesu buri muni kandi nkamusaba kuzuzwa Mwuka wera, umumaro wo kuramya buri wese ku giti cye waba ari uwuhe?

Kuramya Imana buri muni no kweza Isabato ni ishingiro ry’imibereho y’iby’Umwuka.

Twarangije gusoma imirongo yo muri Bibiliya ndetse n’andi magambo atandukanye yavanywe mu bindi bitabo. Byatweretse ko umuntu w’imbere akwiriye guhindurwa mushya umuni ku muni. Ibi bimurika umucyo w’itangaza ku mumaro ukomeye wo kuramya Imana uko bukeye n’uko bwije buri wese ku giti cye.

Ishingiro ry’umurimo wo kuramya mu ihema ry’ibonaniro, ryari ugutamba ibitambo mu gitondo ndetse na nimugoroba. Ku muni w’Isabato, hiyongeragaho ikindi gitambo cyo koswa (Kubara 28:4,10). Mbese ni uwuhe mumaro igitambo cyo koswa cyari gifite?

“Igitambo cyo koswa cyashushanyaga ukwitanga kuzuye k’umunyabyaha akiyegurira Uwiteka. Ahangaha, umuntu ntacyo yisigarizaga, ahubwo byose byahabwaga Uwiteka.”⁵⁶

⁵⁴ E.G. White, The Review and Herald, March 2, 1897, par. 5.

⁵⁵ E.G. White, Testimonies to the Church (1904), Vol. 8, p. 191

⁵⁶ Fritz Rienecker, Lexikon zur Bibel (Wuppertal, 1964), p. 1017

“Amasaha yagenewe igitambo cya mu gitondo n’igitambo cya nimugoroba yari ayera kandi yaje kujya azirizwa nk’igihe cyo kuramya mu ishyamba rya Israyeli... mu muco nk’uyu, abakristo bafite urugero rw’amasengesho ya mu gitondo n’aya nimugoroba. Mu gihe Imana icira iteka ku mihango itarimo umwuka wo kuramya, ishimishwa cyane n’abayikunda bapfukama mu gitondo na nimugoroba bayisaba imbabazi z’ibyaha bakoze bakayisaba n’imigisha bakeneye.”⁵⁷

Mbese murabona neza ko kuramya kwa buri muni gufite aho guhuriye n’Isabato nk’ishingiro ry’imibereho yacu y’iby’Umwuka? Byongeye kandi, birushaho kuboneka ko bifite aho bihuriye no kwiyegurira Yesu Kristo kwacu kwa buri muni, we uturarika binyuze muri Mwuka Wera ngo abe muri twe?

Mbese ihame ry’iby’umwuka ry’ingenzi warigize iryawe bwite, ari ryo kugira Imana nyambere kuyirutisha ibindi byose buri muni? Mu cyigisho cyo ku musozi, Yesu yaravuze ati, *“Mubanze mushake ubwami bw’Imana no gukiranuka kwayo, ni bwo ibyo byose muzabyongerwa.”* Mat.6:3

Niba ufite Kristo uyu mwanya mu mutima wawe, ufite ubwami bw’Imana. Iyi ni yo mpamvu dukeneye kwitanga buri muni no gusaba ubudasiba Mwuka Wera mu gihe cyo kuramya. Igihe gikomeye cy’umwanzuro nyawo kizaba mu gihe duhagaze imbere y’Imana: Mbese twagiranye na Kristo isano ikiza yihariye kandi twagumye muri we? (Reba muri Yohana 15:1-17) Mbese ntiwifuza kurushaho-kubisohorezwa kurutaho mu kwizera kwawe?

Umuntu wese umara igihe gito cyangwa ntagire na gito amarana n’Imana cyangwa se agakoresha igihe kidafututse aramya Imana ahari azaronkera gukomezwa mu kuramya inshuro imwe cyangwa ebyiri agira mu cyumweru. Ibyo bisa n’iby’umuntu urya rimwe gusa mu cyumweru. Reka tubigereranye dutya: mbese ntibyaba ari iby’ubwenge buke ushatse kurya inshuro imwe mu cyumweru? Mbese ntibishatse kuvuga ko umukristo utaramya Imana agengwa n’umutima wa kamere?

*Kugira ngo tugire gukiranuka kwa Kristo,
“dukeneye buri muni guhindurwa n’imbaraga
ya Mwuka Wera, tukaba abasangiye kamere
n’Imana*

⁵⁷ E.G. White, *Patriarch and Prophets* (1890) p.353.3

Na none kandi ibi bisobanura ko naguma gutya gusa, ntabwo azaba akijijwe. Iyo turi abakristo bagengwa na kamere, kuramya bitubera nk’itegeko. Igihe turi abantu bayoborwa n’Umwuka, kuramya birushaho kutubera ikintu cya ngombwa.

Mu myaka ishize, nasomye igitabo cyitwa “Nari umwicanyi” cyanditswe na Jim Vaus. Yari umwicanyi, yahindutse umuntu wihannye. Yatuye ibyaha bye n’umutima we wose-nk’urugero kubeshya, kwiba, n’ibindi. Yiyumvisemo gutabarwa n’Imana gukomeye. Ibi byankoze ku mutima. Naribwiye nti, “Ko ndi gukora neza mu bintu hafi ya byose, kuki ntari nagira ubwo numva merewe neza ntya?”

Nuko nsenga Imana nti, “Data uri mu ijuru, nanjye ndashaka kwatura ibyaha byanjye byose niyiziho kimwe n’ibindi byose uzampishurira, kandi Mana, nzajya mbyuka mbere ho isaha kugira ngo nsenge kandi nige Bibiliya. Nuko nanjye ndashaka kumva ubutabazi bwawe mu bugingo bwanjye.

Imana ishimwe! Yatabaye ubugingo bwanjye. Guhera icyo gihe, by’umwihariko kuramya kwanjye kwa buri gitondo ndetse n’Isabato, byabaye urufatiro rw’imibanire yanjye n’Imana.

Binyuze mu kwitanga kwa buri muni no kuzuzwa Mwuka Weruburi muni, imibereho yacu izunguka guhinduka. Ibi bibaho igihe burwese aramya Imana ku giti cye

GUSENGA IMANA MU MWUKA NO MU KURI

Mureke dutekereze ku mugambi wo kuramya. Ubutumwa buheruka Imana yageneye abantu, bufite aho buhuriye no kuramya Umuremyi aho kuramya inyamaswa.. (Ibyah.14:6-12) Ikimenyetso kigaragara cyo kuramya ni Isabato (kuramya Umuremyi). Inyifato y’imbere mu mutima yo kuramya Imana iboneka muri Yohana 4:23-24 ahavuga hati, “**Ariko igihe kiraje ndetse kirasohoye, ubwo abasenga by’ukuri basengera Data mu Mwuka no mu kuri, kuko Data ashaka ko bene abo ari bo bamusenga. Imana ni Umwuka n’abayisenga bakwiriye kuyisengera mu Mwuka no mu kuri.**”

Nta gushidikanya, **gusenga mu Mwuka** ni ugusenga ubigambiriye, ariko na none bisobanuye kuzura Mwuka Wera. **Gusenga mu kuri** bisobanuye kubaho wiyeguriye rwose Yesu, we kuri kwagaragaye kwambaye umubiri. Yesu yaravuze ati, “*Ijambo ryawe ni ryo kuri*”(Yohana 17:17) no

muri Zaburi 119:142 hakavuga hati, *“Amategeko yawe ni ukuri.”* Niba tudafite kuramya k’ukuri muri iki gihe, mbese ntitwaba turi mu kaga ko kuzatsindwa mu bihe bikomeye? Iki kizaba ikibazo gikomeye ku bakristo bose bayoborwa na kamere.

Ntekereza ko twese dushaka gukomeza urugendo dufashijwe n’Imana kandi tugakurira mu kumenya. Birashoboka ko gukurikira kwizera gupfuye ari byo byabereye bamwe inkomyi bigatuma batajya mbere.

UMUBATIZO NA MWUKA WERA

Abantu bamwe batekereza ko bujijwe Mwuka Wera kubera ko babatijwe bityo ibintu byose bikaba ari amahoro kuri bo kandi ko nta kindi kintu icyo ari cyo cyose bakeneye gukora. Ibi D.L. Moody yagize icyo abivugaho muri aya magambo, *“Benshi batekereza ko ubwo bigeze kuzuzwa [Mwuka Wera] inshuro imwe, ubwo bujijwe by’iteka ryose. Nshuti yanjye, turi ibibindi birimo utwenge twinshi; ni ngombwa ko tuguma muni y’isoko kugira ngo dushobore guhora twuzuye.”*⁵⁸

Uwitwa Joseph H. Waggoner yaravuze ati,

“Mu bihe byose, aho umubatizo ubonwa nk’igihamba cy’impano ya Mwuka Wera, umunyabyaha wihannye abasha gusinzirira mu mutekano wa kamere. Yiringira umubatizo we gusa nk’ikimenyetso cy’ubuntu bw’Imana. Umubatizo gusa ni wo yishingikirizaho nk’ikimenyetso cyangwa ubuhamba aho kugira Mwuka mu mutima we.”⁵⁹

Umubatizo ni icyemezo gifite ubusobanuro; ni ikintu gihuje n’ubushake bw’Imana. Ufite ubusobanuro kandi uzakomeza kubugira. Ariko rero ntidukwiriye kureba ku bintu byahise ngo tubifate nk’igihamba cy’uko twuzuye Mwuka Wera. Ibiri amambu, dukwiriye kumenya ko twuzuye Mwuka Wera **uyu muni** kandi tukabibaho **uyu muni**.

Hariho abantu bamwe bakiriye Mwuka Wera na mbere y’uko babatizwa dufashe urugero rwa Koroneliyo n’abo mu muryango we cyangwa se urwa Sawuli. Abandi bakiriye Mwuka Wera nyuma yo kubatizwa nk’urugero abasamariya cyangwa abantu cumi bo muri Efeso. Nyamara byose biba ari kimwe, kwakira Mwuka Wera **mbere** y’umubatizo, **mu gihe cy’umubatizo** cyangwa **nyuma** yawo; icy’ingenzi ni uko tuba twarakiriye Mwuka Wera

⁵⁸ D.L. Moody, *They Found the Secret*, p. 85,86; quoted in “10 Days-Prayers and Devotions...” by Dennis Smith, p.23

⁵⁹ Joseph H. Waggoner, *The Spirit of God* (Battle Creek, Michigan 1 877), p.35f, quoted in Garrie F. Williams, *Erfüllt vom Heiligen Geist* (Lüneburg, 2007), S. 58.

kandi tukaba tumufite na bugingo n’ubu. Ibyabaye mu gihe cyahise si byo by’ingenzi cyane, ahubwo icy’ingenzi kurutaho ni uko ibintu bimeze ubu-uyu muni wa none.

Ndashaka kongera kubibutsa ibi: twakiriye ubuzima bw’ibigaragara igihe twari tuvutse. Ubuzima bwacu bukomezwa n’ibyo turya buri muni, ibyo tunywa, imyitoto ngororangingo, ibitotsi n’ibindi; bitabaye ibyo, ntitwarama igihe kirekire. Iryo tegeko na none ni ryo rigenga ubuzima bw’iby’Umwuka nk’uko bigenda mu buryo bw’umubiri. Twakiriye ubugingo bushya binyuze muri Mwuka Wera, by’umwihariko igihe twiyeguriraga Kristo. Ubuzima bwacu bw’iby’Umwuka bukomezwa binyuze muri Mwuka Wera, gusenga, Ijambo ry’Imana n’ibindi. E.G.White yaravuze ati, “Ubuzima bwacu busanzwe bubeshwaho buri munota n’imbaraga y’Imana; nyamara ntibukomezwa n’ibitangaza, ahubwo binyura mu migisha iri ahatwegereye. Muri ubwo buryo na none, ubuzima bw’iby’Umwuka bukomezwa no gukoresha uburyo ukugiraneza mvajuru kwateganyije”⁶⁰

Bwaba ubuzima bw’ibigaragara, bwaba ubuzima bw’iby’Umwuka, nta na bumwe muri bwo bwizana muri twe. Ni ngombwa ko dukoresha uburyo Imana yateganyije. Ibi bisobanuye ko, igihe tubyawe bundi bushya, duhabwa Mwuka Wera kugira ngo abane na twe. Ariko kugira ngo agumane na twe, biterwa n’uburyo dukoresha buri muni ibyo Imana yaduteganyirije. Mbese twakwitega kubona iki turamutse tudakoresheje ubwo “buryo”?

Mwuka Wera ni we buryo bw’ingenzi kurusha ubundi buryo bwose. Ikindi kandi, gusenga ni ingenzi cyane, gushyikirana n’Imana mu ijamba ryayo, kugira uruhare muri gahunda zo kuramya n’ibindi.

Ntekereza ko-mbese nk’aho ari itegeko-ko ari ingenzi na none kwita ku muntu wacu w’imbere uko bukeye n’uko bwije. Nitutabikora, tuzahura n’ingaruka zibabaje. Uyu muni ntitubasha kurya ibiteganirijwe igihe kiri imbere, kandi nta n’ubwo dushohora kwibikira Mwuka Wera ahantu runaka “Ntabwo Imana itanga ubufasha burebana n’iby’ejo.”⁶¹ Ntekereza ko bigaragara rwose ko ari ngombwa kwiyegurira Yesu buri muni kandi ko dukwiriye kurarika Yesu buri muni kugira ngo ature mu mibereho yacu.

Ibi bintu uko ari bibiri bigamije ikintu kimwe-ni nk’impande ebyiri z’igiceri kimwe; kugirana na Kristo umushyikirano wimbitse. Mwiye gurira binyuze mu kwitanga, kandi binyuze mu gusaba Mwuka Wera, mba murarikira kuza mu mutima wanjye. Mu yindi mirongo ya Bibiliya nko mu 1Yohana 3:24 (Reba na none muri Yohana 14:17,23), hatwerekaga ko Yesu aba

⁶⁰ E.G White, The Acts of Apostles, (1911), p.284.2

⁶¹ E.G.White, Uwifuzwa Ibihe Byose, p.231

muri twe binyuze muri Mwuka Wera. Haravuga hati, “...kandi ikitumenyesha ko aguma muri twe ni Umwuka yaduhaye.”

IMPINDUKA ZIZANWA NA MWUKA WERA

Iyo Mwuka wera ari muri jye, asohoreza muri jye ibyo Kristo yakoze. Mu Abaroma 8:2 haravuga hati, “*Kuko itegeko ry’Umwuka w’ubugingo bwo muri Kristo Yesu ryambatuye ububata bw’itegeko ry’ibyaha n’urupfu.*” Dushobora gusobanura “itegeko ry’umwuka” nk’uburyo Mwuka Wera akorera mu mutima w’umuntu wiyeguriye Imana burundu.

Mwuka Wera ni we gusa ubasha kuzana mu bugingo bwo muri jye ibyo Kristo yakoze. E.G. White abisobanura neza ati, “**Mwuka Wera yagombaga gutangwa mu buryo buhoraho, kuko bitabaye bityo igitambo cya Kristo cyari kuba nta mumaro gifite....** Mwuka Wera ni we utuma ibyakozwe n’Umucungunzi w’isi bigira ireme. Mwuka Wera ni we utuma umutima ushobora kwezwa. Binyuze muri Mwuka Wera, uwizera ashobora guhinduka umuragwa wa kamere y’Imana... Imbaraga y’Imana itegereje abayisaba kugira ngo bayihabwe.”⁶²

Thomas A. Davis asobanura uru rugendo mu magambo akurikira, “Ibi bisobanuye ko n’agaciro k’umurimo Kristo akorera abantu gashingiye kuri Mwuka Wera. Aramutse adahari, ibyo Yesu yakoreye byose kuri iyi si-ari ibyo yakoreye i Getsemani, ku musaraba, umuzuko n’umurimo adukorera mu ijuru nk’umutambyi nta cyo byageraho. Umurimo wa Kristo nta cyo waba urusha uw’irindi dini runaka rikomeye cyangwa umuyobozi runaka wagize imyitwarire myiza. Nyamara nubwo Kristo yari arenze ibi byose, we wenyine ntiyari kubasha gukiza abantu binyuze mu rugero yatanze n’inyigisho ze. Byari ngombwa ko akorera mu bantu kugira ngo abashe kubahindura. Uyu murimo ukorwa na Mwuka Wera, we woherejwe kubikorera mu mitima y’abantu, ibyo Yesu yahinduye ibishoboka.”⁶³

Mbese iyi mpamvu ubwayo ntiyagije kugira ngo umenye ko wuzuye Mwuka Wera?

“Iyo Mwuka w’Imana ahawe umwanya mu mutima, ahindura imibereho y’umuntu. Intekerezo z’icyaha zikurwamo, ibikorwa bibi bikarekwa; urukundo, kwicisha bugufi, n’amahoro bisimbura uburakari, ishyari

⁶² E.G.White, Uwifuzwa Ibihe Byose, p. 506.

⁶³ Thomas A. Davis, Als Christ seigreich leben, (HW-Verlag), Seite 43/ How to a victorious Christian, R&H.

n'amahane. Ibyishimo bikajya mu mwanya w'agahinda, maze mu maso hawe hakagaragaza umucyo mvajuru.”⁶⁴

Hari izindi ngaruka nziza zituruka ku kubana na Mwuka Wera, ariko na none hakabaho intege nke n'igihombo gikomeye biterwa no kubaho utamufite. Itandukanirwo ryo kubaho ufite Mwuka Wera no kubaho utamufite tuzarigarukaho mu magambo arambuye mu gice cya 4 cy'iki gitabo.

MBESE NUZUYE MWUKA WERA?

Ndakwinginze ibaze ibibazo bikurikira byerekeranye no kuzuzwa Mwuka Wera:⁶⁵

- ▶ Mbese hari ibintu bifatika bigaragaza ko Mwuka Wera ari mu mibereho yanjye? Nk'urugero, mbese yaba yaratumye Yesu yererezwa muri jyewe?(Yohana 15:16)
- ▶ Ese ntangiye kumva no gusobanukirwa ijwi rya Mwuka Wera rivugira mu mutima wanjye? Ese ashobora kunyobora mu byemezo bito ndetse n'ibinini mfata mu buzima bwanjye?(Abaroma 8:14)
- ▶ Mbese muri jye haba haravutse ubwoko bushya bw'urukundo nkunda mugenzi wanjye? Mbese Mwuka Wera ampa kugira umutima w'imbabazi n'urukundo nkunda abantu, abo ntajyaga guhitamo kugira inshuti zanjye? (Abagalatiya 5:22; Yakobo 2:8,9)
- ▶ Ese mbona uburyo Mwuka Wera agenda amfasha kubana n'abantu? Ese ampa amagambo akwiriye abasha kugera ku mitima y'abantu bahangayitse kandi bafite ibibazo?
- ▶ Mbese Mwuka Wera ampa imbaraga zo kuganiriza abandi ibya Yesu no kubayobora kuri we?
- ▶ Mbese mbona uburyo amfasha mu mibereho yanjye yo gusenga n'uburyo amfasha kubwira Imana ibindi ku mutima?

Igihe dutekereza kuri ibi bibazo, tubona uburyo dukeneye cyane gukurira muri Mwuka Wera, no kumumenya biruseho no kurushaho kumukunda.

Hari Mwene Data wanditse aya magambo akurikira, “Jyewe na data twariyunze. Nyuma yo kwiga igitabo cyitwa Intambwe zigeza umuntu ku bubyutse n'ikindi cyitwa, Iminsi 40 nomero yacyo ya 1 n'ya 2, nagize

⁶⁴ E.G.White, Uwifuzwa Ibihe Byose, p.114.

⁶⁵ Catherine Marshall, Der Helfer (Erzhausen,2002),p.24

imibereho itangaje yo kuzura Mwuka Wera. Byaranshimishije by'umwihariko kumenya uburyo Mwuka Wera akora n'uburyo ashaka gukorera muri buri mugabane w'imibereho yanjye.

UBWIYUNGE HAGATI Y'UMUBYEYI N'UMWANA

Imibanire yanjye na data buri gihe yahoraga irimo ibibazo. Ibyifuzo byanjye n'amasengesho yanjye guhera ndi umwana no mu gihe nari maze kuba umusore byari ibyo gusaba ko nagirana umubano mwiza na data. Nyamara warushagaho kuba mubi. Imyaka itandatu ndetse irindwi yarahise. Imana yashyize icyuho gikomeye mu mutima wanjye. Igihe twariho twiga kandi dusengera guhabwa Mwuka Wera, jyewe n'umugore wanjye twagiranye n'Imana ibihe byiza. Twasengeye umuryango wacu kandi dusengera by'umwihariko data. Muri icyo gihe, nakiriye imbaraga zo kukunda data. Nashoboye kumubabarira ibintu byose bitari byaragenze neza guhera mu bwana bwanjye. Ubu jye na data turi inshuti. Yatangiye kurushaho kuba umuntu w'umwuka ndetse atangira no kuganiriza abandi iby'Imana. N'ubu hashize imyaka ibiri isano yacu iracyari nzima. Ibi ndabishimira Imana. Nakundaga kumva ndi umunyanteye nke kandi ndi jyeneyine. Ariko guhera igihe natangiriyeyeho gusaba Mwuka Wera buri muni, ndi kugira ibihe bishimishije n'umushyikirano wanjye n'Imana urushaho kuba mwiza. (Izina rizwi n'umwanditsi)

***Isengesho:** Mwami Yesu, ndagushimira ko ushaka kuguma muri jye binyuze muri Mwuka Wera. Ndagushimira ko binyuze mu kukwiye gurira buri muni isano yacu yo kukwiringira no kugukunda igenda itera imbere. Mwami, mfasha menye kurushaho Mwuka Wera n'umurimo we. Nifuza kumenya icyo ashaka kunkorera, umuryango wanjye n'itorero, ndetse n'uburyo dushobora kwiringira tudashidikanya guhabwa Mwuka Wera igihe tumusaba buri muni.*

IBYUNGANIRA ABEFESO 5:18-“ MWUZURE UMWUKA”

Dushobora kubona ko mu rurimi rw'Icyongereza aya magambo yanditswe mu buryo bw'integeko. Kandi nanone tubasha kubona ko aya magambo abwirwa buri wese mu buryo bwahuranyije. Kandi dushobora no kubona ko ari inshingano yacu gusaba kuzuzwa Mwuka Wera. Nyamara mu nyandiko y'umwimerere mu rurimi rw'Ikigiriki habivugaga neza kurushaho.

Johannes Mager agira icyo abivugaho ati, “Mu nzandiko zo mu isezerano rishya, hari amagambo amwe gusa avuga mu buryo bwahuranyije ku bijyanye no kuzura Mwuka Wera, ari yo aya, “Mwuzure Umwuka Wera”(Abefeso 5:18) Mu gitabo cy’Ibyakozwe n’intumwa, tubona ko kuzuzwa Mwuka Wera ari impano itangwa kugira ngo ikore ibidasanzwe mu bihe bidasanzwe. Nyamara Pawulo we avuga ko kuzuzwa Mwuka Wera ari itegeko ridaterwa n’uko ibihe bimeze kandi rikaba rireba buri mwigishwa wese wa Yesu. Iri tegeko rigufi ariko ry’ingenzi rigaragaza impande enye z’ingenzi.

1. Inshinga “kuzura” (plerein) rikoreshwa mu buryo bw’itegeko. Aha Pawulo ntatanga icyifuzo cyangwa ngo abe nk’uha inshuti ye inama. Ntabwo atanga icyifuzo umuntu yakwemera cyangwa akacyanga. Atanga itegeko nk’intumwa yabihereye ububasha. Itegeko rikangura ubushake bw’urihabwa. Umukristo iyo yuzuye Mwuka Wera, ubwo rero uruhare runini ruterwa ne we. **Abakristo bese barebwa n’itegeko ryo gukora uko bashoboye kugira ngo buzuzwe Mwuka wera.** Ni inshingano yacu nk’abantu kuzuzwa Mwuka Wera.
2. Inshinga ikoreshejwe mu bwinshi. Itegeko ntirihabwa umuntu umwe gusa mu itorero, ufite inshingano zihariye. Kuzuzwa Mwuka Wera si amahirwe y’abantu bake bakunzwe. **Iri ririka ni irya buri wese ubarizwa mu itorero-igihe icyo ari cyo cyose n’aho ari ho hose. Ntawe ritareba.** Kuri Pawulo, cyari ikintu gisanzwe ko abakristo bakwiriye kuzura Mwuka Wera.
3. Inshinga iri mu mvugo y’aho ubwirwa atari we ukora, ahubwo yakira igikorwa. Ntabwo igira iti, “Mwiyuzuze Mwuka Wera!”, ahubwo iravugaga iti, “Mwuzure Mwuka Wera!” Nta bantu bashobora kwiyuzura Mwuka Wera. Uyu ni umurimo wa Mwuka Wera gusa. Aha ni ho ubutware bwe buheranije bugaragarira. **Nyamara umuntu ashobora gutegura uburyo butuma Mwuka Wera amwuzura. Natabigiramo ubushake, ntabwo Mwuka wera azakorera muri we.**
4. Mu rurimi rw’ikigiriki, iyi nshinga itegeka iri mu gihe cy’indagihe y’ubusanzwe. Iri tegeko riri mu ndagihe y’ubusanzwe ryerekana igikorwa gihora gikorwa ubudahinduka, binyuranye n’uko ryaba ari itegeko rivuga ikintu gikorwa rimwe gusa ntikizasubirwemo. Dukurikije uko ibi bimeze, kuzura Mwuka Wera ntabwo ari igikorwa kibaho rimwe risa, ahubwo ni igikorwa gihora kibaho kandi kidahagarara. Umukristo si nk’ikibindi cyuzuzwa rimwe bikaba bihagije by’iteka ryose, ahubwo agomba guhora yuzuzwa ubuhozaho. Iyo nteruro yashoboraga kuvugwa muri ubu buryo,

“Muhore mwuzura Mwuka Wera bundi bushya kandi bibe mu buryo budahindagurika”

Kuzura Mwuka Wera, uwo twahawe igihe cy’umubatizo [kandi uyu wari umubatizo w’amazi na Mwuka ujyanye no kwitanga wese] **gushobora kuzimira igihe ukuzura twahawe kutagundiye**. Iyo kuzimiye, gushobora kongera gusingirwa. Kuzura Mwuka Wera kugomba guhora gusubirwamo kugira ngo Mwuka Wera abashe kuzura muri buri mugabane wose utugize kandi ngo imibereho yacu y’iby’Umwuka itagira intege nkeya. Kuzuzwa Mwuka Wera kandi ntibivuze yuko ari ukumuhabwa ngo abe mwinshi, ahubwo bisobanuye ko we arushaho kutugira. Iyo ni yo mpamvu Pawulo ateguka abizera guhora buzura Mwuka Wera mu buryo budahindagurika. Ubu ni uburyo busanzwe ku mukristo. Kubatizwa rimwe ariko ugahora wuzuzwa.”⁷⁵

Umwami Imana ubwe yatanze itegeko ati:

“Mwuzure Mwuka Wera bundi bushya kandi mu buryo budahindagurika”

⁷⁵ Johannes Mager yabaye umugabura, umubwirizabutumwa kandi yamaze imyaka myinshi ari umwarimu w’iyobokamana mu ishami ry’ubugabura. Vuba aha yari umuyobozi w’icyiciro cy’ubugabura muri Diviziyo yahuranyije y’Uburayi na Afrika i Bern muri Switzerland (ubu akaba ari Diviziyo yo hagati mu Burayi. Muri kino gihe ari mu kiruhuko cy’izabukuru akaba atuye i Friedensau. Amagambo yakoreshejwe yavanywe mu gitabo cye yise Auf den Spuren des Geistes, (

Lüneburg,1999),p.100-1019(bitangiwe uburenganzira n’inzu y’icapiro)

* E.G. White, Mount of Blessing, MB20.3 (egwwritings.org)

** Johannes Mager, Auf den Spuren des Heiligen Geistes (Lüneburg,1999), Seite 101

IGICECYA4

**MBESE NI IRIHE
TANDUKANIRO TWAKWITEGA
KUBONA?**

Mbese ni ayahe mahirwe dufite yo kugira imibereho yuzuwe na Mwuka Wera? Mbese ni iki duhomba igihe tudasengera guhabwa Mwuka Wera?

IGERERANYA RY'UBUKRISTO BW'UMUTIMA WA KAMERE N'UBUKRISTO BUYOBORWA N'UMWUKA

Ingaruka ziterwa n'ubukristo buyoborwa n'umutima wa kamere ku bantu ku giti cyabo zavuzwe muri make. Zimwe muri izo ngaruka zigaragaza mu buryo bukurikira:

- ▶ Nta bwo umuntu akizwa igihe ibintu bikimeze bityo. (Abaroma 8:6-8; Ibyah.3:16)
- ▶ Urukundo rw'Imana—urukundo rwitwa agape-ntabwo ruba ruri muri uwo muntu (Abaroma 5:5; Abagalatiya 5:22); bishingikiriza gusa ku rukundo rwabo rwa kimuntu; irari rya kamere yabo ntiriba ryaramenaguritse. (Abagalatiya 5:16)
- ▶ Uwo muntu aba atarahabwa imbaraga binyuze muri Mwuka Wera. (Abefeso 3:16-17)
- ▶ Kristo ntatuye muri uyu muntu. (1Yohana 3:24)
- ▶ Uyu muntu ntabwo aba yarahawe imbaraga yo guhamya Kristo. (Ibyak. 1:8)

- ▶ Uwo muntu akora mu buryo bwa kimuntu gusa (1 Abakor.3:3) bishobora guteza intambara n'impagarara.
- ▶ Bimeze nk'itegeko kuri uwo muntu ko atemera kugirwa inama.
- ▶ Ibihe byo gusenga bya bene abo ntabwo biba bimeze neza.
- ▶ Uwo muntu aba afite ubushobozi bwa kimuntu bwo kubabarira ariko ntabwo kubika inzika.

Ibihe bimwe umukristo wa kamere agenza nk'umuntu usanzwe. Pawulo aravugaga ati, “...mbese ntimubaye aba kamere koko ntimugenze nk'abantu?” (1Abak.3:3), ikindi gihe na cyo agakora nk'umuntu w'Umwuka nubwo aba abikoresheje imbaraga ze bwite n'ubushobozi bwe.

Umukristo w'Umwuka agerwamo no kuzura kw'ubumana:

*“Ngo abahe nk'uko ubutunze bw'ubwiza bwe buri **gukomezwa cyane mu mitima yanyu kubw'Umwuka we**, kandi ngo Kristo ahoze mu mitima yanyu kubwo kwizera, kugira ngo ubwo mumaze gushorera imizi mu rukundo mukaba mushikamye, muhabwe imbaraga zo kumenyera hamwe n'abera ubugari n'uburebure bw'igihagararo n'uburebure bw'ikijyepfo bwarwo ubwo ari bwo, mumenye n'urukundo rwa Kristo ruruta uko rumenywa **ngo mwuzure kugeza ku kuzura kw'Imana**. Nuko ibaha gukora ibiruta cyane ibyo dusaba, ndetse n'ibyo twibwira byose nk'uko imbaraga zayo ziri zidukoreramo, icyubahiro kibe icyayo mu itorero no muri Kristo Yesu, kugeza iteka ryose ry'ibihe bidashira. Amen”* Abefeso 3:16-21

INGARUKA ZITURUKA KU BUKRISTO BW'UMUTIMA WA KAMERE

Mbabazwa n'ibihombo twahuye na byo mu muryango wanjye, mu itorero aho nakoze umurimo nk'umupastoro bitewe no kubura Mwuka Wera kwanyje. Muri ibi kandi, ni ukuri ko tutashobora kugeza umuntu n'umwe aho natwe tudashoboye kwigeza. Na none kandi dukwiye kubona ko ukubura imbaraga kw'umuntu ku giti cye mu bantu muri rusange kugenda kwiyongera mu miryango ndetse no mu matorero.

Abana n'urubyiruko

Ubukristo bugengwa na kamere ni nk'ikibuga cyo kurereraho imibereho y'ubukristo butita ku mahame. Abantu bafite imigambi myiza bagerageza gukora mu bujiji ibyo badashoboye, hanyuma bagashaka uburyo bakwiyufura. Mbese iyi yaba ari yo mpamvu turimo kuzimiza



urubwiruko rutagira ingano? Mbese twaba twarahaye urubwiruko rwacu urugero rw'ubukristo bwa kamere biturutse ku bujiji cyangwa izindi mpamvu? Mbese nk'ingaruka y'ibi, bahindutse abakristo bagengwa na kamere none bakaba bagomba guhangana no gucika intege? Mbese iyi yaba ari yo mpamvu benshi muri bo batabufata [ubukristo] nk'ikintu cy'ingenzi cyangwa bakaba batakiza gusenga cyangwa bakaba barataye itorero?

Ntihashize igihe kirekire umwe muri bene Data unduta ubukuru abwiye itorero amagambo akurikira, "Hari impamvu yateye ingorane dufite muri iki gihe mu mibereho yacu bwite no mu mibereho y'urubwiruko rwacu: abatubanjirije bananiwe gusobanukirwa n'imikorere ya Mwuka Wera no kuzurwa na we."⁶⁶

Mwankundira nkabibutsa ingaruka yo kuba akazuyaze (kutyegurira Kristo mu buryo bwuzuye): "Abakristo bitanze by'igice barusha abapagani kuba babi; kubera ko amagambo yabo y'ubuhendanyi no kutyegurira Imana kwabo biyobya benshi. Abapagani bo berekana uko bari. Umukristo w'akazuyaze we ayobya impande zombi. Ntabwo aba uw'isi ngo yerure kandi nta n'ubwo aba umukristo mwiza. Satani aramukoresha kugira ngo asohoze umurimo utasohozwa n'undi muntu uwo ari we wese."⁷⁷

Nubwo bimeze bityo, nitubaho nk'abantu bayobowe na Mwuka, tuzashobora kwereka abana bacu uburyo babona ubufasha bw'Imana. Ellen White avuga ikintu gitangaje:

"Igisha abana bawe ko ari **amahirwe** yabo kwakira uko bukeye n'uko bwije umubatizo wa Mwuka Wera. Reka Kristo akubonemo ikiganza kimufasha gusohozwa imigambi ye. Binyuze mu masengesho, ushobora kugira ubunararibonye buzatuma uhirwa mu murimo ukorera abana bawe."⁷⁸

Twigishije abana bacu gusenga. Ariko se twaba twarabigishije gusenga buri muni basaba Mwuka Wera? Cyangwa se, twebwe ubwacu twaba twarabimenye? Kirya gihe, jyewe n'umugore wanjye ntabwo twari tubizi. Ndashima Imana cyane ko yirengagije kirya gihe twari tubuzemo ubwenge. Ariko se nk'ingaruka yabyo, twahombye ibingana iki?

Mbega ukuntu ababyeyi bayobowe n'Umwuka nibiyegurira Yesu kandi bagasengera kubona Mwuka Wera bazagira abana b'igitangaza!

⁶⁶ Garrie F. Williams, *Erfülltsein vom Heiligen Geist Wie erfahren wird das?* (Lüneburg 2007), S. 8.
⁷⁷ EGW Letter 44, 1903, quoted in *Adventist Bible Commentary*, Vol.7, p.963 on Rev. 3:15-16 78 E.G.White, *Child Guidance* (1954), p.69.

Umwuka w'ubwumvikane—urukundo rw'Imana cyangwa kubana neza?

Mbese ni irihe tandukaniro riba rihari iyo haboneka umwuka w'ubwumvikane hagati y'abashakanye, hagati mu miryango, mu matorero se, mu mubano w'abakristo bayoborwa na kamere n'abakristo bayoborwa na Mwuka igihe nta mbaraga y'Imana ihari ngo ibe ari yo ibigisha kugira imibereho itunganye; iyo nta rukundo rw'Imana ruhari cyangwa ngo imbaraga z'icyaha zibe zarajanjagutse cyangwa ngo ibi bintu bibe bikomoka ku buntu bw'Imana?

Abakristo bayoborwa na kamere badashaka ko habaho impinduka bakunda kunenga. Ibi kandi si byiza. Nubwo dukwiriye kuvuga ku mahame meza y'ubuyobozi bw'Imana, dukwiriye no kuvuga ko impinduka zikenewe zizabaho gusa ari uko izo mpinduka zikomotsemo imbere.

Abakunda ko habaho impinduka na bo bakunda kudafata ibintu bakomeje maze bakisanisha n'uburyo isi muri rusange ikoresha. Ibi na byo Imana ntishobora kubiha umugisha.

Uwitwa Joseph Kidder yavumbuye iyi mikorere rusange itorero rikoresha muri iki gihe: “Kubura ubushake mu gukora ikintu, kunyura ibintu hejuru, uburyo bw'ab'isi, kubura ubugiraneza, gucika intege no guhagarika imirimo kw'abagabura, kuva mu itorero kw'urubyiruko, kwitegeka kwagize intege nke, igenamigambi ridashingiye ku mateka cyangwa ku ngaruka nziza zitezwe, akamenyero ko kubura kw'abantu bitanze kandi b'abanyambaraga”⁶⁷

Ingorane zacu zituruka ku ibura ry'umushyikirano twari dukwiriye kugirana na Yesu (Yohana 15:1-5) no kwiringira cyane imbaraga za kimuntu (Zek. 4:6). Kidder na we abona igisubizo mu kugira imibereho yuzuye Mwuka Wera (Ibyakozwe 1:8)

Yesu yaduhaye itegeko rishya:

“Ndabaha itegeko rishya ngo mukundane nk'uko nabakunze, mube ari ko namwe mukundana. Ibyo ni byo bose bazabamenyeraho ko muri abigishwa banjye, nimukundana.” (Yohana 13:34, 35).

Gukunda nk'uko Yesu akunda bisobanuye: gukundana urukundo rw'Imana rwitwa “agape”. Ibi dushobora kubigeraho gusa igihe twujujwe Mwuka Wera.

“Urukundo ruhanitse dukunda Imana, n'urukundo rutishakira ibyarwo dukunda abandi iyi ni yo mpano ihebuje izindi zose Data wo mu ijuru

⁶⁷ Dr. Joseph Kidder, Anleitung zum geistlichen Leben (Andrews University), PPP Folie 3+4.

ashobora gutanga. Uru rukundo ntabwo ari amarangamutima gusa, ahubwo ni ihame mvajuru, ni imbaraga ihoraho. Umutima utaritanze rwose [umuntu wese utuzuye Mwuka wera, afite rumwe gusa] ntashobora kubonekamo urukundo nk'uru. Rubasha kuboneka gusa mu mutima Yesu atuyemo.”⁶⁸⁶⁹

Ntekereza ko hariho itandukaniro niba gusa tubanye neza cyangwa se tukaba turengeje ibyo ndetse tugakundana urukundo rw’Imana. Ellen White aduha amagambo asobanutse adufasha kubyumva:

“Kwambara imitako yerekana umwuka w’ubugwaneza n’umutuzo, bishobora kugabanuraho ibibazo bituma ubuzima busharira ku rugero rwa 99%.”⁸¹

Ijambo ry’Imana riri mu 1 Abatesalonike 4:3-8 hari ikintu ryerekana ku mibereho y’abashakanye. Iyi mirongo ivuga ku mibereho yejeje no kubahana hagati y’abashakanye. Yerekana ibihabanye n’irari rikabiye ry’abanyamahanga. Kubera ko rero ivuga inshuro eshatu zose imibereho yejeje ndetse ikabihuza no kugira Mwuka Wera, tubona neza ko imibereho irimo Mwuka Wera ishobora kandi ikwiriye no guhindura n’imibanire yacu nk’abashakanye. Imana ishaka ko tugira umunezero mwinshi no gutunganirwa mu mibanire y’abashakanye. Mbese ibi ntibitwereka ko Imana ishaka kudufasha gukorera bagenzi bacu mu rukundo aho kubakorera bitewe n’irari?

Yesu yasabiye abigishwa be ko baba umwe muri aya magambo, *“ngo bese babe umwe nk’uko uri muri jye, Data, nanjye nkaba muri wowe ngo na bo babe umwe muri twe, ngo ab’isi bizere ko ari wowe wantumye”*. (Yohana 17:21)

Uwitwa William G. Johnsson aravuga ati, “Abadiventisti benshi baracyakeneye gusobanukirwa icyo bisobanuye kuba umwe na Kristo. Birashoboka ko mu gihe cyahise tutigeze tubitindaho cyane cyangwa se tukaba twarashoreje urugendo ahantu hatari ho.”⁷⁰

“*Igihe abagize ubwoko bw’Imana bazaba umwe mu bumwe bw’Umwuka, ubufarisayo bwose, kwihangira gukiranuka kose, ari nabyo byari*

”

⁶⁸ E.G. White, Acts of the Apostles (Ibyakozwe n’intumwa) (1911),p.551.2

⁶⁹ . E.G.White, Testimonies for the Church, vol.4, p.348.3

⁷⁰ William G. Johnsson, Adventgemeinde in der Zerreißprobe, (Lüneburg 1996),p.118

bigize icyaha cy'Abayuda, bizirukanwa mu mitima ya bose

Kristo aba muri twe igihe twujijwe Mwuka wera. Ubukristo bwujijwe Mwuka bugira uruhare mu gutuma amasengesho yacu yumvirwa n'Imana. E.G.White aravuga ati, *"Igihe abagize ubwoko bw'Imana bazaba umwe mu bumwe bw'Umwuka, ubufarisayo bwose, kwihangira gukiranuka kose, ari nabyo byari bigize icyaha cy'Abayuda, bizirukanwa mu mitima ya bose...Imana izamenyekanisha ubwiru bumaze igihe kirekire bwarahishwe. Izahishura ubutunzi bw'ubwiza bwayo butamenyekana*

83

mu banyamahanga, ari bwo Kristo muri mwe, ibyiringiro by'ubwiza."

Inama zo kwisubiraho

Mbese inama zo kwisubiraho hari icyo zizamara niziramuka zidashyizwe mu bikorwa cyangwa zigashirwa mu bikorwa biruhaniye ndetse nta n'umutima wo gukunda Imana dufite? Mbese itorero rigizwe nabizera bayoborwa na kamere cyangwa se rifite pastoro cyangwa umuyobozi uyoborwa n'umutima wa kamere rizafata ibyemezo bimeze bite? Iyo nshubije amaso inyuma nkareba ku murimo wanjye nk'umupastoro, ntekereza ko itorero rigizwe n'abizera bayobowe na Mwuka bagarura abazimiye ku gutekereza neza. Kandi icyo umuntu yihanyeye akatura ibyaha bye, icyo gihe inama yo kwisubiraho iba igeze ku ntego yayo. Rimwe na rimwe abakristo bayoborwa na kamere bakoresha izo nama nk'uburyo bwo guhana, yemwe ndetse bakazikoresha nabi bagirango bagaragaze ububasha bafite. (Mat.18:15-17; 1Abakor. 3:1-4; 2Abakor. 10:3)

IJAMBO RY'UBUHANUZI BW'IMANA BUGENEWE IMINSI Y'IMPERUKA

Imana ifite akamenyero ko guhishura ibintu by'ingenzi byenda kuba ikoresheje abahanuzi (Amosi 3:7) Ni muri ubwo buryo yahaye Ellen White ubutumwa bwa gihanuzi bw'ingenzi bugenewe abo mu minsi ihuruka. Kubera ko ibintu byari gutandukana by'ihabya n'uko byari bimeze mu

83 E.G. White, Selected Messages, Book 1 (1958), p. 386.1.

igihe cyahise, byabaye iby'agaciro kandi biba ngombwa ko hari amakuru y'ingenzi yiyongeraho aturutse ku Mana.

Muri iki gihe, dushobora kubyita “kutumenyesha uko ibintu bimeze ubu”. Dukurikije uko Ellen White abivuga, ubu butumwa buzakomeza kuba ingenzi kugeza Yesu agarutse. Kubera ko inama atanga zikubiyemo.

Kubera ko mu nama ze atanga hakubiyemo guhindura uburyo bwo kubaho, guhana no gutesha, imiburo n'ibindi... uw'Umwuka yabyakiriye neza kuruta uwa kamere y'umubiri. (Nyamara kuba umuntu yemera kandi aha agaciro izi nama, sibyo bisobanuye ko ari uwa Mwuka). Byaba byiza kuzirikana ibyanditswe mu Gutegeka 18:19 *"Kandi utazumvira amagambo yanjye, uwo azavuga mu izina ryanjye, uwo nzabimuhora"*.

Ibi bitwerekana neza ko ubuhanuzi atari ubw'uhanura ahubwo ni iby'Imana ubwayo. None twamenya dute niba umuntu ari umuhanuzi w'ukuri? Ijambo ry'Imana riduha ibintu 5 byo gusuzumiraho. Umuhanuzi w'ukuri agomba kuzaza ibi bintu byose uko ari bitanu:

1. Imibereho ye " Muzabamenyera ku mbuto zabo. Matayo 7:15-20
2. Gusohora k'ubuhanuzi bwe. Gutegeka 18:21-22 (keretse ubw'ikigombero –urugero ni Yona
3. Uhamagarira abantu kumvira Imana (Ijambo ry'Imana) Gutegeka 13: 1-5
4. Yemera Yesu nk'umuntu kandi nk'Imana Nyamana. 1 Yohana 4:1-3
5. Yemeranya n'ibindi Bibiliya yigisha. Yohana 17:17

Amategeko y'Imana yose, hakubiyemo n'inama Imana yagiye itanga izinyujije mu bahanuzi, byose ni ibyo kutuzanira ibyiza. Ni yo mpamvu ari iby'agaciro katagereranywa. Bityo rero, abantu b'Umwuka bashobora kumvira bafashijwe n'imbaraga y'Imana kandi bakabikora banezerewe kandi bazi yuko bibafasha guhirwa mu mibereho yabo. *"...mwizere Uwiteka Imana yanyu mubone gukomezwa, mwizere n'abahanuzi bayo mubone kugubwa neza."*(2 Ngoma 20:20b)

3. Ibyigisho byacu biyobora abakuze mu ishuri ryo ku isabato bivuga amagambo akurikira ku byerekeye isano iboneka hagati y'imibereho iyobowe na Mwuka Wera n'amagambo y'umuhanuzi w'ukuri, "Abirengagiza amagambo y'ubuhanuzi, baba bikingiraniye aho Mwuka Wera adashobora kubigisha. Ingaruka zibasha kubageraho muri iki gihe, ntaho zitandukaniye n'izabaga ku bantu muri icyo gihe-guhomba isano umuntu agirana n'Imana no kuba ukinguriye umutima wawe ibinyoma."⁷¹

⁷¹ Studienleitung Standardausgabe, Philip G. Samaan, 10.11.1989, to question 8.

IGENAMIGAMBI / UBURYO

Umurimo w’ingenzi kuruta iyindi ni ugushaka ibisubizo byiza n’uburyo bwo gusohozza inshingano mu itorero no mu murimo w’ibwirizabutumwa. Ni ikibazo kireba igenamigambi ryacu n’uburyo bwo kurigeraho. Birebana mu buryo bukomeye no gukomeza itorero mu buryo bw’Umwuka no kuzanira Imana imitima myinshi.

Hashize imyaka 65 mbatijwe kandi maze imyaka 43 ndi umugabura. Twagiye dushyiraho gahunda nyinshi n’uburyo bwo kuzigeraho. Rwose ibyo turabishoboye. Muri ubu buryo, nkwiriye gutekereza ku magambo Dwight Nelson yavugiyemo mu Nteko Nkuru Rusange yateranye muri 2005 agira ati,

“Itorero ryacu ryatunganyije mu buryo bwimazeyo imihango, igenamigambi na gahunda bitangaje, ariko nituramuka tutemeye ubukene bwacu mu by’Umwuka [kubura kwa Mwuka Wera] kwatwigaruriye twebwe abagabura n’abayobozi, ntabwo tuzigera turenga ubukristo bwacu bw’umuhango.”⁷²

Mu ijwi rimwe n’iryo, Dennis Smith avuga ibi bikurikira:

“Ntacyo nshinja igenamigambi, gahunda n’uburyo bwo gukoramo ibintu. Nyamara ndatinye ko twishingikiriza ku bintu nk’ibi igihe dushaka guteza umurimo w’Imana imbere. Igenamigambi, gahunda n’uburyo bwo kubishyira mu bikorwa ntabwo ari byo bizarangiza umurimo w’Imana. Ababwiriza bakomeye, ibitaramo bitangaje by’abakristo no kubwiriza dukoresheje ibyogajuru ntabwo ari byo bizarangiza umurimo w’Imana. Mwuka w’Imana ni we uzarangiza umurimo—Mwuka w’Imana uvugira kandi agakorera mu bagabo n’abagore buzuye Mwuka.”⁷³

UMUBATIZO / KUGARURA IMITIMA

Bibiliya itwerekako ko Mwuka Wera ari icyangombwa cy’ibanze kugira ngo imitima igarurirwe Kristo (Reba mu gitabo cy’Ibyakozwe n’intumwa). Mu Budage, ku ruhande rumwe dufite amatorero akura cyane, mu gihe ku rundi ruhande dufite andi matorero atava aho ari cyangwa akaba asubira inyuma. Mu rwego rw’isi yose, umubare w’abizera wikubye inshuro 20 muri iyi myaka 60 ishize. Dushobora rwose gukora urutonde rw’impamvu ibintu bimeze bityo mu Budage. Nyamara nsobanukiwe ikintu kimwe: impamvu nyamukuru ni ukubura kwa Mwuka Wera. Iki kibazo cyakomeje

⁷² Helmut Haubeil (Hrsg) Missionsbrief Nr.34, (Bad Aibling, 2011) page 3.

⁷³ Dennis Smith, 40 Days – Prayers and Devotions to Prepare for the Second Coming (Wien, 2012), p.88.

kudushishikaza. Twagiye dukoresha igenamigambi na gahunda nyinshi. Twabonye ko kubura Mwuka Wera muri uyu muhati byaduteje igihombo cy'amafaranga ndetse n'igihe kubera ko twakurikiraga inzira zitari ngombwa cyangwa se zidatanga umusaruro. Amagambo y'uburyo bubiri yavuzwe na Ellen G. White asobanura impamvu ibintu bimeze bita:

“Muri iki gihe Imana ntabwo ikorera kuzana abantu mu kuri bitewe n'abari mu itorero batigeze bahinduka cyangwa se abaririmo bigeze guhinduka ariko bakaza gusubira inyuma. Mbega imbaraga aba bantu batahindutse [abakristo bayoborwa na kamere] bagira kuri abo bantu bahindutse uba!”⁷⁴

“Turamutse twicishije bugufi imbere y'Imana, tukaba abagwanye, abantu bubaha n'abafite imitima igira impuhwe n'imbabazi, ahaboneka umuntu umwe wemera ukuri haboneka abantu ijana.”⁷⁵

Mu rundi ruhande, tubatiza abantu batabashije gutegurwa mu buryo buhagije. Ellen White yaravuze ati,

“Kuvuka bundi bushya ni ikintu kitagikunze kuboneka mu isi y'iki gihe. Iyi ni yo mpamvu abantu benshi bari mu itorero baheze mu rungabangabo. Benshi, ndetse benshi cyane biyitirira izina rya Kristo ntabwo bejejwe ndetse baranduye. Barabatijwe ariko bahambwe ari bazima. Inariye ntabwo yigeze ipfa kandi ku bw'ibyo ntibazukiye kugira ubugingo bushya muri Kristo.”⁸⁹

Ibi byanditswe mu 1897. Mbese ubu ibintu bimeze bite muri iki gihe? Ikibazo ni iki: umuntu wese utarabyarwa ubwa kabiri, ntaruzuzwa Mwuka Wera. Yesu yaravuze ati, “Umuntu utabyawe n'amazi n'Umwuka, ntabasha kwinjira mu bwami bw'Imana.” (Yohana 3:5). Mbese si ukuri ko tugenda duhura n'ikibazo cy'ibura rya Mwuka Wera muri buri ruhande rwose rw'ubuzima?

MWUKA WERA NO KUBWIRIZA

Imana itubwira ibi bikurikira ku busobanuro bwa Mwuka Wera no **kubwiriza**: “Kwigisha ijambo ry'Imana ntacyo byazageraho hatabayeho ubufasha buhoraho bwa Mwuka Wera. Mwuka Wera ni we mwigisha w'ingenzi w'ukuri kw'ijuru. Iyo ukuri kugiyemo mu mutima guherekejwe na Mwuka Wera, ni cyo gihe cyonyine gushobora gukangura intekerezo kandi kugahindura

⁷⁴ E.G. White, Testimonies for the Church Vol.6, (1901) p.270.3

⁷⁵ E. G. White, Testimonies for the church, vol.9, (1909) p.189.4

⁸⁹ E.G. White, MS 148 (1897)

imibereho y’umuntu. Umuntu ashobora kubwiriza ijambo ry’Imana, akamenya amategeko ndetse n’amasezerano abonekamo; ariko igihe adahishuriwe ukuri na Mwuka Wera, ntashobora na gato gutera umutima n’umwe kwikubita ku Rutare ngo umenagurwe na rwo. N’aho umuntu yaba afite amashuri menshi cyangwa afite ibyo arusha abandi, ibyo ntibishobora na gato kumugira umuyoboro w’umucyo igihe adafatanije na Mwuka w’Imana.”⁷⁶

Kuguma muri Kristo bisobanuye guhabwa kuri Mwuka we ku buryo buhoraho, kandi no kugira imibereho ihora yitangira umurimo wa Kristo. Yesu

yaravuze ati, « Mugume muri jye, nanjye ngume muri mwe. » (Yohana 15 :4) Kubwiriza ntibibaho gusa igihe umuntu yigisha, ahubwo bibaho n’igihe umuntu atanga isomo mu ishuri, igihe abantu biga Bibiliya cyangwa bakorera mu matsinda yita ku ngorane z’abandi.

Randy Maxwell aravuga ati,

“Ariko ukuri ni uku, ‘twishwe n’inyota yo gushyikirana n’Imana ihoraho.”⁷⁷

Mbese kubura Mwuka Wera ni nayo mpamvu y’ubwoba? Mbese Emilio Knechtle yaba yari mu kuri igihe yavugaga aya magambo ati, “Ni ukubera iki tudahirwa no kubika iyi si yangiritse? Hari ikitagenda mu myizerere yacu. Dutinya amakimbirane, dufite ubwoba bw’impaka, dutinya ingorane, dutinya gutakaza akazi dukora, dutinya kuvugwa nabi, dutinya gutakaza ubuzima. Kubw’ibyo turicecekeramaze tukihisha. Dufite ubwoba bwo kubwira abari mu isi ubutumwa bwiza mu buryo bubagaragariza urukundo nyamara kandi bufite imbaraga.”⁹²

Igisubizo cy’iki kibazo tugisanga mu Ibyakozwe n’intumwa 4:31, ahavuga hati, “*Bamaze gusenga aho bari bateraniye haba umushyitsi, bose buzuzwa Mwuka Wera, bavugaga ijambo ry’Imana bashize amanga.*”

MWUKA WERA N’INYANDIKO ZACU

Ibikurikira byavuzwe ku nyandiko zacu, “Niba agakiza k’Imana kari ku wanditse inyandiko, uwo Mwuka na none ni we uzaba kuwasomye iyo nyandiko. Inyandiko yose yanditswe umuntu ayobowe na Mwuka w’Imana,

⁷⁶ . E.G. White, Uwifuzwa ibihe byose (1898), p.507

⁷⁷ Randy Maxwell, If my people pray...(Pacific Press,1995),p.11

92 CD Die letzte Vorbereitung, Teil 6.

abamarayika barayemera kandi bagakorera no mu musomyi wayo. Ariko iyo umwanditsi wayo atabayeho imibereho yo guhesha Imana icyubahiro, atiyeguriye Imana burundu, abamarayika bababazwa n’uko bahejwe. Barikubura kandi ntabwo bashishikaza umusomyi wayo kubera ko Imana na Mwuka wayo batari muri yo. Amagambo ni meza ariko haraburamo imbaraga ikagura Mwuka Wera.”⁷⁸

Ndashaka kubishimangira na none: Mu buryo busanzwe, ibyo twakoze byose ntabwo byari amakosa. Ntibikabeho rwose. Twakoze ibintu byiza ndetse byiza cyane: nta gushidikanya Imana yahiriye imbaraga za kimuntu zacu mu buryo bushoboka bwose. Nyamara ikibazo cy’ingenzi ni iki: mbese izi nshingano tuzisohozza nk’abakristo bayobowe na Mwuka cyangwa tuzisohozza nk’abakristo ba kamere? Ikintu kimwe kidashidikanywaho ni iki: Igihe tugerageza gushaka igisubizo gishingiye kuri kamere, tuzakoresha igihe cyacu kinini nyamara ntacyo tuzageraho; tuzakora inshingano nyinshi, ariko ntacyo zizaba zimaze.

UMWUKA WERA: HATABAYEHO IMVURA Y’UMUHINDO, NTA MVURA Y’ITUMBA YABAHO.

“Imvura y’umuhindo, ari byo bivuga kuzuzwa Mwuka Wera, ituzanira gukura gukenewe mu buryo bwa Mwuka kugira ngo imvura y’itumba ibashe kugira icyo itumarira.”⁷⁹

“Imvura y’umuhindo ituma umusaruro w’isi wera, ishushanya ubuntu bw’Umwuka butegurira itorero kuza k’Umwana w’umuntu. Nyamara nta buzima buzaboneka, n’akababi k’ibara ry’icyatsi ntikazakura, keretse gusa imvura y’umuhindo nigwa. Imvura y’itumba ntishobora kweza imbuto keretse imvura y’umuhindo yabanje gukora akazi kayo.”⁸⁰

MWUKA WERA NO KWEZWA KUVUGWA NA BIBILIYA

“Uyu murimo ushoboka gusa kubwo kwizera Kristo no kubw’imbaraga ya

⁷⁸ E.G. White, PH 016,p.29.1

⁷⁹ Dennis Smith, 40 Days-Prayer and Devotions to Revive Your Experience with God, Book 2, (Vienna, 2013), p.175

⁸⁰ E.G.White, The Faith I live By, (1958), p.333.3

Mwuka w’Imana uba mu muntu .”⁸¹

UMURIMO UKOMEYE W’IVUGABUTUMWA UKOZWE NTA MWUKA WERA

Mbese birashoboka ko imihango ikomeye, gahunda z’ibwirizabutumwa n’uburyo bw’ibwirizabutumwa bufite imbaraga byaba byarakozwe nta Mwuka Wera uhari? Andrew Murray, umubwirizabutumwa ukomeye wabwirije muri Afurika y’Epfo yari azi ko ibi bishoboka, kandi koko mu by’ukuri byiganje mu bihugu by’ubukristo, maze arandika ati,

“Nshobora kubwiriza cyangwa gutekereza, kwandika cyangwa ngashimishwa n’uko mba mpugiye mu bintu biboneka mu gitabo cy’Imana n’ibyo mu bwami bw’Imana nyamara imbaraga ya Mwuka Wera ikaba idakorera muri jye. Ndatinye ko uramutse ufashe ikibwiriza ukakijyana hirya no hino mu itorero rya Kristo, maze ukabaza abantu impamvu hariho imbaraga ihindura nkeya mu ijambo ry’Imana; ukabaza impamvu nta murimo ugaragara ukorwa kandi ntihagire benshi bahindurirwa ubugingo bw’iteka; ukabaza impamvu ijambo ry’Imana rifite imbaraga nke mu gukuriza abizera mu kwera no kwitanga-igisubizo kizaba iki: ni ukubera kubura kwa Mwuka Wera. Kandi ni ukubera iki? Nta yindi mpamvu itari iy’umutima wa kamere [reba mu Abagalatiya 3:3] kandi imbaraga za kimuntu zafashe umwanya Mwuka Wera yagombaga kugira.”⁸²

MWUKA WERA N’UBUZIMA

*“Nuko bene Data, ndabingira ngo ku bw’imbabazi z’Imana ngo **mutange imibiri yanyu, ibe ibitambo bizima** byera bishimwa n’Imana, ari ko kuyikorera kwanyu gukwiriye.”* Abaroma 12:1

“Ntimuzi yuko muri urusengero rw’Imana, kandi ko Umwuka w’Imana aba muri mwe? Umuntu wese utsemba urusengero rw’Imana, Imana izamutsemba kuko urusengero rw’Imana ari urwera, kandi urwo rusengero ni mwe. 1Abakor.3:16-17

“Mbese ntimuzi yuko imibiri yanyu ari insengero z’Umwuka Wera uri muri mwe, uwo mufite wavuye ku Mana Kandi ntimuri abanyu ngo mwigenge kuko mwaguzwe igiciro. Nuko rero mutume imibiri yanyu

⁸¹ E.G White, Intambara Ikomeye, (1911), p. 336.

⁸² Randy Maxwell, If ma people pray (Pacific Press 1995),p.145

ihimbaza Imana.” 1Abakor 6:19-20 (reba no mu Kuva 15:26)

Abantu buzuye Mwuka Wera ni urusengero rw’Imana. Mbese waba warigeze ufata akanya ugatekereza ku cyo ibi bisobanuye ku mibereho yawe ? Urusengero ni aho Imana ituye. Imana yabwiye Mose iti, « *Kandi bandemere ubuturo bwera, nture hagati muri bo.* » Kuva 25:8

Aya magambo turamutse tuyafashe tutajenjetse, kwita ku buzima bwacu n’imibereho yacu byahinduka igikorwa cy’ubushake n’umugabane w’ibigize kuba abigishwa kwacu. Imibiri yacu ni iy’Imana. Mbese urashaka gufata umutungo w’Imana neza? Ni byo, turashaka gufata neza imibiri yacu, kandi mu by’ukuri dukurikije amabwiriza y’Imana. Ibi bisaba ku rwego runaka kuba umwigishwa. Umuntu wuzuye Mwuka Wera, ashobora kandi azashyira mu bikora uku kuba umwigishwa kwe kandi abikore anezerewe. Ibihembo byabyo ni ukurushaho kugubwa neza mu mubiri, mu bugingo no mu mwuka. Umuntu utuzuye Mwuka Wera, azahura n’urugamba kandi agire igihombo. Imana yifuza ko twagira ubuzima bwiza bushoboka muri uyu mubiri no mu mwuka kugira ngo tuyiheshe ikuzo, ku bw’umurimo wayo no kubw’umunezero wacu bwite. Muri ubu buryo na none, nta kindi kintu wasimbuza kuzura Mwuka Wera. Yesu naba muri twe binyuze muri Mwuka Wera, azahinduka “*Uwiteka udukiza indwara*” (Kuva 15:26). Iteka gukizwa indwara bibera byiza ubikorewe ndetse bikabera byiza Imana. Ibi bishobora gutuma umuntu yibaza iki kibazo: mbese umuganga mvajuru akiza umuntu uwo ari we wese?

“Umukecuru w’impunzi ukomoka mu gihugu cya Cambodia yaje ku bitaro by’itorero byari mu nkambi y’impunzi muri Thailand. Yari yambaye imyambarire iranga abihayimana b’idini y’Ababudhisti. Nuko asaba ko yavurwa na Dogiteri Yesu. Nuko bamuganiriza ku bya Yesu maze aramwizera akizwa indwara ye y’umubiri ndetse n’iy’umutima. Ubwo yari asubiye iwabo muri Cambodia yabashije kuzanira Kristo abantu bageze kuri 37.”⁸³

Mu gihe umwami wubahaga Imana witwa Hezekiya yari arwaye, Umwami Imana yamwoherereje ubutumwa buvuga buti, “*Dore nzagukiza*” (2Abami 20:1-11) Ariko se ni ukubera iki Uwiteka atamukirishije ijambo, ahubwo akamuha umurimo wo gushyira umubumbe w’imbuto z’umutini ku kirashi cye? Mbese byaba bishatse kuvuga yuko Uwiteka ashaka ko tugira uruhare dukora twivurisha ibyaremwe cyangwa se guhindura imirire, gukora imyitozo ngororangingo, kuruhuka n’ibindi?

⁸³ Author unknown, Our Daily Bread—Worship book (RBC Ministries), 26.Nov.1993.

Kubera iki Uwiteka yakijije Pawulo akamusigira “igishakwe mu mubiri”? Pawulo ubwe aravuga ati, “kugira ngo ne guterwa kwishyira hejuru kurenza ibikwiriye n’uko nahishuriwe ibikomeye.” (2Abakorinto12:7-10). Nyamara Ellen White aratubwira ati, “Imbaraga ya Mwuka w’Imana ni yo muti ukomeye ushobora kwakirwa n’umugabo cyangwa umugore urwaye. Ijuru ni ryo buzima; kandi uko abantu barushijeho kurabukwa imbaraga z’ijuru, niko gukizwa k’uwizewe kuzarushaho kuba ukw’agaciro ntagereranywa.”⁸⁴

Mbese iby’umuntu umwe w’umucuruzi yanditse ntibirushaho kugaragara no kugira ubusobanuro? Yaganirije abantu ukuntu amahugurwa yagiye ahabwa ku buzima nta cyo yamumariye. Ariko igihe yatangiraga gusenga buri munsu asaba Mwuka Wera, yahinduye rwose uburyo yari asanzwe afatamo ubuzima kandi atangira gufata ibyo kurya byiganjemo ibimera.⁸⁵

Mbese ntibigaragara ko kuzura Mwuka Wera bishobora kudutera umwete n’imbaraga zo guhitamo tunezerewe imyitwarire ituma tugira amagara mazima?

Hari mushiki wacu wadusomeye ubu buhamya. Yaranditse ati, “Binyuze mu kwiye gurira Yesu burundu kwanjye, Imana yahinduye rwose ubuzima bwanjye mu kanya gato. Ubwo nari maze gusenga isengesho ryo kwitanga kwanjye, nagiye mu gikoni igitondo cyakurikiyeho, mpagarara iruhande rw’akamashini gaturunganya ikawa, nzunguza umutwe maze ndibwira nti: oya, sinzongera na rimwe kunywa ikawa. Mu bihe byashize, sinashoboraga gutekereza ko ibi byashoboka kubera ko igihe nageragezaga kureka kunywa ikawa, namaraga iminsi itanu umutwe undya bikomeye- ibi byari ibimenyetso bikomeye by’uburwayi bunsoburwa inyuma. Ubu bwo sinigeze natekereza ku ngaruka umwanzuro wanjye wari kunzanira. icyo nari nzi ni uko ntashakaga kongera kunywa ikawa. Uyu munsi sinkifuza kunywa ikawa.”⁸⁶ Iki ni kimwe mu mpinduka zabaye mu buzima bwanjye. (Nashishikariza abantu gusoma umuzingo wa 5 w’igitabo cyitwa “*Andreasbrief*” kugira ngo umuntu udashaka kuba imbata amenye uko yakora kugira ngo atsinde itabi n’ibisindisha. icyo gitabo gisobanura mu buryo burambuye uburyo umuntu yakizwa binyuze mu masengesho no kwizera amasezerano (icyakora cyanditse mu rurimi rw’ikidage gusa)⁸⁷

⁸⁴ E.G. White, Medical Ministries (1932) p.12.3

⁸⁵ Email from 7.3.2013

⁸⁶ Email from November 18, 2014 from Sister M

⁸⁷ Andreasbrief Nr.5, Sieg über Tabak und Alkohol, www.missionbrief.de-- Andreasbriefe. Man kann ihn auch beziehen bei Wertvoll leben, Adventist Book Center and Toplife- Wegweiser Verlag.

Imibereho yomatanye na Mwuka Wera izatuma habaho ivugurura mu byo kwitungira amagara mazima. Ni ikibazo cyo guhuza ubumenyi ku by'amagara mazima n'imbaraga ihesha abantu guhinduka. Uwitwa Don Mackintosh, umuyobozi wa gahunda yitwa Newstart Global ahitwa Weimar, CA, aravuga ati, "Icyo dukeneye muri iki gihe si ukwigisha abantu ku by'ubuzima-dufite ubumenyi buhanitse. Igikenewe ni ugufata ubumenyi ku by'ubuzima ukabuhaza n'imbaraga ishoboza abantu kubushyira mu bikorwa, ari na yo mbaraga ihindura."⁸⁸

Dr. Tim Howe aravuga ati, "Ntabwo umurimo w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi rigarukira ku kwigisha abantu iby'ubuzima gusa. Amasomo ku buzima ntabwo ahesha gukira indwara kimwe n'uko amategako y'Imana adahesha abantu agakiza. Kugira ngo umuntu agire amagara mazima cyangwa se agakiza, imbaraga y'Imana ihindura igomba gukorera mu muntu."⁸⁹

Reka nsoze mbaza iki kibazo: bite se no gukira ukwizera kurwaye? Mbese ibi birashoboka umuntu atujujwe Mwuka Wera? (Reba Mariko 16:17-18; Yakobo 5:14-16)

KWITEGURA KUGARUKA KWA YESU

Nta kintu kibasha gusimbura umubano wimbitse umuntu akwiriye kugirana na Yesu binyuze muri Mwuka Wera kugira ngo abashe kwitegura kugaruka kwa Yesu (cyangwa se gupfira mu Mwami). Igihe Yesu atuye mu bugingo bwanjye binyuze muri Mwuka Wera, mba niteguye kubw'ubuntu bwe. Ibi bishobora kwigaragaza mu buryo butatu. (Ibi ushobora kubibona mu buryo burambuye mu gitabo cyanditswe na Dennis Smith cyitwa Umubatizo wa Mwuka n'ibimenyetso biheruka isi [Spirit Baptism and Earth's Final Events]).

Isano umuntu ku giti cye agirana na Kristo

Yesu yaravuze ati, «*Ubu ni bwo bugingo buhoraho, ko bakumenya ko ari wowe Mana y'ukuri yonyine, bakamenya n'uwo watumye ari we Yesu Kristo.*». Inshinga «*kumenya*» ifite ubusobanuro bwimbitse muri Bibiliya kurenza ubwo ifite mu rurimi rw'Icyongereza. Isobanura ukwitanga kwimazeyo, kurimo urukundo hagati y'abantu babiri. Kuboneka gusa mu

⁸⁸ Dave Fiedler, D'Sozo, (Remnant Publications), Forward

⁸⁹ Dave Fiedler, D'Sozo, (Remnant Publications), Forward

mubano umuntu agirana na Mwuka Wera. Iki gitekerezo kivugwa mu masomo akurikira:

«Tugomba kugirana n’Imana umubano uhamye. Tugomba kwambikwa imbaraga ziturutse mu ijuru binyuze mu mubatizo wa

Mwuka Wera kugira ngo tubashe kugera ku rugero ruhanitse; kuko

⁹⁰ nta bundi

buryo dushobora kuboneramo ubufasha.» Mu mugani

w abakobwa cumi, Yesu yabwiye abapfu, ati, «Ndababwira ukuri y’uko ntabazi» Mbese ni iyihe mpamvu yabiteye ? Ni ukubura kw’amavuta ari yo ashushanya Mwuka Wera. (Mat. 25:1-13). Abantu babambye Yesu bari bafite ubumenyi bwinshi bw’isezerano rya kera. Ariko bitewe no gusobanura Ibyanditswe nabi kwabo, ntibigize bashaka gushyikirana na Yesu.

Mbese muzi yuko abo mu minsi iheruka, bitewe n’uko ibintu bizaba bimeze, bazakenera kugirana umubano n’Imana?

Gukiranuka ku bwo kwizera

Ubutumwa buheruka Imana yageneye abantu bukubiye mu butumwa bw’abamarayika batatu, burebana n’ikibazo cyo kumenyesha abantu «Ubutumwa bwiza bw’iteka ryose.» (Ibyah.14 :6-7) Mbese ni iyihe mpamvu y’ubu butumwa abatuye isi yose bakwiriye kumva kandi bazumva ? Ni ugukiranuka kubonerwa ubuntu binyuze mu kwizera Yesu

Kristo wenyine (Abefeso 2 :8-9)

Abazabwirizanya imbaraga ubu butumwa buheruka, bagomba ubwabo kuba barakiriye imbaraga y’ubwo butumwa. Bagomba kumenya kandi bakakira gukiranuka kubwo kwizera Yesu wenyine, we ubabarira kandi akanakiza icyaha. Ibi bishoboka gusa mu mibereho y’umuntu wuzuye Mwuka Wera, kuko binyuze muri Uwo Mwuka ari bwo Kristo Yesu ashoboza uwo muntu kumvira. Kumvira amategeko y’Imana yose bigaragaza ko uwo muntu atuwemo na Yesu. Isi yose izamurikirwa n’ubu butumwa (Ibyah.18:1)

⁹⁰ E.G. White, Review and Herald (Urwibutso n’Integuza), April 5,1892)

Gukunda ukuri

Mbese imibereho yacu muri kino gihe yagira ngaruka ki ku bandi iramutse yuzuwe na Mwuka cyangwa se itamufite ubihuje no **gukunda ukuri, kwiga ijambo ry’Imana no gukurikiza ukuri mu mibereho yacu?** Mu rwandiko rwa 2 Abates.2:10 haravugaga, *“... ku barimbuka kuko banze gukunda ukuri ngo bakizwe”* Abadashobora kuyoba, bafite gukunda ukuri mu mitima yabo. Mbese uru rukundo turubona dute? Dushobora kurubona gusa igihe Kristo atuye mu mibereho yacu binyuze muri Mwuka Wera. Abaroma 5:5 havugaga ko urukundo ruri mu mitima yacu ruturuka kuri Mwuka Wera. Mu Befeso 3:17 ho hakatubwirako ko *“tuzashorera imizi mu rukundo no gushikama”* binyuze muri Mwuka Wera. Muri Yohana 16:13, Mwuka Wera yitwaga *“Mwuka w’ukuri”*. Ibi bitwerekaga ko ari ngombwa kuba umukristo uyoborwaga na Mwuka kugira ngo ubashe gukunda ukuri. Mbese muri iki gike dufite ibibazo bijyanye no gukunda ukuri, ijambo ry’Imana, inyandiko z’ubuhanuzi? Mwite ku bihe bituri imbere: *“Abazaba barabaye abigishwa b’Ibyanditswe Byera batajenjetse kandi bakakira urukundo rw’ukuri rw’Imana, bazarokoka icyo gishuko gikomeye kizigarurira isi yose.... Mbese aho abantu b’Imana bashinze imizi batajegajega mu Ijambo ryayo kugira ngo batazagendera ku ntekerezo zabo bwite?”*⁹¹

Imana ntabwo itubaza niba twaravumbuye ukuri kose, abubwo itubaza niba dukunda ukuri.

IMBUTO Z’UMWUKA CYANGWA IMIRIMO YA KAMERE

“Imbaraga ya Mwuka Wera ni ubugingo bwa Kristo buri mu mutima. Ntitubona Kristo cyangwa ngo tumuvugishe, nyamara Mwuka we Wera aturi iruhande, akaba ari ahantu hamwe nk’uko ari ahandi. Akorera muri buri muntu wese wakira Kristo. **Abatwemo na Mwuka wera bera imbuto za Mwuka Wera...**”⁹²

Abagataliya 5:22 herekana imbuto z’Umwuka, *“...urukundo n’ibyishimo n’amahoro, no kwihangana no kugira neza, n’ingeso nziza no gukiranuka, no kugwa neza no kwirinda. Mu Befeso 5:9 ho havugaga, “...ingeso nziza zose no gukiranuka n’ukuri.*

Abagataliya 5:16-21 hatwerekaga ko imbaraga z’icyaha zizamenagurwa binyuze muri Mwuka Wera.

⁹¹ E. G. White, Intambara ikomeye (1911), p.437

⁹² Editor Francis D. Nichol, Adventist Bible Commentary Vol.6 (Hagerstown, 1980), p. 1112.

*“...Muyoborwe n’Umwuka, kuko ari bwo mutazakora ibyo kamere irarikira, kuko kamere irarikira ibyo Umwuka yanga, kandi Umwuka yifuza ibyo kamere yanga kuko ibyo bihabanye, ni cyo gituma ibyo mushaka gukora atari byo mukora. **Ariko niba muyoborwa n’Umwuka, ntimuba mugitwarwa n’amategeko.** (Reba na none mu Abaroma 7:23 n’ Abaroma 8:1). “Dore imirimo ya kamere iragaragara ni iyi: gusambana no gukora ibiteye isoni n’iby’isoni nke, no gusenga ibishushanyo, no kuroga no kwangana no gutongana, n’ishyari n’umujinya n’amahane, no kwitandukanya no kwirema ibice, no kugomanwa no gusinda, n’ibiganiro bibi n’ibindi bisa bityo. Ndababwira hakiri kare nk’uko nababwiye kera, yuko abakora ibisa bityo batazaragwa ubwami bw’Imana.”(Abagal.5:19-21)*

IMPANO Z’UMWUKA

Iyo tuvuze impano za Mwuka, tuba tuvuze impano zitangwa biturutse ku murimo wa Mwuka Wera nk’uko zivugwa mu 1 Abakor. 12:28 no mu Abefeso 4:11, ubwa mbere intumwa, ubwa kabiri abahanuzi, ubwa gatatu abigisha, maze ishyiraho abakora ibitangaza n’abahawe impano zo gukiza indwara, n’abahawe gufasha abandi, n’abahawe gutwara, n’abahawe kuvuga indimi nyinshi.”... Izi mpano zishoboza abizera kugira ubumenyi butuma bakora umurimo w’Imana. Nizo zituma kandi ubuhamya bw’itorero bugaragara ko ari ubw’ukuri, zikariha ubuyobozi n’umurongo ngenderwaho.⁹³ Mwuka Wera na none atanga impano ku bw’intego zihariye: “...Imwuzuzwa Umwuka w’Imana ngo agire ubwenge bwo guhimba n’ubwo gutora, n’ubuhanga n’ubukorikori bwose...” (Kuva 31:2-6) n’iby’imyubakire (2 Ingoma 28:12,19).

Iyo dushaka guhinduka abigishwa ba Yesu, tumwegurira ibyo dufite byose n’icyo turi cyo cyose. Guhera ubwo, impano zacu, ubwenge bwacu, ubwo twavukanye n’ubwo twize byose bishyirwa mu biganza bye. Ashobora kutwongera izindi cyangwa agatunganya ubushobozi twavukanye.

Mbese dushobora kugira impano za Mwuka kandi tudafite Mwuka Wera?

GUHITAMO KW’IMANA CYANGWA GUHITAMO KW’ABANTU

Itorero ryacu ryubatse mu buryo butanga umudendeko wo guhitamo kw’abantu mu rwego rw’isi yose. Nyamara nta na rimwe byigize bitekerezwa

⁹³ Hrs. Gerhard Rempel, Schlüsselbegriffe adventistischer Glaubenslehre (Hamburg), p.44

ko ari uguhitamo kw’abantu benshi. Intego nyakuri yo gutora kwacu, ni uko buri wese yumva ijwi ry’Imana maze agahitamo uwo atora akurikije uko abyumvise. Gutega amatwi ijwi ry’Imana bituma ubushake bw’Imana bumenyekanira mu matora. Mbere yuko twinjira mu cyumba cy’amatora, nta gushidikanya turabanza tugasenga. Akenshi, buri wese ahabwa amahirwe yo gusenga mbere y’amatora kugira ngo dufutukirwe n’uburyo Imana ishaka ko dutora. Nehemiya yaravuze ati, “Nuko Imana yanjye inshyiramo umutima...”(Neh.7:5) n’igihe Ellen White yagiraga icyo avuga ku byanditswe muri Nehemiya 1: yaravuze ati, “Maze igihe yasengaga, umugambi mushya wariho wirema mu ntekerezo ze...”⁹⁴

Mbese umukristo uyoborwa na kamere azumva ijwi ry’Imana? Niba atarigeze ahitamo kwitanga burundu ngo yihe Imana, rwose nta gisubizo azabona (Zab.66:18; 25:12). Nihagira umukristo wa kamere utora nta buryarya akurikije ubumenyi afite, mbivuze nk’umuntu, bizamubera byiza. Nyamara haba ubwo abantu bagira ibyo bumvikana, nibigenda bityo, bizaba ari ugukora iby’abandi bakubwiye kandi bizaba ari icyaha.

Abayobozi baja bagira uruhare ku murimo w’Imana. Habaho itandukaniro rikomeye kandi mu buryo budasubirwaho, na ryo rikigirira izaryo ngaruka iyo bene Data na bashiki bacu bari kuyobora barahamagawe n’Imana n’iyo abayobora batoranijwe n’abantu.

Igihe nari ndimo nsoma igitabo kivuga ku masengesho, nabonye ko dushobora gusaba Imana ikatwerekana inzira dukwiriye gukurikiza. (Zab.32:8) Gutega amatwi ijwi ry’Imana ntujye byahinduye ubuzima bwanjye bwose. Ibijyanye n’ibyambayeho, mbivuga mu gitabo nise “From Business Representative to Pastor”(Kuva mu guhagararira akorera inyungu uguhinduka Pastoro, [kiboneka gusa mu rurimi rw’Ikidage]).⁹⁵ Hariho ikindi kibwirizwa umuntu yatega amatwi cyatanzwe na Kurt Hasel yise ngo “Ni gute nshobora gufata icyemezo gikwiye?”(na cyo kiboneka mu rurimi rw’Ikidage)⁹⁶ Hari n’ikindi kibwirizwa gikomeye umuntu ashobora gusoma cyatanzwe hambere aha, cyigishijwe na Henry Drummond kivuga ngo “Ni mu buhe buryo namenya ubushake bw’Imana?(kiboneka mu rurimi rw’Ikidage)⁹⁷

Hari ubuhamya dufite bwabaye kuri 23 Nzeli 2014 ku biro by’ibwirizabutumwa byitwa Country center Institute Austria i Carinthia ho

⁹⁴ E.G.White, Southern Watchman (www.egw writings.org), March 1, 1904

⁹⁵ www.gotterfahren.info-Gott verändert Leben-Vom Prokurist zum Prediger

⁹⁶ www.gotterfahren.info-Wege zum Ziel :Gott erfahren-Gottes Botschaft für unsere Zeit-Thema Nr.11

⁹⁷ Missionsbrief.de-Predigten lesen-Henry Drummond: Wie erkenne ich den Willen Gottes? Deutsch und Englisch)

muri Austria (TGM-Trainingszentrum für Gesundheitsmission und Gesundheitszentrum Mattersdölferhof) yahuye n’ikibazo kimusaba gufata icyemezo: mbese dukwiriye kubaka indi nyubako cyangwa ntayo? Havugwaga byinshi biyishyigikira ibindi biyirwanya. Ikibazo nyamukuru cyari iki: ubushake bw’Imana muri iki kibazo ni ubuhe? Ntitwongeye kujya impaka ku byiza cyangwa se ibibi byayo, ahubwo twasenze amasengesho y’iminsi cumi dusaba Imana ngo idutegurire kumva ijwi ryayo no kugira ngo iduhe igisubizo mu iteraniro ryo gusenga ryari kuba ku wa 23 Nzeli (nyuma yo kugenda kw’abashyitsi ba Gahunda ya Newstart) niba twari kubaka ya nyubako cyangwa tutari kuyubaka.

Iteraniro ryo gusenga ryarabaye rihuriyemo abantu barenga 20. Nyuma yo gusengera hamwe buri wese yasengeye ukwe asaba Imana bucece kumubwira niba twari kubaka cyangwa tukabireka. Ibisubizo buri wese yahawe twabihuriye hamwe mu buryo bukurikira: ku rupapuro bagombaga kwandikaho ikimenyetso cya “-” niba tutaragombaga kubaka, bakandikaho ikimenyetso cya “+” niba twaragombaga kubaka, bakandikaho “0” mu gihe bari kuba nta gisubizo bafite, kandi bari kongera aka kamenyetso “?” ku gisubizo bari kuba batanze mu gihe bumvaga ko bagitanze bagishidikanya. Igisubizo twabonye cyatubereye ikimenyetso cy’ubuyobozi bw’Imana butangaje: habonetse utumenyetso cumi na tune (14) twa “+” (aho tune muri utwo twari duherekejwe n’aka kamenyetso?”-“4?”); haboneka utumenyetso dutandatu twanditseho “0” n’utundi tudafite ikintu na kimwe cyanditseho. (Habonetse n’ibindi bisubizo bibiri bitumvikana neza icyo bisobanuye; ibyo ntitwabibaze.) Noneho ubuyobozi bw’Imana bwari bweruye ko tugomba kubaka. Nemera ntashidikanya ko tuzaba dukeneye gushaka kenshi na kenshi inama z’Imana mu minsi iheruka.

Muri Yoweli 2:28-29 harabyerekana. Hari icyo Ellen White avugaga kuri ibi. “Dukwiriye kumva ijwi ry’Imana mu mitima yacu. Iyo irindi jwi ryose ricekeshejwe, maze tukajya imbere y’Imana mu ituze, umutima wacu ukangukira kumva ijwi ryayo. Imana iravugaga iti, “Nimworoshye mumenye ko ari jye Mana.” Zaburi 46:10”¹¹³

AMAFARANGA

Mbese ni irihe tandukaniro riboneka hagati y’umukristo uyoborwa na Mwuka n’umukristo uyoborwa na kamere ku bijyanye n’uburyo bwo kubona no gukoresha amafaranga? Mbese twibona nk’ibisonga by’Imana cyangwa twibona nka ba nyir’ibyo dutunze? “Gukunda amafaranga no kwigaragaza

byahinduye iyi si isenga ry'ibisambo n'abambuzi. Ibyanditswe bigaragaza ko umururumba no gukandamiza

114

bizaba biganje [mu isi] mbere yo kugaruka kwa Kristo.”

113 E.G. White, *Uwifuzwa ibihe byose* (1898), p.65 114 E.G.White, *Abahanuzi n'Abami* (1917), p.333



ABAMARAYIKA B'IMANA BARINDA ABANTU BUBAHA IMANA

Abamarayika b'Imana barinda abantu bubaha Imana. *“Marayika w’Uwiteka abambisha amahema yo kugota abamwubaha, akabakiza.”* (Zab.34:7). “Buri mwigishwa wa Kristo wese yagenewe Marayika wo kumurinda. Abo barinzi bo mu ijuru, bakingira abakiranutsi imbaraga

115 z’umubi.” - Mbese iyo Bibiliya ivuga abantu bubaha Imana, abayoboze ba Kristo n’abantu b’abakiranutsi bari mu burinzi bw’Imana biba bisobanuye abantu bose bibona nk’abakristo? Mbese ubwo burinzi bunareba abantu batiyeguriye Imana bamaramaje. Ibi ni ukuri ku bana b’Imana kubera ko Yesu yavuze ati, *“Mwirinde mudasuzugura umwe muri aba bana bato. Ndababwira yuko abamarayika babo bo mu ijuru bahora bareba mu maso ha Data wo mu ijuru”* (Mat.18:10) Dawidi wari warashyize ubuzima bwe mu Mana, yari azi yuko nta mwanya afite wo guha ubwoba mu bugingo bwe. Yaravuze ati, *“Uwiteka ni we mucyo wanjye n’agakiza kanjye, nzatinya nde? Uwiteka ni we gihome gikingira ubugingo bwanjye, ni nde uzampinza umushyitsi?”* (Zab.27:1)

(Ndabasaba ko mwasoma igitabo cy’Intambara ikomeye mu gice cya 31 kivuga ku murimo w’abamarayika beza. Ibi ni umunezero ukomeye kuri buri mwana w’Imana wese.)

IBINTU BYO KWITABWAHO

Twarebye gusa ku bintu bike. Haracyari ibindi byinshi byo mu buzima no kwizera byashoboraga kongerwaho. Kuri ibyo byose, amagambo akurikira ni ukuri:

Ubu tubaye twiyibukije itandukaniro muri byose, dusanga ko nta mugabane n’umwe utabonera inyungu mu mibereho yuzuyemo Mwuka Wera. Na none iyo urebye mu rundi ruhande, usanga nta mugabane n’umwe wo mu buzima utagirira igihombo mu mibereho itarimo Mwuka Wera. Mbese ibi ntibikwiriye kutubera intandaro yo kudushishikariza kwegurira Imana imibereho yacu uko bukeye no gusaba kuzuzwa Mwuka Wera?

“Mu myaka ishize, indege ya Boeing 707 yagurutse iva ku kibuga cy’indege cya Tokyo (mu Buyapani) yerekera i London (mu Bwongereza). Yahagurutse ku muvuduko ukomeye. Ikirere cyari gikeye kandi kirimo izuba ryinshi. Bidatinze abagenzi bashoboraga kureba umusozi w’ikimenyabose witwa Mount Fuji wo mu Buyapani. Mu buryo butunguranye, umupilote

yagize igitekerezo cyo kuzenguruka uwo musozi kugira ngo abagenzi bishimire kureba uwo musozi badakunze kubona.

Yahinduye inzira y'icyerekezo yari agiyemo maze ajya mu nzira y'abarimo bitegereza. Mu gihe umupilote ari mu nzira y'abitegereza, umutekano w'indege atwaye ntuba ukigengwa n'abashinzwe kugenzura aho anyura bari hasi, ahubwo aba awukeshya ibyo arebesha amaso ye. Umupilote yabonye umusozi muni ye umwegereye. Igipimo cye gipima ubutumburuke cyamwerekaga ko ari kuri metero 4000 z'ubutumburuke.

Icyo atabashaga kubona ni urusobe rw'imiyaga ikomeye yahoreraga ahazengurutse uwo musozi wa Fuji. Iyo ndege ya Boeing 707 ntabwo yari yarakozwe mu buryo bwo guhangana n'imiyaga. Indege yiroshye muri icyo miyaga maze irahanuka, ihitana abagenzi bose bari bayirimo.”⁹⁸

Umukristo ugengwa na kamere abaho mu buryo “ayoborwa n'ibyo areba”. Afata ibyemezo akoresheje ubwenge bwe gusa. Nubwo yaba agamije ibyiza, ntagera ku ntego. Umukristo uyoborwa na Mwuka abeshwaho na Mwuka Wera binyuze mu gukunda no kwizera Imana, maze ikamuyobora mu cyerekezo ajyamo.

***Isengesho:** Data uri mu ijuru, ndagushimira yuko ukubana natwe kwa Yesu binyuze muri Mwuka Wera bituma haboneka itandukaniro mu byo dukora. Ndakwinginze, humura amaso yanjye mu buryo busumbyeho kugira ngo yite ku murimo wa Mwuka Wera. Ndakwinginze umpe kuzura k'ubugingo binyuze muri we, ubwo Yesu ashaka kuduha. Ndakwinginze mfasha menye urufunguzo rwo gukemura iki kibazo mu gice gikurikira kandi mbashe kubishyira mu bikorwa. Urakoze. Amen*

⁹⁸ Kalenderzettel February 17, 1979 by Reinhard Petrik

URUFUNGUZO RW'IMIBEREHO ISHYIZWE MU BIKORWA

***Ni mu buhe buryo nashyira mu
bikorwa kandi nkiyumvamo
igisubizo Imana imfitiye?
Ni mu buhe buryo nkwiye gusenga
kugira ngo niringire rwose kuzuzwa
Mwuka Wera?***

ISENGESHO NO KUZUZWA MWUKA WERA

Ni iby'agaciro ko dukomeza uru rugendo binyuze mu kwizera kandi tugasaba Mwuka Wera twizeye. Ibyo bisobanuye ko nyuma yo gusenga dusaba Mwuka Wera, dukeneye kwizera kandi tukizera tudashidikanya yuko Imana yashubije gusenga kwacu kandi ko yarangije kuduha Mwuka Wera igihe twariho dusenga.

Mu Abagalatiya 3:14 haravuga hati, “...*kugira ngo...kwizera* kubone uko kudukushya wa Mwuka twasezeraniye.” Indi ngeri ya Bibiliya ibivuga itya, “...*kugira ngo duhabwe isezerano rya Mwuka Wera kubwo kwizera Kristo.*”

Imana yaduhaye ubufasha bukomeye kugira ngo tubashe kwizera Data wa twese wo mu ijuru bitworoheye. Ibyo tubyita “**gusenga ufte amasezerano**”

GUSENGA UFITE AMASEZERANO

Icyamba mbere, hano twahafite urugero rwadufasha: reka tuvuge yuko umwana wanyye adatsinda neza isomo ry'igifaransa ku ishuri. Nyamara ndashaka kumutera umwete ngo yige igifaransa kurushaho. Musezeranira ko nazana indangamanota iriho amanota arushijeho kuba

menshi nzamuha amadolari 20. Umwana agatangira kwiga ashishikaye. Nanjye nkamufasha kwiga Igifaransa kandi koko akabona amanota arushijeho kuba meza. Mbese ubwo ikibaye ni iki? Igihe uwo mwana azaba agarutse imuhira akinjira mu muryango wa mbere agahamagara n’ijwi riranguruye ati, “Papa, amadolari 20 !” Mbese ni ukubera iki azaba yizeye kubona amadolari 20? Ni ukubera ko yahawe isezerano kandi akaba yarabashije gukora ibyo yasabwaga kugira ngo asohorezwe isezerano. Mu by’ukuri ibi ni ibintu bisanzwe muri iki gihe.

Nyamara birashoboka ko icyo gihe naba ntafite ayo madolari 20! Mbese ibi byaba bivuze ko n’Imana ishobora kutabona icyo yasezeranye? Ntibishoboka! Cyangwa se na none birashoboka ko nivuguruza ku masezerano natanze maze nkavuga nti, “Nasomye mu gitabo kivuga iby’uburezi, mbona ko atari byiza gushishikariza umwana kwiga wifashishije amafaranga. Bityo rero, sinshobora kuguha ya madolari 20” Mbese Imana na yo igeraho igahindura ibyo yasezeranye? Ntibishoboka!

Dushobora kubona ko igihe dufite isezerano ry’Imana kandi tukaba twakoze ibisabwa ngo dusohorezwe isezerano, ubwo haba hasigaye ikintu kimwe gishoboka ni ugusohorezwa isezerano.

Binyuze mu masezerano iduha, Imana iba ishaka kudutera umwete wo kujya mu cyerekezo runaka twizeye-nk’urugero, guhabwa Mwuka Wera, ari na we ushyira imbaraga z’Imana mu bugingo bwacu. Ishaka kutworohereza kugira ngo tuyiringire. Kwiringira kuba mu mutima wo kwizera.

Noneho turashaka gusoma imirongo y’urufunguzo ya Bibiliya mu 1Yohana 5:14-15 ivuga ibyo gusaba ufite amasezerano.

*“Kandi iki ni cyo kidutera gutinyuka imbere Ye: **ni uko atwumva iyo dusabye ikintu nk’uko ashaka.**”*

Imana itanga isezerano rusange rivuga yuko isubiza amasengesho yacu iyo ayo masengesho ahuje n’ubushake bwayo. Ubushake bw’Imana bugaragarira mu mategeko n’amasezerano byayo. Dushobora kubyishingikirizaho igihe dusenga. Noneho mu murongo wa 15 hakomeza hagira hati,

*“kandi ubwo tuzi ko yumva icyo dusabye cyose, **tuzi n’uko duhawe ibyo tumusabye**”*

Hari indi ngeri ya Bibiliya ibivuga itya,

*« Niba tuzi ko Imana yumva ibyo dusabye, **tuzi yuko tubifite.** »*

Mbese ibyo bisobanuye iki? Amasengesho yacu ahuje n’ubushake bw’Imana **asubizwa muri uwo mwanya tuyazanyemo imbere y’Imana**. Nyamara mu marangamutima yacu ntitubasha kugira icyo tubimenyaho. Amasengesho yacu asubizwa ku bwo kwizera, ntabwo biterwa n’amarangamutima. Amarangamutima azaza nyuma.

Numvise ko abantu babaswe n’ibiyobyabwenge bya Nikotine na alukolo iyo basenga, ngo babohoke; nta kintu babona . Bakira igisubizo ku **bwo kwizera**. Nyamara nyuma y’amasaha make, babona ko nta pfa ry’itabi cyangwa alukolo bafite. Muri uwo mwanya, baba bahawe igisubizo cy’amasengesho yabo **gishyizwe mu bikorwa**.

Muri Mariko 11:24 Yesu yaravuze ati, *“Ni cyo gitumye mbabwira nti, ibyo musaba byose mubishyizeho umutima, mwizere yuko **mubihawe**, kandi muzabibona.”*

Ellen White yaravuze ati, “Ntabwo dukeneye gushaka igihamba kigaragara inyuma cy’uko twahawe umugisha. Impano iri mu isezerano, kandi dukwiriye kuja mu murimo wacu twizeye ko ibyo Imana ishoboye kubikora, kandi ko impano **twamaze guhabwa tukaba tuyifite izagaragara igihe izaba ikenewe cyane**.”⁹⁹

Bityo rero, ntitwari dukwiriye gushakisha ibihamba by’inyuma bifatika. Aha birashaka kuvuga gushaka kumva amarangamutima. Uwitwa Roger J. Morneau yaravuze ati, “Imyuka mibi [abadayimoni] ishobora gushishikariza abantu gutega amatwi amarangamutima, aho gutega amatwi ijamba rya Kristo n’abahanuzi be. Nta buryo buruta ubwo bwashoboye imyuka mibi kwigarurira imitima y’abantu, abantu batabashije kurabukwa na gato ibirimo biba.”¹⁰⁰

Gusenga dufite amasezerano bidukingurira inzu y’ububiko y’Imana. Data wo mu ijuru udukunda, adufungurira ububiko budashoboye gushiramo na rimwe ibyo kudukunura. “Abigishwa bashoboye kwitega kubona byinshi niba bizewe amasezerano ye.”¹¹⁹

UBWOKO BUBIRI BW’AMASEZERANO

Muri uyu mwanya na none ni ingenzi ko tugaragaza itandukaniro hagati y’amasezerano aboneka muri Bibiliya: **“amasezerano y’iby’Umwuka-nk’ayo kubabarirwa ibyaha, guhabwa Mwuka Wera, guhabwa imbaraga zo gukora umurimo we-buri gihe cyose arasohozwa** (reba mu Ibyakozwe n’intumwa 2:38-39). Nyamara amasezerano y’imigisha imara igihe runaka, yemwe n’avugaga ku buzima ubwabwo, atangwa igihe runaka, ubundi

⁹⁹ E. G. White, Uburezi (1903), p.267

¹⁰⁰ Roger J. Morneau, A Trip into the Supernatural, Review and Herald 1982, p. 43

¹¹⁹ E.G. White, The Desire of Ages, (1898), p. 668.1

ntatangwe mu bindi bihe, hakurikijwe uko Imana ibona ibyarushaho kutubera byiza”¹⁰¹

Urugero turubona muri Yesaya 43:2, ahavuga hati, *“Nunyura mu muriro ntuzashya, kandi ibirimi byawo ntibizagufata.”* Imana yakomeje iri sezerano mu buryo butangaje ku nshuti eshatu zari mu itanura ry’umuriro ugurumana (Danyeli 3)

Nyamara mu rundi ruhande, abagorozi nka Husi na Jerome bicishijwe umuriro ahitwa i Konsitanse. Ahari twashobora kuvuga ko amasengesho yabo atumviwe. Oya rwose ibyo ntibikavugwe! Mbese aho ntiyashubijwe mu buryo tutamenyereye? Kubera iki?

Uwanditse ku bupapa yasobanuye iby’urupfu rw’aba bantu bahowe Imana muri aya magambo: Bombi berekanye umutima utuje ubwo isaha yabo ya nyuma yegerezaga. Biteguye gutwikwa nk’abagiye mu birori by’ubukwe. Ntibigeze batakishwa n’umubabaro. Igihe ibirimi by’umuriro byazamukaga bateraga indirimbo; kandi ubukana bw’umuriro ntibwabashaga guhagarika indirimbo zabo.”¹⁰²

Niba umuntu ahiye, icyo yakora gusa ni ugutaka. Inyifato yabo yagaragaje ko Imana yatabaye, nubwo ari mu buryo butagaragarira amaso yacu. Ibi binyereka ko amasezerano ajyanye n’ibihe runaka afite ubusobanuro kuri twe.

GUSHIMIRA KUBW’IGISUBIZO

Mureke turebe urundi ruhande rw’ingenzi: igihe ibyo twasabye twabihawe igihe twabisabaga, ni byiza ko dushimira Imana igisubizo iduhaye mu isengesho rikurikiraho. **Ugushima kwacu muri uyu mwanya kugaragaza ko twiringiye Imana** yuko yashubije amasengesho yacu kandi ko twiteze ko bizasohozwa mu gihe tubikeneye cyane. Abizera bamwe babona ko hari ikintu cyabaye muri uwo mwanya nyuma yo gusenga.

Nyamara kuri benshi mu bizera, bibabera nk’uko byagendekeye Eliya: Uwiteka ntiyari mu muyaga wa serwakira, ntiyari mu gishyitsi cy’isi ndetse ntiyari no mu muriro, ahubwo yari mu ijwi ryorohewe ry’ituze (1 Abami 19:11-12). Nanjye ni ko byagendekeye.

¹⁰¹ Morris L. Venden, 95 Theses on Righteousness by Faith, (Pacific Press 1987), p. 60

¹⁰² E.G. White, Intambara Ikomeye, (1911), p. 80 Neander, “Kirchengeschichte”, 6.Per., 2. Abschnitt, 2.

Teil, §69; Hefele „Konziliengeschichte“ Bd. VI, S.209 f

Nyuma y'igihe kirekire, natekereje ko nta cyabaye. Nyuma mu buryo butunguranye, nabonye ko hari habaye byinshi muri jye nubwo nari ntabimenye.

GUHINDURA IMITEKEREREZE YANYJE

Ibi bisobanuye ko **ari ngombwa ko mpindura imitekerereze yanyje muri uyu mwanya:** “...ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya.”

Noneho ni iby'ukuri kuvuga tuti, “Ndagushimye kuko washubije isengesho ryanjye. Ndagushimira ko warangije kumva ibyo nagusabye. Ndagushimira ko nzabona bisohoye mu gihe gikwiriye.

Ibi ntabwo ari ukwiremaramamo ibintu runaka. Kwiremaramamo ibintu bisobanuye ko mba ndikwishukashuka. Igihe nasenze mfite isezerano, urufatiro rw'Imana ni rwo ruba rwatumye habaho impinduka mu mitekerereze yanyje kubera ko mba narangije gusubizwa binyuze mu kwizera. Muri ubu buryo, nintahindura kwizera kwanjye, nzaba ndi kwereka Imana yuko ntayiringiye ahubwo nyerekejeho ibitekerezo gusa. Mu gihe mfite imyitwarire nk'iyi, nzaba ndi guhindura Imana umunyabinyoma, bityo ntacyo tuzahabwa.

Na none kandi nkwiye kwitwara mu buryo buhamanya n'uko ibintu biri, nubwo ntacyo nari nabona kiba. Iteka ryose Imana ishyingiramo ko ari ngombwa ko twizera. Ishaka ko tuyiringira. Mutekereze [Abisirayeli] bambuka umugezi wa Yordani. Byabaye ngombwa ko abatambyi babanza gukandagira mu mazi noneho amazi abona gutandukana. Naamani yagombye kwibira mu mazi inshuro ndwi mbere yuko akira indwara.

Ahari uravuga uti, “Sinshobora kubikora. Sinshobora yemwe no kubitekereza. » Ndabingirize, mwibuke ko hari ibintu byinshi tudashobora gusobanura. Kugeza ubu, ntabwo tuzi icyo umuriro w'amashanyarazi ari cyo nubwo twese twukoreshe. Kugeza ubu, ntutuzi uburyo abana biga kuvuga. Nyamara bese barabyigira. « Iyo twitegereje ibyaremwe, dusanga duhora dukikijwe n'ibitangaza tudashobora gusobanukirwa. None se twatangara turamutse mu by'umwuka tuhabonye ubwiru tudashobora gusobanukirwa?

»¹⁰³

Mureke dutekereze ku magambo ari mu Imigani 3 :5-6, « *Wiringire Uwiteka n'umutima wawe wose, we kwishingikiriza ku buhanga bwawe. Uhore umwemera mu migendere yawe yose, na we azajya akuyobora inzira unyuramo.* » Hano turahabona ibyangomba fatizo ngenderwaho biva ku

¹⁰³ E.G. White, Uburezi (1903), p. 174.

Mana bituma isezerano ryo kuyoborwa na yo risohozwa. Buri cyangombwa ni nk'itegeko. Niba tutizeye ko twatunganyije ibyangombwa byose bisabwa, noneho tuba dukwiriye gusaba Imana kuduha ubushake n'icyizere cy'uko Imana izadusubiza uwo mwanya. "...ariko niba ufite ubushake bwo kongererwa ubushake, Uwiteka azagusohoreza uwo murimo..."¹⁰⁴

Hano hari ikintu gito gishobora kudufasha: Mbese tuba tuzi icyo turi gukora, igihe dusenga dufite amasezerano y'Imana, igihe twakoze ibisabwa byose maze tugashidikanya ko Imana izadusubiza? Tuba duhindura Imana umunyabinyoma. Ntabwo dushaka gukora dutyo. Mu gihe bimeze bityo, senga uti: "Uwiteka, ndizeye, nkiza kutizera. Hanyuma umwiringire!

Hari inama z'agaciro kanini ku bijyanye no gusenga ufite amasezerano mu gitabo cyitwa Uburezi cyanditswe na Ellen G. White, mu gice kivuga ngo "Kwizera n'isengesho."

GUSENGA USABA MWUKA WERA

Ntekereza ko duhagaze mu mwanya mwiza bihagije kugira ngo dusabe kuzuzwa Mwuka wera. Ariko nta na rimwe dukwiriye kwibagirwa yuko ibi ntaho bihuriye no guhatira Imana gukora ibihuje n'ubushake bwacu, ahubwo bijyanye no kwizera amasezerano yayo no kwizera ko ari iyo kwiringirwa.

Isezerano ryo guhabwa Mwuka Wera

Imana yatanze amasezerano atangaje yo guhabwa Mwuka Wera:

Muri Luka 11:13 haravugaga hati, ***"None se ko muzi guha abana banyu ibyiza kandi muri buri, So wo mu ijuru ntazarushaho rwose guha Umwuka Wera abamumusabye?"***

Ese hano Data wo mu ijuru ntagaragaza rwose ko yitangiye kudufasha? Icyo dusabwa gukora kugira ngo iri sezerano risohozwe ni "nimusabe!" Yesu ntatubwira gusaba rimwe gusa, ahubwo ni uguhora dusaba.

Nyamara ni ngombwa ko tumenya uburyo yabivuzemo. Dukwiriye gusoma andi magambo avuka ku bintu bimwe n'ibyo, nk'urugero:

¹⁰⁴ E.G. White, Thoughts from the Mount of Blessing (1896), p. 142.1

Ibyakozwe 5:32, *“Natwe turi abagabo bo guhamya ibyo hamwe n’Umwuka Wera, uwo Imana yahaye abayumvira.”*

Igisabwa ahangaha ni **ukumvira!** Aha tubasha kubona ko tutakwishingikiriza ku murongo umwe gusa; tugomba na none kureba n’uburyo cyangwa igihe iryo sezerano ryatanzwemo. Ntabwo bivuze na none ko tugomba kumvira rimwe gusa ku kintu kidushimishije. Oya, ahubwo bivuga kumwumvira, we nshuti yacu akaba n’Umucunguzi wacu uhebuje. Kumvira Bizana ibyishimo. Senga buri gitondo usaba kugira umutima wumvira. Saba Imana kuguha umutima ufite ubushake bwo gukora iby’ishaka kandi izagufasha kubisohozwa. Ibi bihinduka icyangombwa cy’ibanze cyo gusohorezwa amasezerano.

Muri Yohana 7:37 haravugaga hati, *“Umuntu nagira inyota, aze aho ndi anywe.”*

Aha harerekana umuntu **wifuza** Mwuka Wera. Niba nta cyifuzo ufite cyangwa ukaba utekereza yuko ufite icyifuzo gitoya, ubwo uba ushobora gusengera kugira icyifuzo. Ni isengesho rihuje n’ubushake bw’Imana, kandi rizahita risubizwa. Nidusaba Imana yacu ihebuje, izarema muri twe “icyifuzo no gusohozwa ibyo dusabwa”. Dushobora no gusaba kugira icyifuzo cyo kugirana n’Imana umushyikirano wa bugufi, tukayisaba kuyikundisha umutima wacu wose, tukayisaba kuyikorera tunezerewe, kugira icyifuzo gikura cyo kugira Yesu n’icyifuzo cyo kugaruka vuba kwe no kongera guhurizwa mu bwami bwe, icyifuzo cyo gusoma ijamba rye no kuryigiramo, ndetse n’icyifuzo cyo gufasha no kugira ibidukwiriye byose kugira ngo tubashe gukiza abazimiye.

Muri Yohana 7:38-39 haravugaga hati, *“Unyizera, imigezi y’amazi y’ubugingo izatamba iva mu nda ye, nk’uko ibyanditswe bivuga. Ibyo yabivuze yerekeje ku Mwuka Wera, uwo abamwizeye bendaga guhabwa.”* Hano icyangombwa gikenewe ni **ukwizera!** Turahabona yuko kwizera Yesu Kristo kwacu, kwiringira Imana kwacu ni icyangombwa cy’ingenzi kugira ngo umuntu abashe kwakira Mwuka Wera. Nyamara icyo dusenga dufite amasezerano, kwizera biba byoroshye.

Abagalatiya 5:16 haravugaga hati, *“Ndavugaga nti, muyoborwe n’Umwuka kuko ari bwo mutazakora ibyo kamere irarikira.”*

Mu by'ukuri hano tuhafite **isezerano** rivuzwe mu buryo bumwe n'itegeko. Igihe Imana ishaka ko nyoborwa n'Umwuka, ibyo byerekana rwose yuko ishaka kunyuzura Mwuka Wera. Kandi hano itwereka ko igihe twuzuye Mwuka Wera, ntituba tukiri mu butware bw'irari rya kamere ukundi. Mwuka Wera amenagura imbaraga z'icyaha ziba muri twe (Abaroma8:1-17, by'umwihariko umurongo wa 2). Binyuze muri Mwuka Wera, "ingeso za kamere zirapfa". (Abar.8:13). Mutekereze kuri Pawulo wivuzeho ati, "mfa buri muni". Ni ikintu cy'agaciro katarondoreka kutaba mu bubata bw'ingeso za kamere (Abagalatiya 5:18-21), ahubwo umuntu akera imbuto z'Umwuka (Abagalatiya5:22)

Dushobora kugereranya uburyo icyaha kidashobora kwinjira mu bugingo bwacu n'indorerwamo ebyiri zifatanye z'icyuma gikoreshwa mu kureba utuntu duto cyane tutaboneshwa amaso gusa. Kugira ngo umukungugu utinjira, umwuka uba ugomba gusohokana imbaraga uturutse imbere muri icyo gikoresho. Ibi bisobanuye yuko, iyo icyo cyuma gifunguye, umwuka usohoka uva imbere muri cyo ukaza hanze. Nta mukungugu wakwinjiramo rero. Mu buryo bumwe n'ubwo, igihe twuzuye Mwuka Wera, "*ntuzabasha gukora ibyo kamere irarikira*" (ibindi kuri iyi nsanganyamatsiko wabisanga mu mugabane w'iki gitabo witwa, "*Mbese umuntu ashobora gukomeza kuba uyoborwa n'Umwuka?*"), uboneka mu iherezo ry'iki gice.)

Mu Befeso 3:16-17, 19 haravugaga, "*...ngo abahe nk'uko ubutunzi bwe bw'ubwiza bwe buri gukomezwa cyane mu mitima yanyu kubw'Umwuka we, kandi ngo Kristo ahoze mu mitima yanyu ku bwo kwizera, kugira ngo ubwo mumaze gushorera imizi mu rukundo mukaba mushikamye,...ngo mwuzuzwe kugeza ku kuzura kw'Imana.*"

Birashoboka ko haba hashize igihe kirekire tutabona imbaraga iyo ari yo yose. Byari bikwiraye kuba nk'uko bisanzwe bigenda mu byaremwe. Mu gihe cy'urugaryi [mu bice bimwe by'isi kiba ari igihe cy'ubukonje bw'ubutita], ibiti biba ari inkokore, ibindi bikuma, noneho mu gihe cy'itumba, bikaba bihunze amababi bisa n'ibara ry'icyatsi kibisi. Hari imbaraga itagira akagero iba ikorera muri byo ikabigaruramo ubuzima. Nyamara izo mbaraga zikora uwo murimo ntitubasha kuzireba cyangwa ngo tuzumve. Ariko ntibibuzza ko tubona ingaruka z'umurimo wazo. Uko ni ko byangendekeye. Ndashimira Imana ko impa imbaraga.

Urundi rugero: hashize imyaka iri hejuru y'icumi tubonye imbaraga z'amashanyarazi mu mibiri yacu. Zirahari ariko ntibubizi.

Mu Befeso 5:18 haranditswe ngo, “... mwuzure Umwuka” cyangwa se ngo “ mukomeze mwuzure Mwuka kandi bibe kenshi byisubiramo.”¹⁰⁵

Mu Byakozwe 1:8 ho haravuga hati, “Icyakora muzahabwa imbaraga Mwuka Wera nabamanukira kandi muzaba abagabo bo kumpamy...”

Abigishwa bahawe inshingano yo gutegereza kugeza babonye imbaraga. Ntibategereje nta cyo bakora. “Basenganye umwete kugira ngo bahabwe imbaraga zo gusanga abantu mu buzima bwabo bwa buri munsu no kugira ngo babone amagambo yo kuyobora abanyabyaha kuri Kristo. Bashyize ku ruhande ibyo bari batandukaniyeho byose no kumaranira ubutegetsi kwabo.”¹²⁵ Natwe dushobora gusenga dufite iryo sezerano.

MBESE NTA BISUBIZO BYIZA BIBONEKA...?

“Umusore umwe yarimo ashakisha inama kubera ko yumvaga ashaka kuzuzwa Mwuka Wera. Mu by’ukuri yarimo agera. Pasitoro yamubajije ati, “Mbese ubushake bwawe wabweguriye Imana burundu? Uwo musore yarasubije ati, “Sintekereza ko ariko nabikoze.” Pasitoro yaravuze ati, “Niba ari uko bimeze, gusenga usaba kuzuzwa Mwuka Wera ntacyo bizakumarira kugeza igihe uzaba umaze kwegurira

Imana burundu ubushake bwawe. Mbese ntushaka kwegurira Imana ubushake bwawe uyu mwanyu?” Uwo musore yarasubije ati, “Simbishoboye.” Pasitoro aramubaza ati, “ Nibura se urashaka ko Imana ibigukorera?” Aravugaga ati, “Yego.” Pasitoro aramubwirira ati, “Nuko rero yisabe kubigukorera.” Uwo musore arasenga ati, “Mana, nkuramo ubushake bwanjye. Nteramo kwiyegurira burundu ubushake bwawe.

Nshyirira ubushake bwanjye hasi. Mbisabye mu izina rya Yesu.” Maze Pasitoro aramubaza ati, “Mbese byabaye?” Na we aramusubiza ati, “Bigomba kuba byabaye. Nasabye Imana ikintu gihuje n’ubushake bwayo kandi nzi yuko yashubije bityo icyo nasabye nkaba ngifite (1Yohana 5:1415). Ni byo, byabayeho— ubushake bwanjye bwashyizwe hasi. Noneho

Pasitoro aravugaga ati, “Ngaho noneho sengeraga guhabwa umubatiziro wa Mwuka Wera [kuzuzwa Mwuka Wera]. Umusore yarasenze ati, “Mana,

¹⁰⁵ Johannes Mager, Auf den Spuren des Heiligen Geistes, (Lüneburg, 1999), Seite 101.

¹²⁵ E. G. White, The Acts of the Apostles, p. 36-37.

mbatirisha Mwuka Wera nonaha. Mbisabye mu izina rya Yesu. Kandi byahise biba muri uwo mwanya igihe yari ashize ubushake bwe hasi.”¹⁰⁶

ITANDUKANIRO RIBONEKA HAGATI Y’UKO IBINTU BYARI BIMEZE MBERE N’UKO BIMERA NYUMA

Nubwo nari menyereye gusenga mfite amasezerano kandi nkaba naragiye mbikoresha mu bihe bimwe na bimwe bidasanzwe ndetse nkanabona ibisubizo byiza by’amasengesho yanjye, namaze igihe ntekereza yuko bihagije gusaba Mwuka Wera ntagombye kwishingikiriza ku masezerano runaka y’umwihariko. Nzi ko hari abafite igitekerezo nk’icyo. Ntabwo nshaka kuvuga ko icyo kintu atari cyo. Nyamara iyo ndebye ibyambayeho, numva icyo nakora gusa ari ukwicuza ko nasengaga muri ubu buryo ntishingikirije ku masezerano. Ubu noneho mu myaka mike ishize, nagiye nsenga nishingikirije ku masezerano nsaba guhabwa Mwuka Wera, ku buryo nyuma y’amasengesho yanjye, ubu mpamanya n’umutima wanjye ko nujujwe Mwuka Wera. Ngendeye ku bihe nagize ku italiki ya 28 Ukwakira 2011, nabonye itandukaniro hagati y’uko ibintu byari biri mbere n’uko biba bimeze nyuma.

Guhera igihe natangiriye gusenga mfite amasezerano, umushyikirano wanjye n’Imana wahindutse uw’inshuti magara kandi na Yesu numvise anyegereye kandi ari uw’igiciro kinini kuri jye. Ibi ntabwo ari ibiyumviro bihengamiye ku marangamutima yanjye; nshobora kubihuza n’ibi bintu bikurikira:

- ▶ Igihe nsoma Bibiliya kenshi numva nshubijwemo intege nkagira n’imyumvire mishya.
- ▶ Igihe mpanganye n’ibishuko, ndanesha.
- ▶ Ibihe byanjye byo gusenga byambereye iby’agaciro gakomeye kandi binzanira umunezero.
- ▶ Imana isubiza menshi mu masengesho yanjye.
- ▶ Mfite umunezero mwinshi *n’ubushizi bw’amanga* (Ibyakozwe 4:31c) bwo kubwira abandi ibya Yesu.
- ▶ Nahindutse umuntu ufitanye umubano mwiza n’inshuti zanjye.
- ▶ Mbaho imibereho yuzuye ibyishimo ku bw’ubuntu bw’Imana kandi numva mfitiye umutekano mu biganza byayo.

¹⁰⁶ Reuben A. Torrey, *Der Heilige Geist – Sein Wesen und Wirken* (Frankfurt, 1966), p. 150.

- Igihe ibintu byari bikomeye Imana yarankomeje mu buryo butangaje insubizamo tege.
- Nasobanukiwe n’impano Imana yampaye.
- Kunegura abandi byarahagaze. Iyo numvise abandi banegurana numva ntaguwe neza.

Impinduka zabaye mu buryo butuje. Nabibonye bwa mbere ubwo nari mfashe igihe nsenga buri muni nsaba guhabwa Mwuka Wera nishingikirije ku masezerano. Guhera icyo gihe, nagize imibereho y’ubukristo butandukanye na mbere hose. Mbere yaho, imibereho yanjye ya gikristo yari yuzuyemo umuruho kandi igoye; ariko ubu bwo numva nishimye kandi mfite imbaraga.

Ndicuza kubw’ibihombo byabonetse mu buzima bwanjye biturutse ku kutagira Mwuka Wera, ibihombo twagize mu mubano wacu nk’abashakanye, mu muryango ndetse n’ibyo twagize mu itorero aho nkorera umurimo nka Pasitoro. Igihe nabonaga ibi bintu, nasabye Imana kumbabarira.

Ni ukuri guteye agahinda kuba tudashobora kugeza abantu aho tutigejeje twe ubwacu. Dukwiye kwibuka na none ko tege nke z’umuntu ku giti cye zitera n’ab’umuryango kimwe n’itorero kugira tege nke nabo.

Kugira ngo abandi nabo batazagira amaganya mu buzima bwabo aturutse ku makosa nk’aya, ndashaka kugira ibitekerezo bike ntanga.

Mu 2 Petero 1:3-4 havuga ko binyuze mu mubano wimbitse umuntu agirana na Yesu, “...*binyuze mu byo yasezeranye by’igicro cyinshi...* [dushobora] *gufatanyaga na kamere y’Imana.*”

Ibi na byo bisobanuye ko mpabwa Mwuka Wera binyuze mu masezerano. Ushobora kugereranya amasezerano n’impapuro zo muri banki zibikuza amafaranga (sheki). Iyo dutanze urupapuro rubikuza amafaranga rwasinyweho na nyiri konti, dushobora kubikuza amafaranga akava kuri konti y’undi muntu. Nk’abana b’Imana (Yoh.1:12), dushobora buri muni gukoresha impapuro zibikuza (amasezerano) zasinyweho na Yesu. Ntacyo byatumarira gutanga impapuro zacu bwite, nubwo zaba ari impapuro zakozwe n’umunyabugeni w’umuhanga. Dukeneye impapuro zisinyweho na nyiri konti.

Hariho indi mpamvu ishobora kudukangurira gusenga twishingikirije ku masezerano. Hari imbaraga mu ijambo ry’Imana. Mbese ni ukubera iki Yesu ku musaraba yasenze inshuro eshatu zose akoresheje amagambo aboneka muri Zaburi? Mbese ni ukubera iki yirwanyeho akanabasha gutsinda Satani

bimworoheye akoresheje Ibyanditswe mu gihe Satani yazaga kumushukira mu butayu? (Mat.4:4,7,10). Yaravuze ati, *“Umuntu atungwa n’amagambo yose aturuka mu kanwa k’Imana.”*

Yesu Umuremyi azi ko hari imbaraga mu ijambo ry’Imana. “Muri buri tegeko no muri buri sezerano biboneka mu ijambo ry’Imana harimo imbaraga, ari nabwo bugingo bw’Imana butuma itegeko ryose ryubahirizwa n’isezerano ryose rigasohozwa.”¹⁰⁷ Mbega amagambo meza! Imbaraga z’Imana n’ubugingo bwayo biri muri buri sezerano! Iyo dusenga twishingikirije ku masezerano tuba dukoresha ijambo ry’Imana mu masengesho yacu. Ku bijyanye n’ijambo ry’Imana, iryo jambo rirahamya riti, “Ni ko ijambo ryanjye riva mu kanwa kanjye rizamera. Ntirizagaruka ubusa...” (Yesaya 55:11)

Mfite umugambi wo gusenga gusa nsaba Mwuka Wera nishingikirije ku masezerano. Igihe nsenze mfite amasezerano, mba nzi neza ko nyuma yo gusenga nsaba Mwuka Wera, muhabwa hakurikijwe isezerano riri mu ijambo ry’Imana muri 1Yohana5:15, ahavuga hati, *“Kandi ubwo tuzi ko yumva icyo dusabye cyose, tuzi n’uko duhawe icyo tumusabye.”* Iyo nsenze nishingikirije ku masezerano, ubwo mba niringiye ko isengesho ryanjye rizasubizwa. Biba byiza kurushaho iyo ufashe igihe ugasenga muri ubu buryo kugira ngo ugire umunsi wuzuyemo imigisha aho kugira ngo uze kwivovotera uko wagiye unsindwa umunsi wose ku mugoroba.

Nakiriye ubutumwa kuri mudasobwa bwandikanywe ibyishimo byinshi, buvuga buti, “Sinari narigeze gutekereza yuko bishoboka ko habaho itandukaniro rikomeye hagati y’igihe nsenze nsaba kuyoborwa n’Imana umunsi wose nkoresheje ‘amagambo yanjye’ n’igihe nsenze nkoresheje amasezerano ari muri Bibiliya! Amasezerano yambereye ay’igicro buri gihe. Iteka ryose narayiringiraga, nyamara sinsabe kuyasohorezwa umunsi ku wundi. Umubano wanjye na Yesu warushijeho gutera imbere, wuzuramo ibyishimo, ndushaho kugira icyizere n’umutuzo. Ndashimira Imana ku bw’ibi.”¹²⁸

Ku bw’iyi mpamvu, niyemeje gusangira n’abandi urugero rw’isengesho rishingiye ku masezerano. Mu buryo busanzwe rishobora kuvugwa mu nshamake. Ni ingenzi cyane ko twiga kwisengera tubikomoye mu ijambo ry’Imana. Ariko igikomeye kurusha ibindi ni uko kwizera kwacu gukomezwa n’amasezerano ku buryo igihe tumaze gusenga, tuba duhamanya n’imitima

¹⁰⁷ E.G. White, Christ’s Object Lessons (1900), p. 38.2

¹²⁸ Email to H. Haubeil C.S.

yacu yuko duhawe Mwuka Wera. Duhabwa Mwuka Wera iyo twizeye ibyo twasabye.

ISENGESHO RY'ICYITEGEREREZO RISHINGIYE KU MASEZERANO RISABA KUGIRWA MUSHYA NA MWUKA WERA BURI MUNSI

Data uri mu ijuru, nje ngusanga mu izina rya Yesu Umukiza wacu. Waravuze uti, "Mpa umutima wawe (Imigani 23:26), ndashaka kubikora nonaha binyuze

.¹²⁹ mu kukwiyegurira jywewe ubwanjye n'ibyo ntunze byose Ndagushimira ko warangije gusubiza iri sengesho nk'uko ubushake bwawe buri, kubera ko ijambo ryawe rivuga yuko iyo dusenze dukurikije ubushake bwawe tumenya yuko duhawe ibyo dusabye (1Yoh.5:15). Kandi na none wavuze yuko uza aho uri utazamwirukunana (Yoh.6:37)

Yesu yaravuze ati, "Ko muzi guha abana banyu ibyiza kandi muri babi, So wo mu ijuru ntazarushaho guha Umwuka Wera abamumusabye?" (Luka 11:13)

*Nawe warongeye uvuga ko uzaha Mwuka Wera abakwizeye (Yoh.7:38-39), abakumvira (Ibyakozwe 5:32), abemera kugirwa bashya na Mwuka Wera (Abefeso 5:18), kandi bagendera mu Mwuka (Abagal.5:16). Iki ni cyo cyifuzo cyanjye. Ndakwinginze sohoreza ibi muri jye. Kubw'ibi, Data, ndagusaba nkomeje kumpa Mwuka Wera none. Kuko mbigusabye bihuye n'ubushake bwawe, ndagushimira ko ubu warangije kumpa Mwuka Wera nonaha (1Yohana 5:15). Ndagushimira kandi ko mpawe urukundo rwawe rw'Imana kubera ko ijambo ryawe rivuga yuko **urukundo rw'Imana rwasabye mu mitima yacu kubw'Umwuka Wera twahawe**" (Abaroma 5:5; Abef.3:17). Ndashaka gufatanya n'umunyazaburi kuvuga nti, "Uwiteka, ndagukunda ni wowe mbaraga zanjye." (Zab.18:1) ndagushimira yuko nshobora gukunda abantu bagenzi banjye mbakunze urukundo rwawe.*

Ndagushimira yuko binyuze muri Mwuka Wera imbaraga z'icyaha zajanjaguritse muri jye (Abaroma 8:13; Abagalatiya 5:16). Ndakwinginze nkiza kandi undengere uyu munsu, nkiza icyaha kandi unkize ab'isi, undinde abamarayika baguye, unkize ibishuko, kandi igihe bibaye ngombwa unyarure unkize kamere yanjye ya kera yangiritse. (1Yoh.5:18)

Kandi ndakwinginze mfasha nkubere umuhamya mu magambo no mu bikorwa (Ibyakozwe 1:8) Ndaguhimbaje kandi ndagushimira ko wumvise gusenga kwanjye. Amen

129 Abazafatanye umurimo na Kristo gusa, abazavuga bati: "Mwami, jywewe ubwanjye ndi uwawe n'ibyo ntunze byose ni ibyawe," abo bonyine nibo bazitwa abahungu n'abakobwa b'Imana." E.G. White, Uwifuzwa Ibihe Byose (1898), p. 389

Yesu ubwe ashaka gutura muri twe binyuze muri Mwuka Wera

(1 Yoh.3:24; Yoh.14:23). E. G White yaravuze ati, *“Imbaraga ya Mwuka Wera ni ubugingo bwa Kristo mu mutima w’umuntu.”*¹⁰⁸ Imbaraga yahinduye Petero, Pawulo ndetse n’abandi bantu benshi tubasha kuyibona na bugingo ubu. Kandi *“aduha nk’uko ubutunzi bw’ubwiza bwe buri gukomezwa cyane mu mitima yacu kubw’Umwuka we.”* (Abefeso 3:16)

Kuzuzwa Mwuka Wera ni urufunguzo rwo kugira imibereho yo kwizera mu byishimo, imbaraga, urukundo no kunesha icyaha. *“...aho Mwuka w’Umwami ari ni ho haba umudendezo.”* (2 Abakor.3:17b)

Mu butumwa bumwe nigeze kwakira, harimo amagambo akurikira, “Benshi mu bagize itorero, bari gusenga bakoresheje rya sengesho ry’icyitegererezo babiri babiri. Hashize amezi atanu nsengera hamwe n’umukobwa w’inshuti yanjye. Ntabwo ari ibintu byose biri kujya mbere mu mutima wa buri wese gusa, ahubwo ni ko bimeze na none mu miryango, mu isano umuntu agirana n’abandi, mu buzima bw’abashakanye, mu buryo bwa Mwuka no mu rusengero-atari mu buryo bwatera amakimbirane, ahubwo biba mu buryo butuje, mu buryo busanzwe. Biradutangaza kandi tukabibona nk’uburyo bw’Imana bwo gusobanura ibintu neza, bushobora gutuma kubaho byorohera abantu mu buryo runaka, cyane ko twumva twegerana n’Imana kurushaho.”¹⁰⁹

MBESE UMUNTU ASHOBORA GUKOMEZA KUBA UW’UMWUKA?

Yego birashoboka rwose. Iyo tutemereye inyifato yo gushidikanya gukurira muri twe kandi tugahumeka mu buryo bwa Mwuka: *“gusohora umwuka”* ari ko kwatura ibyaha byacu no *“kwinjiza umwuka”* bihwanye no gushyira mu bikorwa urukundo rw’Imana no kubabarira no kuvugurura amasengesho yacu dusengana kwizera dusaba kuzuzwa Mwuka Wera”¹¹⁰

Bimeze nk’umushyikirano tugirana n’abana bacu. Igihe umwana yabagaho atumvira, yakomezaga kuba umwana. Nyamara twumvaga umurunga wo gushyikirana usa n’uwacitse. Umwana ashobora kudatinyuka kutureba mu maso. Uku gucika k’umurunga wo gushyikirana gusanwa no kwatura icyaha cye.

Nyamara umuntu ashobora mu buryo bwa kamere gusubira kuba umuntu wa kamere hagati aho. Bibiliya nta kintu ivuga ku by’uko “iyi umuntu akijijwe, aba akijijwe by’iteka ryose.” Kamere yacu y’icyaha iba

¹⁰⁸ Editor Francis D. Nichol, *Adventist Bible Commentary* Vol. 6 (Hagerstown, 1980), p. 1112.

¹⁰⁹ Email to Helmut Haubeil: E.S.

¹¹⁰ Helmut Haubeil & Gerhard Padderatz, Gott, Geld & Glaube (Eckental, 2009), p. 97

igihari. “Nta n’umwe mu ntumwa ndetse n’abahanuzi wigeze kuvuga yuko nta cyaha afite.”¹¹¹

Ariko binyuze mu mibereho irimo Mwuka Wera kandi Yesu akaba ari mu mitima yacu, imbaraga y’ibyaha iramenagurika kugira ngo tubeho imibereho ya gikristo irimo ibyishimo kandi n’imbaraga. Gukiranuka kwacu kuri muri Yesu Kristo gusa. “...waduhindukiye ubwenge buva ku Mana-no gukiranuka no kwezwa no gucungurwa.” (1 Abakor.1:30). Iyi nsanganyamatsiko y’ingenzi tuzayisubiraho imbere bidatinze.

Niba twarongeye guhinduka abantu ba kamere bitewe no kwirengagiza imibereho y’iby’Umwuka igihe kirekire cyangwa se kubwo kudahumeka mu buryo bw’Umwuka, dukwiriye kumenya ko Umucunguzi wacu w’umunyembabazi adutegereje.

Ni ingenzi cyane kumenya uburyo dushobora kongera kugirwa bashya n’ubuntu bw’Imana kandi tukabaho iteka mu buryo bw’Umwuka dufite ibyiringiro. Nta n’umwe ukeneye gukomeza kuba uwa kamere. Ariko mureke twibuke, buri wese ku giti cye ndetse no muri rusange icyo Randy Maxwell yavuze agira ati, “Mutekereza yuko gusubiza umwuka mu itorero ry’Imana rikongera guhumeka ari ibintu byakorwa nta mbaraga zikoreshejwe?”¹¹²

Ubugingo bwinshi kandi ubugingo bw’iteka, agakiza ka benshi n’amashimwe dushima ku bw’igitambo cya Yesu birahagiye ngo tubyite imbaraga. Ikintu cy’ingenzi kurutaho ni uguhura n’Umwami wacu mu gitondo tukamuramya. Ubu ni bwo buryo twiyongeramo imbaraga.

Dusoma amagambo akurikira ku ntumwa Yohana ngo: “Iminsi yose umutima we wakururwaga na Kristo, ageza aho urukundo akunda Kristo rumutera kwiyibagirwa. Ingeso ze zo kwirarira no guhutiraho ziyengeshwa n’imbaraga za Kristo. Umutima we uhindurwa ukundi n’imbaraga y’Umwuka Wera ukiza. Ayo ni yo maherezo atabura y’umuntu ushyira hamwe na Yesu. Iyo Kristo ari mu mutima w’umuntu ingeso ze zose zirahinduka.”¹³⁵

“Hwejesha amaso yanjye kugira ngo ndebe ibitangaza byo mu mategeko yawe.” (Zab.119:18). Urakoze kuko uri kunyobora kandi nkaba nshobora kuvuga nti, “Nishimira ijamba ryawe nk’ubonye iminyago myinshi.” (Zab.119:162)

¹¹¹ E.G. White, The Acts of the Apostles (1911), p. 561.1

¹¹² Randy Maxwell, If My People Pray (Pacific Press,1995), p. 158

¹³⁵ E.G. White, Kugana Yesu (1892), pp. 41,42.

MBESE NI IYIHE MIBEREHO IDUSHYIZWE IMBERE?

***Imibereho y’umuntu ku giti cye,
imibereho umuntu agirira mu itorero,
imibereho umuntu agirira muri
Konferansi ndetse no muri Yunyoni***

IBYABAYE KURI MWENE DATA

Mu myaka ibiri ishize, buri muni nasengeraga gusukirwa Mwuka Wera mu bugingo bwanjye. Isengesho ryanjye ryari ugusaba kugira Yesu mu bugingo mu buryo buhagije buri muni. Kugendana n’Imana kwanjye [muri iki gihe] kwambereye uko ntari mbyiteze. Imbuto za Mwuka Wera ziri mu Bagalatiya 5 zarushijeho kugaragara mu mibereho yanjye guhera igihe nasabaga Yesu kuba mu mibereho yanjye, agasohoreza ibyo ashaka muri jye kandi buri muni akampindura mushya binyuze muri Mwuka Wera. Ubu nishimira gusoma Bibiliya, kuganira n’abandi ibya Kristo kandi numva mfite icyifuzo gikomeye cyo gusabira abandi. icyiyongera kuri ibyo kandi, uburyo bw’imibereho yanjye bwarahindutse mu buryo butangaje. Ibi byose mbibona nk’ibinkomereza mu kwitanga kwanjye kwa buri muni ngashaka Imana no gusenga kwanjye kwa buri muni nsaba Mwuka Wera.” C.H Yongeye no kudusangiza aya magambo:

“Ndabasaba gusenga buri muni musaba kuzuzwa Mwuka Wera; mubikore ibyumweru bitandatu maze murebe uko bibagendekera.”

IMINSI 40 Y’AMASENGESHO MURI SERIBIYA

“Mu kwezi kwa Nzeli 2010, twahinduye kandi dushyira ahagaragara agatabo kitwa *“Iminsi 40: Gusenga no kwiye gurira Imana mu kwitegura kugaruka kwe”* Mu rwego rwa Yunyoni yacu, twakoze ku buryo buri

mwizera wese (ugashatse) akabona. Hanyuma twateguye icyumweru cyo guhurira hamwe buri muni tugasenga mu gihe cy'iminsi 40 ikurikirana mu nsengeru no mu ngo z'abizera, aho abantu basenze, bakiyiriza ubusa basaba kongera gusukirwa Mwuka Wera.

Mu gihe twari dukomeje gukora ibi, hatangiye kuba ibidasanzwe mu materaniro y'abizera hira no hino mu matorero. Abizera basaga n'abasinziriyeho barakungutse barakora kandi bamwe bari bishimiye kwita ku bandi. Abari bamaze imyaka myinshi bafite ibyo bapfa na bagenzi babo (yemwe bararetse no kuvugana), bariyunze nuko batangira gutegurira hamwe ibikorwa byo gufasha abandi bantu bo hanze y'itorero.

Nyuma yaho mu Kwakira 2010 mu gihe cy'Inama nkuru ngarukamwaka, gahunda y'“*Ububyutse n'Ivugurura*” yaratangijwe. Twayakiriye tunezerewe, tuyibona nko gukomeza kw'icy'Imana yari yatangiye gukora muri Yunyoni yacu. Ingaruka zihuse z'aya materaniro yo gusenga zabaye umushyikirano n'Imana warushijeho kuba mwiza, ubumwe buriyongera ndetse n'ubwumvikane rusange hagati y'abakozi ba Yunyoni.”¹¹³

IMINSI 40 Y'AMASENGESHO MURI ZURICH /SWITZERLAND

Jyewe na Pasitoro wacu, buri wese ku giti cy'e yahawe igitabo cyanditswemo ibintu byadushimishije cyane. Umutwe w'icyo gitabo waragiraga uti, “Iminsi 40: Gusenga no kwiye gurira Imana twitegura kugaruka kwe” cyanditswe na Dennis Smith, binyuze mu muryango ucapa ibitabo witwa *Urwibutso n'Integuza* (Review and Herald). Iki gitabo ntawagisoma hanyuma ngo akibike. Ibikorwa byahinduye ubuzima bwanjye.

Uhereye igihe abagize itorero nsengeramo rya Zurich-Wolfswinkel (rifite abizera nk'ijana) biyumvagamye ko bakeneye cyane ububyutse no gusenga, twateguye gahunda yitwa “Iminsi 40 y'amasengesho” mu isoza ry'umwaka wa 2011. Icyo gitabo cyerekanaga mu buryo buhagije uko icyo gahunda yakorwa neza kandi kikanavugaga uburyo kuramya buri muni byakorwa neza.

Insanganyamatsiko yavugaga ibyo kuzuzwa Mwuka Wera, amasengesho, kubwiriza, imibereho ya Yesu no kuramya kuyobowe na Mwuka.

Nuko dutangira gahunda yacu y'iminsi 40 y'amasengesho ku itariki ya 1 mu Ukwakira 2011 twiteze kubona ibintu bikomeye. Ku bw'amahirwe menshi, benshi mu bagize itorero baritabiriye. Abagize itsinda ryo gusenga bahuraga buri muni, abantu bohererezanyaga imirongo ya Bibiliya kandi

¹¹³ M. Trajkovska, Southern European Union, Belgrade, quoted in www.revivalandreformation.org.

bagasabirana kuri telefone buri muni. Itsinda rimwe ryahuraga saa kumi n'ebiri za mu gitondo bakaramya Imana kandi bagasenga.

Iyi gahunda yacu y'iminsi 40 yatubereye ikintu tutazibagirwa. Imana yasubije menshi mu masengesho yacu, by'umwihariko ibijyanye n'ibyigisho by'ubuhanuzi bwa Bibiliya byasohoye muri icyo gihe twarimo dusenga. Ibyo byigisho byari umugisha ukomeye. Twagize abashyitsi benshi ku buryo abantu 20 biyandikishije kugira ngo bazaze mu bindi byigisho byari gukurikiraho. (Mu byigisho nk'ibyo byakurikiyeho muri Werurwe 2013, haje abashyitsi hagati ya 50 na 60, ibitarigeze bibaho muri Zurich mu myaka 20 ishize.)

Mwuka w'Imana yakomeje kuzana impinduka mu itorero ryacu kandi bidutera umunezero kubona ko amatsinda yacu mato atangiye gukura, n'ukuntu abizera b'abanyamuhari bari kujya babona abantu bishimira kwiga ibyigisho bya Bibiliya. Abagize amahirwe yo kuboneka muri ibyo bihe by'amasengesho bifuza ko uwo murimo wa Mwuka w'Imana wakomeza. Turashimira Imana tubikuye ku mutima kandi tuyihaye icyubahiro." [Ni ubuhamya bwa Beatrice Egger wo mu itorero ry'Abadiventisti ryo muri Zurich-Wolfswinkel.]

IMINSI 40 Y'AMASENGESHO N'IBWIRIZABUTUMWA MURI KOLONYE HO MU BUDAGE

Pasitoro Joao Lotze ni Umunyaburezili ufite ubwenegihugu bw'Ubudage. Yakoreye itorero mu gihe cy'imyaka 38 mu bitaro ndetse no muri Yunyoni no muri Diviziyo yo muri Amerika y'amajyepfo. Yagiye mu kiruhuko cy'izabukuru guhera muri Werurwe 2012. We n'umugore we bumvikanye kuza muri Kolonye bagakora umurimo nk'abamisiyoneri bagakorera mu matorero akoresha indimi z'Igiporutigali n'Icyesipanyoli.

Twatangiriyemo muri Kolonye turi kumwe n'amatsinda mato yo gutera umwete abizera no kurarika abashyitsi. Tugendeye ku byo twanyuzemo muri Burezili, twakoze amasengesho y'iminsi 40 muri Kolonye. Ibitabo kwifashisha byarabonekaga mu rurimi rw'Igiporutigali.

Amatorero yakoresheje ururimi rw'Igiporutigali, urw'Icyesipanyoli n'akoresha ikidage batangiranye ibyishimo iminsi 40 y'amasengesho. Buri muni twasengeraga abantu 100 barimo inshuti n'abandi tuziranye nabo. Amazina y'abo bantu yabaga yanditswe ku kibaho cy'ibara ry'umukara cyari mu rusengero. Bitararenga iminsi 30 cyangwa 35 mu yari igize icyo gihe cyo gusenga, twasanze ari byiza kumenyesha abo bantu ko twari turi

kubasengera maze tubararikira kuza mu materaniro ku Isabato idasanzwe yari yahariwe abashyitsi. Abantu 120 bitabiriye iyo gahunda idasanzwe yari yateguwe n'itorero. Umukristo witwa Badorreck, umuyobozi w'Icyiciro cy'Iimirimo y'Itorero muri Nordrhein-Westfalen yarabwirije. Bamwe mu bashyitsi barizwaga n'ibyishimo igihe babonaga amazina yabo ku kibaho.

Nyuma yaho, uwitwa Antinio Goncalves, umubwirizabutumwa ukomoka muri Burezili, yakoresheje amateraniro y'ibwirizabutumwa y'iminsi 15. Buri mugoroba yakoresheje isaha n'igice abwiriza (icyakora yabaga akoresha umusemuzi). Insanganyamatsiko ibyigisho byari byubakiyeho yaravugaga iti, "Mureke Bibiliya ibatungure". Imitwe y'ibyigisho yibandaga ku kugaruka kwa Kristo mu gihe indi yabaga ivanywe mu gitabo cya Daniyeli n'icy'Ibyahishuwe. Ibyigisho n'indirimo byavanwaga mu rurimi rw'Igiporutigali bishyirwa mu rurimi rw'Ikidage. Hari hari amakorali mato agatambutsa indirimbo nziza buri mugoroba. Buri mugoroba amateraniro yasozwaga no kurarika abiyegurira Imana. Dushimira Imana uburyo abantu babyitwayemo. Abagize itorero basenganye umwete, by'umwihariko abari bari muri ya gahunda y'iminsi 40 y'amasengesho.

Urusengero rwacu rushobora kwicaza abantu 80. Nyamara abasaga 100 bitabiraga ayo materaniro. Mu minsi isoza icyumweru, urusengero rwaruzuraga, naho mu minsi y'imirimu hakaza abantu bakabakaba 60. Abashyitsi 32 baje mu materaniro badasiba. Ibi byatumye abantu 8 babatizwa abandi 14 binjira mu ishuri ry'abitegura kubatizwa. Mbere y'uko umwaka urangira, abantu 13 bari bamaze kubatizwa.

Dufite ibintu byinshi byabaye bitangaje. Byari bigoye kubona umusemuzi. Umwarimu w'Umugatulika yiyemeza kudufasha. Nyamara ntiyari azi byinshi muri Bibiliya. Nuko dusengera kubona nibura umusemuzi wa rimwe mu matorero ya Giporotestanti. Bidatinze twamenye ko hari umukobwa ukora muri resitora wasobanuye ko yigeze kunezewa no gusemurira umuntu akura mu rurimi rw'Igiporutigali ashyira mu rurimi rw'Ikidage mu itorero rimwe ry'Abapentikoti. Yatubereye umusemuzi muri ayo materaniro y'ivugabutumwa kandi ku iherezo na we arabatizwa.

Uwo musemuzi, ari we witwaga Mariya yatubajije niba yarashoboraga kurarika inshuti ye yitwaga Elizabeti ikaza mu materaniro. Yari umuyobozi w'itorero rito ry'ahitwa Colombiya ho muri Kolonye rifite abantu 13. Yaraje azana n'abo mu itorero rye. Guhera ubwo, babiri mu bazanye na we bamaze kubatizwa. Elizabeti n'abo mu muryango we ubu bari kwiga ibyigisho bya Bibiliya.

Hari ikindi kintu cyabaye cyo gifitanye isano na gahunda ya Radiyo Ijwi ry'Ibyiringiro. Umugore wo mu Budage yashyize urushinge ku murongo

w'Ibyiringiro bimutunguye maze ashimishwa n'ibyo yumvise, harimo n'ibyari bivuzwe ku kiruhuko cy'Isabato. Yararikiye umugabo we gufatanyana na we gutega amatwi ibyo byigisho. Na we yashimishijwe n'ubutumwabwari burimo. Umunsi umwe ubwo bari bagiye gusura nyina umubyara, bumvise bakwiriye kunyura mu wundi muhanda. Hafi y'umuhanda banyuragamo babona ikimenyetso kirangira abantu aho urusengero rw'Abadventisti b'umunsi wa Karindwi ruri. Babona ko babaye Abadventisti binyuze muri gahunda za Radiyo y'Ibyiringiro. Isabato igeze, yagiye mu materaniro ku rusengero. Nyuma yaho yaje kurarika umugabo, ndetse na nyina barajyana. Guhera ubwo barakomeje baza no kubatizwa.

Indi nkuru y'ibyabaye, ni iya mushiki wacu w'Umudage ufite ubwenegihugu bw'Uburusiya. Yafatanyije n'abandi ibihe by'iminsi 40 y'amasengesho, noneho atangira gusengera abaturanyi be bavuga ururimi rw'Ikirusiya. Igihe yabwiraga umwe mu nshuti ze ko yarimo amusengera, uwo muturanyi yaratangaye cyane maze avuga ko yarimo ashakisha itorero riruhuka isabato yigishwa na Bibiliya. We n'abaturanyi be baje mu materaniro. Babiri muri bo barabatijwe.

Ikindi cyabaye ni icy'umugore umwe witwa Jeanne. Yahoze ari umwizera wo mu itorero ry'Ababatista ryo muri Burezili kandi ubu bwo yarimo ashakisha itorero rivuga Igiporutigali ahongaho muri Kolonye. Yaje kumenya itorero ry'Abadventisti, ahabwa ibyigisho bya Bibiliya maze arabatizwa. Nyuma yo guhinduka kwe, yahamagaye abaturanyi be bo muri Burezili ndetse na se wabo wari Umudventisti, maze ababwira ko ubu na we ari Umudventisti. Byatunguye cyane nyina, abavandimwe be ndetse n'abo mu itorero ry'Ababatisita bo muri Burezili iryo yasengeragamo. Ab'umuryango we bahise basura itorero ry'Abadventisti kugira ngo bagire ibyo biga ku by'Isabato. Ibi byatumye batanu bo muri bo babatirizwa muri Burezili barimo: nyina, abavandimwe be babiri b'abakobwa n'abaturanyi.

Ubu muri iki gihe ari gusengera abandi bavandimwe be babiri b'abakobwa baba mu gihugu cya Arijantina ngo bahinduke. Ashaka kuzabana na bo mu bwami bw'Imana.

Biturutse mu buyobozi bwiza bw'Imana, hari byinshi byatubayeho. Mu mubatizo wa mbere, abantu umunani barabatijwe – umwe wo mu Butaliyani, undi wo mu Budage, undi wo muri Peru, uwo muri Burezili, Ukraine, Venezuela, Kolombiya n'undi wo mu Burusiya.

Mu iherezo ry'umwaka twongeye gukora andi materaniro afitanye isano na gahunda y'iminsi 40 y'amasengesho. Uwitwa Jimmy Cardoso n'umugore we bakomoka muri Burezili ariko ubu bakaba baba muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, bakoze amateraniro y'ivugabutumwa. Nubwo

ayo materaniro yamazwe ibyumweru bibiri gusa, mu iherezo ry'ayo materaniro twabashije kubatiza inshuti zacu enye. Bari bamaze iminsi biga ibyigisho bya Bibiliya mbere yaho. Batatu muri bo bari Abadage undi ari Umutaliyani. Imibatizo yombi yabereye ku itorero rikuru ry'i Kolonye rifite abizera 400 na yorudani nziza yo kubatirizamo.

Turashimira Imana ko yadutunguye mu buryo bukomeye butyo. Nizera ndashidikanya yuko ikidufitiye byinshi bidutegereje. Ndakwinginze, komeza udusengere.” [Ibi twabihawe na Joao Lotze, wo muri Kolonye ho mu Budage.]

Gusabirana gukomeye: “Natangiye nisomera igitabo [cyitwa “Iminsi 40”] nkinyuzamo amaso gusa. Uhereye ku rupapuro rwa mbere ugakomeza, byaranshimishije. Ntitwari dukwiriye gusengera umuntu runaka gusa, ahubwo twagombaga no kumwitaho mu rukundo. Ibi bituma gusabira abandi bigira imbaraga. Ku bw’amahirwe make, ntabwo nari narigeze mbona habaho gusabirana nk’uko mbere. Kugaragaza ukwizera kwawe! Nizera rwose ko bifitiye umumaro usenga kimwe n’uko bifitiye umumara usengerwa. Mu buryo bumwe n’ubwo, byanyemeje guhera mbere hose yuko itorero ryagombaga kongerwamo imbaraga. Mbega! Niringiye ko gushyikirana n’Imana bizaba nk’uko bisobanurwa mu gice cya nyuma cy’iki gitabo. Tuvugishije ukuri, nararize bitewe n’uko nari narifuje gushyikirana n’Imana nk’uko kuva kera. Nizeye yuko igitabo cyitwa “Kristo muri jye” kitwubaka kandi kikatubatura ku buryo bwacu bwo gukora ibintu mu mbaraga zacu. Nasomye ibitabo byinshi bivuga kuri “Kristo muri jye”, ariko kino cyo gusa n’aho gihebuje ibindi mu gufasha umuntu. Niringiye yuko imibereho yawe yo gusenga izasubizwamo imbaraga kubw’iki gitabo, kandi ko ukubana n’Imana kw’abantu kuzarushaho kubakira mu itorero, ndetse no gusabirana kukarushaho kugira imbaraga. Iki gitabo kimpa ibyiringiro ku bw’ubugingo bwanjye, ku bw’itorero ndetse no ku bw’abatuye isi yose. Ndashimira Imana ku bw’iki gitabo. Igikurikiyeho ni uko ndi gutegura kwiga igitabo cy’iminsi 40, nkagisabira ubundi nkakijyana aho Imana inyeretse.

Mu byumweru bike byakurikiyeho, nakiriye ubutumwa kuri mudasobwa yanjye buturutse kuri mushiki wacu umwe buvuga butya: “Nk’uko mubizi, nasomye cya gitabo bwa mbere nyuzamo amaso. Nyamara guhera aho ntangiriye gusengera mu itsinda mfatanyije n’uwo turihuriyemo muri gahunda yo kuramya, nabonye ko ari iby’agaciro gakomeye kurenza uko nabitekerezaga bwa mbere. Nabonye ibisubizo byinshi ku bintu runaka, ibyo nabashije gusengera jyewe ubwanjye. Ndashimira Imana ku bwa mugenzi

wanjye duhuriye mu itsinda ryo gusenga uri kugira uruhare runini muri iyo gahunda.” H.K

Nta cyizere na mba yongeye kugira: “Igitabo cyitwa ‘Intambwe zigeza umuntu ku bubyutse’ cyaramfashije cyane...Kubwo kuba naravukiye mu itorero ry’Abadventiste, niringiraga ko ndi mu nzira nziza, Igice cy’icyo gitabo kivuga iby’abakobwa cumi, by’umwihariko amagambo ari mu Abaroma 8:9b, ahavuga hati, ‘*Ariko umuntu wese udafite Umwuka wa Kristo ntaba ari uwe.*’ Numvise anyahuranije umutima. Mu buryo buntunguye, numvise nta cyizere namba nongeye kugira cy’uko mfite Mwuka Wera cyangwa niba akorera muri jye kubera ko nta mbuto zijyanye na byo nabonaga mu mibereho yanjye. Kuri iyo sabato nyuma ya saa sita, narangije gusoma icyo gitabo maze numva ngize agahinda gakomeye ntasoboye gusobanukirwa. Nuko nsoma isengesho riri muri icyo gitabo ahajya gusozza nuko icyifuzo gikomeye cyo guhabwa Mwuka Wera kivuka mu mutima wanjye, nifuzaga kumureka agahindura umutima wanjye maze Imana ikandema mu buryo buhuje n’ubushake bwayo....” A.P.

Nimumumenye: Mu gihe gishize, nasomye inyandiko yanyu ivuga ku bubyutse. Nashishikariye iyo nsanganyamatsiko mu gihe cy’imyaka itatu. Ubu maze igihe gito ntangiye gusoma noneho igitabo cy’*Intambwe zigeza umuntu ku bubyutse*. Ku bw’ibi, icyo navuga gusa ni AMEN! Nejejwe n’uko kuri izi mpapuro nabonyemo byinshi mu bitekerezo nari mfite. Niyumvisha ko mu itorero ryacu, icyo tubura ngo tugere ku ntego ari akantu k’ubusabusa. Ntabwo nakwikuramo ko twajimije iby’ingenzi cyane! Akenshi usanga bifite aho bihuriye ‘n’icy’ukuri’, ‘uburyo twari dukwiriye kubaho’ cyangwa ‘uburyo ubuhanuzi ari ingenzi kandi si uko ndi kuvuga yuko ibi atari byo. Nyamara twirengagije IMPAMVU Imana yabiduhaye! Mbese ukuri ntikugamije yuko tugirana umushyikirano mwiza n’Imana?

Ibiri amambu se, mu by’ukuri ibi ntibyagombye kudufasha kugera ku kumenya Imana? Mbese intego y’ubuhanuzi si ukugira ngo twemere gukomera kw’Imana no gushobora byose kwayo guheranije kugira ngo dusobanukirwe n’uko ifite isi mu biganza byayo akaba ari Yo iyiyobora, kandi muri ubwo buryo ikaba ari na yo ishobora kurema imibereho yacu ikamera neza? Mbese ubugingo buhoraho ni iki? Muri Yohana 17:3 haranditswe ngo, “*Ubu ni bwo bugingo buhoraho, ko BAKUMENYA ko ari wowe Mana y’ukuri yonyine, bakamenya n’uwo watumye ari we Yesu Kristo.*” Mu mugani, umukwe yabwiye abakobwa batanu b’abapfu ati, “ndababwira ukuri yuko ntabazi.” Intego yo kwizera kwacu ni ukumenya Imana, gushyikirana na Yo

kugira ngo ibashe kutwuzura nk’uko mu gihe cyashize yigeze kuzura urusengero (2 Ingoma 5:13-14). Kandi iyo Itembera muri twe, yuzura impagarike yacu yose, noneho ntitube ari twebwe tukibaho, ahubwo akaba ari Kristo uriho muri twe.” (*Uwavuze aya magambo azwi n’uwasubiye muri iki gitabo bwa nyuma*).

IBISUBIZO BITANGAJE BYO GUSABIRANA

Igitabo cya kabiri kivuga iby’“Iminsi 40” cyanditwse na Dennis Smith ni umugisha utangaje kuri jye. Bamwe mu bantu nasengeraga bagize urugero rwa 180 rw’impinduka mu mibereho yabo.

Mu gihe cy’iminsi 40 nagiranye ikiganiro cy’iby’umwuka cyimbitse n’inshuti yanyje. Yambwiye ko ubuzima bwe bwari bwafashe ikindi cyerekezo cy’ubuzima mu byumweru bike byari bishize. Yari akeneye cyane gusenga, yatekerezaga cyane ku Ijambo ry’Imana kandi yemerera ibyo yari yabonye ko ari iby’agaciro kandi byifuzwa gukorera muri we. Numvise ngize imbaraga zo kumubwira iby’igitabo cyitwa “Iminsi 40” kandi mubwira ko yari mu bantu batanu narimo nsengera. Inyifato ye yanteye gutungurwa. Yaravuze ati, “Nuko rero wishyize ku mutwe ibi byose!”

Hari umukobwa wafashe icyemezo cyo kwiyegurira Imana ijana ku ijana (100%). Nubwo yari umwizera w’itorero uhereye akiri muto, yabagaho imibereho itarimo Imana. Ntiyari ashishikajwe n’ibyo kwizera kandi yari yarafatiye mu mitego yo kubaho nk’ab’isi. Ubu bwo yari yahindutse rwose ku buryo buri wese wamubonaga yatangaraga. Ubu ari kwigana nanjye Bibiliya kandi akaba ari muri gahunda y’“iminsi 40” mu itorero ryacu; arashishikariza n’abandi kugira imibereho iyobowe no kwizera mu buryo butajenjetse.

Undi mukobwa w’inkumi nasengeraga yagombaga kwitabira amahugurwa y’igihe cy’icyumweru ndetse akaguma mu macumbi hamwe n’abandi bari bitabiriye ayo mahugurwa. Yari ahagaritswe umutima no kumarana iki gihe cyose n’abantu atamenyeranye na bo. Umunsi umwe mbere yuko ahaguruka ku icumbi ajya mu mahugurwa, namuteye umwete mu isengesho maze mubwira ko nari namaze umwanya musengera. Nuko dusaba Imana ko imuha amahoro kubw’uko yari amerewe, kandi ikamuha kugira iyo mibereho nk’igisubizo cy’iryo sengesho. Muri icyo gihe cy’amahugurwa yarampamagaye maze ambwira yishimye cyane ko hari ikintu gitangaje Imana yakoze mu bugingo bwe. Ntabwo yari yamuhaye amahoro gusa, ahubwo yari yamuhaye n’imbaraga zo kutitabira imikino yo

kwishimisha yabagaho ikigoroba yari ikubiyemo no kubyira, kunywa ibiyobyabwenge n’ibindi.

Nyuma y’iyo minsi 40, nakomeje gusengera abo bantu kubera ko nari narangije kubona ukuntu Imana isubiza amasengesho.” A.M (*Mbyanditswe mu magambo make*).

UBURYO IMANA IKORERA MU GUSABIRANA KW’ABANTU

Mu myaka itanu ishize, nari naratandukanye n’umuntu w’agaciro gakomeye kuri jye. Yasaga n’uwari waragiye yirengagiza ubutumwa namwohererezaga. Nari narumvise ko yari amaze imyaka itatu atajya mu rusengero kandi yari yarakuriye mu itorero, kandi ubu bwo yari afitanye ubucuti n’umukobwa utari umukristo. Nongeye izina ry’uyu musore ku rutonde rw’abo nsabira nubwo nta byiringiro nari mfite by’uko nshobora kongera guhura na we kuko twari dutandukanijwe n’intera y’ibirometero 600 kandi akaba atarasubizaga ubutumwa namwohererezaga. Nubwo byari bimeze bityo, narasenze.

Bidatinze, naje kumva yuko umwe mu bavandimwe be azabatizwa mu mubatizo wendaga kuba, kandi ibyo byaje kubera ahantu bugufi bwanjye; ndetse biba mu gihe twari tukiri muri bya bihe by’iminsi 40 y’amasengesho (umubatizo uteganywa, wari warateganyijwe kuba mu gihe gitandukanye n’icyo). Nafashe icyemezo cyo kujya muri uwo mubatizo – maze mpura na we. Nashoboye kugirana na we ikiganiro cyimbitse maze ambwira ko hari igihe yamaze yiyumvamo icyifuzo gikomeye cyo kugarukira Imana, nyamara ntabone imbaraga zo guhindura imibereho yari afite. Namubwiye ko nari maze iminsi 20 musengera cyane, kandi ko na mbere y’iyo minsi yari asanzwe ku rutonde rw’abo nsengera. Yaracetse kubera yuko muri icyo gihe nyine ari cyo yumvisemo ko Imana iri gukorera umurimo muri we.

Mu gihe cy’umubatizo wari uyobowe n’Umwuka Wera, yarafashijwe cyane maze ubwo Pasitoro yararikaga abantu, nashoboraga kwiyumvisha intambara yarwaniraga mu mutima we. Nyuma y’urugamba rurerure, yakubise ibipfukamiro hasi maze atangira kurira. Yongeye kwiye gurira Imana! Ku iherezo ry’uwo mugoroba, yambwiye yuko yafashe icyemezo cyo kongera kugaruka mu rusengero ubudasiba no guhindura uburyo yari asanzwe abaho. Ntabwo yari yiteze ko iyo minsi isoza icyumweru yari kumugendekera mu buryo nk’ubwo.

Ibyumweru bike byakurikiyeho, nahuriye na we mu iteraniro ry’ivugabutumwa ry’abasore, na byo bikaba byaramukomeje bituma

arushaho gukura. Ndashimira Imana ku bwo kwihana kw'inshuti yanjye nkunda cyane." M.H.

ITORERO RYO MURI LUDWIGSBURG I BADEN- WUERTTEMBERG MU BUDAGE

Bwa mbere, twize igitabo cyitwa "Iminsi 40" jyewe n'umugore wanjye maze buri wese abyungukiramo cyane kandi tubonera imigisha mu bihe byo gusenga. Nyuma yaho, twateguye gahunda yo guhurira ku rusengero inshuro ebyiri mu cyumweru tugasomera hamwe n'abandi bizera icyo gitabo. Twaronse imigisha y'Imana ku buryo bugaragara kandi tubona ibitangaza byinshi mu gihe cy'iminsi 40. Nk'itorero, Imana yaratubukije: abagize itorero batari barigeze na rimwe bamenya kuvugana n'abo bataziranye, batangiye kujya baganira na bo ari bo babyihitiyemo. Imana iri kudukuriza hamwe nk'itorero binyuze mu masengesho dusengera hamwe. Twagize amahirwe yo kumenya ibyiza biva mu gusabirana no kunganira abantu batanu buri wese yabaga asabira mu gihe cy'iminsi 40. Imana yakoreye mu mibereho y'abo bantu mu buryo budasanzwe. Byagiye bibaho kenshi kubona abantu duturanye baboneka mu rusengero kenshi mu materaniro. Ubu turi guha ibyigisho bya Bibiliya umwe muri icyo miryango. Bamaze kumenya Isabato biciye mu byigisho biga hakoreshejwe videwo no ku mbuga nkoranyambaga, ndetse bazi n'igitabo cyitwa *Intambara Ikomeye* kandi bamaze igihe runaka bashakisha itorero. [Byavuzwe na Katja na Christian Schindler bo mu Itorero ry'Abadiventiste b'umunsi wa karindwi rya Ludwigsburg (iyi ni inshamake)].

UKO BYAGENZE MU GIHE CY'IMINSI 40

Ibyabaye byose byatangiranye n'igihe cy'ibyigisho twagize ku gitabo cyitwa *Intambwe zigeza umuntu ku Bubyutse*. Muri icyo gihe, icyifuzo cyavutse muri jye cyo kumva Imana ikorera mu bugingo bwanjye buri munsi. Nyuma naje kumva iby'iminsi 40 yo gusenga no kuramya Imana. Byahise binsobanukira—nifujye kumenya uko ibyo byamere mu buzima bwanjye. Mu by'ukuri, sinari nsobanukiwe n'ibyo ndi gushaka kwinjiramo. Kubona mugenzi wanjye ukwiriye wo gufatanya na we gusenga (ibi ni umugabane umwe ugize icyo gahunda) ubwabyo ntibyari bikomeye. icyari kigoye ni ukubona umwanya twahuriraho twembi tugasenga buri munsi mu gihe cy'iminsi 40. Nk'umuganga, amasaha yanjye y'akazi arahindagurika. Ibyo nta n'ubwo nari nabitekerejeho. Nubwo bimeze bityo, Imana yahiriye icyemezo cyanjye guhera mu itangira. Nategerezanyaga urukumbuzi iminota yari imfitiye agaciro gakomeye ya buri munsi, aho twagombaga guhurira hamwe

tukaganira ku nsanganyamatsiko kandi tukanasaba Mwuka Wera. Twaje kubona ko amasengesho hari icyo yahinduye mu mibereho yacu. Ntitwashoboraga kubyiharerana. Buri kanya kose twabonaga, twumvaga duhatiwe kugira icyo tunganira n'abandi. Byari iby'agaciro kuri jye gushishikariza abandi ibintu nk'ibyo. Ingaruka z'ibyo ntizabuze kugaragara. Bamwe mu bizera bakozweho n'uwo muhati twari dufite. Bidatinze, andi matsinda ya babiri babiri yarabonetse. Twashatse uburyo twajya duhurira hamwe buri cyumweru tukaganira ku byo twahuye na byo. Bake mu rubyiruko rwacu na bo bafashwe n'ubwo bubyutse. Iminsi 40 twabonye ishize vuba. Ntabwo twumvaga tubishaka kandi ntitwari gushobora kurekeraho. Twakomeje ibihe byacu byo kuramya kandi twiga igitabo cyitwa "*Maranata* - Umwami Yesu araje" cyanditswe na Ellen G. White. Imana ntiyatumye dutegereza igihe kirekire. Tukiri muri icyo gihe cy'iminsi 40, Imana yashubije amasengesho yacu ku buryo butangaje. Umuntu umwe twasengeraga muri icyo gihe yongeye kugaruka mu itorero nyuma y'igihe kirekire ataribonekamo. Twarishimye cyane. Abantu bari ahanzengurutse barushijeho kumera abantu b'agaciro. icyifuzo cyanyje cyo gusangira n'abandi urukundo rw'Imana cyarushijeho kwiyoungera. Imibereho yanyje yarahindutse. Benshi muri twe barushijeho kugira ubwumvikane abandi baramenyana. Bamwe bagaye bagira uruhare mu buzima bw'abandi kandi biga kubera abandi umugisha. Gushyikirana n'Imana byarushijeho kugira ubusobanuro bushya bidasanzwe. Igitabo cyitwa «Iminsi 40» cyanditswe na Dennis Smith cyaramfashije cyane. Kubona mugenzi wawe mufatanyaga gusenga no kugira Imana mu bugingo biroroshye cyane kurenza uko umuntu yabyibwirira. Inshuti zacu zizabidushimira. "[*Ibi twabihawe na Hildegard Welker wo mu itorero ry'Abadventisti b'umunsi wa 7 rya Craisheim, akaba ari umuforomo ukora muri serivisi yo kubaga (ubu buhamya bwavuzwe mu magambo make cyane)*]".

YESU, URUGERO RWACU

Yesu ni urugero rwacu rukomeye muri byose. Muri Luka 3 :21-22 dusoma amagambo akurikira, « *Nuko abantu bose babatijwe, na Yesu amaze kubatizwa, agisenga ijuru rirakinguka. Agisenga Umwuka Wera aramumanukira afite ishusho y'umubiri usa n'inuma...* »

Kuri ibi byabaye Ellen White avuga aya magambo, «Nk'igisubizo cy'isengesho yasengaga Se, ijuru ryaramukingukiye, Mwuka Wera aramumanukira afite ishusho y'umubiri usa n'inuma, atinda kuri we. »¹¹⁴

Biratangaje ko nawe byamubayeho mu gihe cy'umurimo we. **“Buri gitondo, yavuganaga na Se wo mu ijuru, bityo agahabwa umubatizo wa Mwuka Wera buri muni.”**¹³⁸Niba Yesu yarakeneraga kubatizwa na Mwuka Wera bundi bushya, mbese twe ntiturushijeho kubikenera?

IBITEKEREZO BISOZA

Binyuze muri Mwuka Wera tuba dufite umuyobozi utangaje mu byo duhura na byo byose muri ubu buzima tukagira n'imbaraga hakurikijwe uko ubutunzi bw'ubwiza bwe bungana.

Ku bw'ibyo, imico yacu ishobora guhinduka bityo tugahinduka ibikoresho by'agaciro mu biganza by'Imana. Ukwitanga kwacu kwa buri muni no kubatizwa na Mwuka Wera kwacu bizatugeza ku majyambere nyakuri mu mibereho yacu.

Umwami ashaka kudutegurira guhangana n'ibihe bikomeye kurusha ibyigeze kubaho mu mateka y'isi. Arashaka ko buri wese ku giti cye aba yiteguye kugaruka kwe kandi ko binyuze mu mbaraga za Mwuka Wera, dukorera hamwe tukarangiza umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza. Arashaka kutuyobora tukaba abaneshi mu bihe bikomeye.

Reka Imana iguhe ihemburwa n'ivugururwa binyuze mu kwitanga buri muni no kubatizwa buri muni na Mwuka Wera.

Ndashaka gusojesha imirongo ya Bibiliya n'isengesho risaba ububyutse:

“Maze abantu banjye....nibicisha bugufi, bagasenga bagashaka mu maso hanjye bagahindukira bakareka ingeso zabo mbi, nanjye nzumva ndi mu ijuru mbababarire igicumuro cyabo, mbakirize igihugu.” (2 Ngoma 7:14)

Isengesho: Data uri mu ijuru, ndakwinginze mpa kwicisha bugufi (Mika 6:8). Shyira mu mitima yacu icyifuzo gikomeye cyo gusenga no gushaka mu maso hawe. Duhe kugira ubushake kandi udufashe kuva mu nzira zacu z'ubugome. Ndakwinginze, uzuza ibyangombwa bikenewe muri twe kandi nk'ingaruka z'isezerano ryawe, utwemerere twumve igisubizo uduhaye. Tubabarire ibyaha byacu kandi udukize kuba

¹¹⁴ E.G. White, *Ye Shall Receive Power* (1995), p. 14.4.

¹³⁸ E.G. White, *Signs of the Time*, Nov. 21, 1895.

“Ububyutse bukenewe buzaboneka ari igisubizo cy’isengesho.”¹¹⁵
“Umubatizo wa Mwuka Wera nk’uko byagenze ku muni wa Pentekoti uzatuma habaho ububyutse mu iyobokamana ry’ukuri kandi bitume hakorwa imirimo myinshi itangaje.”¹¹⁶

Gahunda y’umurunga w’amasengesho ahuje isi yose yiswe 777

Mbese “777” ni iki? Ni gahunda y’umurunga uhuriye isi yose hamwe ku isaha yo gusenga. Abantu b’Imana barimo barasenga iminsi irindwi y’icyumweru ku isaha ya saa 7:00 (saa moya) z’igitondo na saa 7:00 (saa moya) z’umugoroba basaba Mwuka Wera kuba mu miryango yacu, mu bayobozi bacu, mu matorero no mu baturanyi bacu. Isaha iyo ari yo yose wasengeraho, kuri iyo saha umuntu azayihuriraho n’ibihumbi by’abantu baherereye mu gice kimwe cy’isi na we abarizwamo kandi ibyo na byo bizabazanira ubumwe, bityo “Umurunga w’abizera basengana umwete ukwiriye kuzenguruka abatuye isi bose...bagasaba Mwuka Wera.” Review and Herald (Urwibutso n’integuza) January 3, 1907) www.revivalandreform.org

¹¹⁵ E.G. White, Selected Messages, Book 1 (1958), p. 121.1

¹¹⁶ E.G. White, Selected Messages, Book 2 (1958), p. 57.1

UMUGEREKA

Ibyo umusomyi yakomeza gusoma kugira ngo yige birushijeho

Imfashanyigisho y'ibygisho by'iminsi 40

Imibereho mishya izanwa no kubana na Mwuka Wera

Igitekerezo cy'ingenzi: soma aka gatabo, niba bishoboka ugasome buri muni ubi gire iminsi itandatu ikurikirana. Ubushakashatsi bwakozwe mu burezi bwerekanye yuko ari ngombwa ko insanganyamatsiko y'agaciro gakomeye mu buzima bwacu ikwiriye gusomwa cyangwa umuntu akayisomerwa inshuro esheshatu kugeza ku nshuro cumi mbere y'uko umuntu ayisobanukirwa neza. Ngaho bigerageze. Ibizakomoka kuri iryo gerageza bizabasha kukwemeza.

Hari umwarimu wabigerageje maze aravuga ati, “Aya magambo yo gutera abantu umwete ngo, ‘Bigerageze nibura inshuro imwe. Ikizavamo kizakwemeza.’ Yaramfashije cyane. Nashakaga ko ibi bimbaho, kandi igihe nari ntararangiza gusoma inshuro ya gatatu, byaramfashe numva ngiriyeye urukundo rwinshi Umucunguzi wanjye ari nabyo nari narifuje cyane mu mibereho yanjye yose. Mu gihe cy'amezi abiri nari maze kugasoma inshuro esheshatu kandi koko numva mbivanyemo imbaraga zikomeye. Byambereye nk'uko nakumva Yesu aje akatwegera maze tukamureba mu maso he hazira inenge kandi huje impuhwe n'urukundo. Guhera icyo gihe, sinongeye kwifuza kugira aho njya ntafite uwo munezero uzanwa n'Umukiza wanjye.” C.P

Nagiye nakira ubuhamya bwuzuye gushima n'ubwitange ku byerekeye Imibereho mishya bari bafitanye na Mwuka Wera. Hafi y'ubwo buhamya bwose, bwagiye butangwa n'abasomyi, basomye bashishikaye kandi bakongera bagasubiramo inshuro nyinshi aka gatabo.

Inyandiko zindi zivuga kuri iyi nsanganyamatsiko [Ziboneka mu rurimi rw'Icyongereza]

- *40 Days [Book 1] Prayers and Devotions to Prepare for the Second Coming*, Dennis Smith, Review and Herald, 2009
- *40 Days [Book 2] Prayers and Devotions to Revive your Experience with God*, Dennis Smith, Review and Herald, 2011
- *40 Days [Book 3] God's Health Principles for His Last-Day People*, Dennis Smith, Review and Herald, 2011

- ▶ *40 Days [Book 4] Prayers and Devotions on Earth's Final Events*,
Dennis Smith, Review and Herald 2013

- ▶ *If My People Pray – An Eleventh-Hour Call to Prayer and Revival*, Randy Maxwell, Pacific Press 1995
- ▶ *Revive Us Again*, Mark A. Finley, Pacific Press 2010
- ▶ *How to Be Filled With the Holy Spirit and Know it*, Garrie F. Williams, Review and Herald 1991
- ▶ *The Radical Prayer*, Derek J. Morris, Review and Herald 2008

IGITABO GIKUBIYEMO INYIGISHO ZIVUGA IBY’IMINSI 40

Ushobora kubona imfashanyigisho yakunganira mu gutegura iminsi 40 yo gusenga iherekejwe n’amateraniro y’ivugabutumwa ukoresheje igitabo cyitwa Iminsi 40 cyanditswe na Dennis Smith ku rubuga nkoranyambaga: www.spiritBaptism.org ahavuga 40 Days Instruction Manual.

Imibereho mishya izanwa no kubana na Mwuka Wera

Umwami wacu Yesu yaravuze ati, *“Icyakora muzahabwa imbaraga Umwuka Wera nabamanukira, kandi muzaba abagabo bo kumpama...”* (Ibyakozwe 1:8)

Ugusaba kudasanzwe: Iyo umaze kugira imibereho yo kubana n’Umwuka Wera mu bugingo bwawe cyangwa se guhamya, twabyishimira rwose uramutse woherereje Helmut Haubeil inshamake y’uko ibintu bimeze kugira ngo abashe kubisangiza abandi mu nyandiko yitwa “Missionbrief” (ni ibarwa ntoya yandikirwa mu Budage ivuga uko umurimo w’ivugabutumwa uhagaze). Turakwinginze tubwire-niba ushaka gukoresha inyuguti zitangira amazina yawe gusa ukazandika ahahera iyo nyadiko ngufi, cyangwa wabihitamo ukareka tukamenya amazina yawe yose n’itorero usengeramo. Ndakwinginze wibuke ko ibyakubayeho bishobora gukomeza abandi bagakura mu rugendo rwabo bagendanamo na Mwuka Wera cyangwa bagatangira kugendana na Mwuka Wera.

Aho wababariza:

Helmut Haubeil Rosen heimerstr.49
D-83043 Bad Aibling / Oberbayern, Germany
E-Mail: helmut@haubeil.net
Language: German or English

[illegible]

[illegible]

UKO BYAGENZE MU GIHE CY'IMINSI 40

Ibyabaye byose byatangiranye n'igihe cy'ibygisho twize ku gitabo cyitwa *"Intambwe Zigeza Umuntu ku Bubyutse"*. Muri icyo gihe, icyifuzo cyavutse muri jye cyo kumva Imana ikorera mu bugingo bwanjye buri muni. Nyuma naje kumva iby'iminsi 40 yo gusenga no kuramya Imana. Byahise binsobanukiranifuje kumenya uko ibyo byamera mu buzima bwanjye. Mu by'ukuri, sinari nsobanukiwe n'ibyo nshaka kwinjiramo. Kubona mugenzi wanjye ukwiriye wo gufatanya na we gusenga (ibi ni umugabane umwe ugize iyo gahunda) ubwabyo ntibyarari bikomeye. icyari kigoye ni ukubona umwana twahuriraho twembi tugasenga buri muni mu gihe cy'iminsi 40. Nk'umuganga, amasaha yanjye y'akazi arahindagurika. Ibyo nta n'ubwo nari nabitekerejeho. Nubwo bimeze bityo, Imana yahiriye icyemezo cyanjye guhera mu itangira. Nategerezanyaga urukumbuzi iminota ya buri muni yari imfitiye agaciro gakomeye, aho twagombaga guhurira hamwe tukaganira ku nsanganyamatsiko kandi tukanasaba Mwuka Wera. Twaje kubona ko amasengesho hari icyo yahinduye mu mibereho yacu. Ntitwashoboraga kubyiharerana. Buri kanya kose twabonaga, twumvaga duhatiwe kugira icyo tunganira n'abandi. Byari iby'agaciro kuri jye gushishikariza abandi ibintu nk'ibyo. Ingaruka z'ibyo ntizabuze kugaragara. Bamwe mu bizera bakozweho n'uwo muhati twari dufite. Bidatinze, andi matsinda ya babiri babiri yarabonetse. Twashatse uburyo twajya duhurira hamwe buri cyumweru tukaganira ku byo twahuye na byo. Bake mu rubyiruko rwacu na bo bafashwe n'ubwo bubyutse. Iminsi 40 twabonye ishize vuba. Ntabwo twumvaga tubishaka kandi ntitwari gushobora kurekeraho. Twakomeje ibihe byacu byo kuramya twiga igitabo cyitwa Maranatha-Umwami Yesu araje cyanditswe na Ellen G. White. Imana ntiyatumye dutegereza igihe kirekire. Tukiri muri icyo gihe cy'iminsi 40, Imana yashubije amasengesho yacu ku buryo butangaje. Umuntu umwe twasengeraga muri icyo gihe yongeye kugaruka mu itorero nyuma y'igihe kirekire ataribonekamo. Twarishimye cyane. Abantu bari ahanzengurutse barushijeho kumera abantu b'agaciro. icyifuzo cyanjye cyo gusangira n'abandi urukundo rw'Imana cyarushijeho kwiyongera. Imibereho yanjye yarahindutse. Benshi muri twe barushijeho kugira ubwumvikane abandi baramenyana. Bamwe bagiye bagira uruhare mu buzima bw'abandi kandi biga kubera abandi umugisha. Gushyikirana n'Imana byarushijeho kugira ubusobanuro bushya bidasanzwe. Igitabo cyitwa « Iminsi 40 » cyanditswe na Dennis Smith cyaramfashije cyane. Kubona mugenzi wawe mufatanya gusenga no kugira Imana mu bugingo biroroshye cyane kurenza uko umuntu yabyibwira. Incuti zacu zizabidushimira.

Hildegard Welker ni uwo mu itorero ry'Abadiventisiti b'umunsi wa 7 rya Craisheim, akaba ari umuforomo ukora muri serivisi yo kubaga (ubu buhamya bwavuzwe mu magambo make cyane).

Intambwe

ZIGEZA UMUNTU KU BUBYUTSE

Helmut Haubeil ni umuntu wikorera imirimo ibyara inyungu akaba n'Umupasitoro. Nyuma yo guhirwa n'imirimo yo guhagararira ishyirahamwe rikoresha amato yo mu nyanja, igihe yari agize imyaka 37 y'ubukuru, yakiriye irarika ry'Imana yinjira mu murimo w'ubugabura kandi akora ari umupasitoro mu gihe cy'imyaka 16. Nyuma yaho yabaye umuyobozi w'ivuriro ry'Abadiventisiti ryita ku miryango riri ahitwa i Bad Aibling ho mu Budage. Ni we washinze icapiro

rya "Missionsbrief" kandi ni nawe Mwanditsi mukuru waryo (basohora inyandiko zivuga uko umurimo w'ivugabutumwa uhagaze mu rurimi rw'Ikidage). Uhereye igihe yatangiye ikiruhuko cy'izabukuru, yakoze umurimo ukomeye mu murimo wo gushyiraho za misiyoni muri Aziya yo hagati no mu Buhinde.

*“Mbese ni iyihe mpamvu ituma
tudasonzera kandi ngo tugirire
inyota*

